Imana Itwikuruye

Jeffersonville, Indiana, USA
14 Kamena 1964

1 Tugume duhagarare rwose akanya gato mu gihe twunamishije umutwe ku bwo gusenga.

Mwami wacu udukunda, turashimira cyane uyu munsi ku bw'amahirwe dufite yo guterana ku isi mbere yo Kuza k'Umwami. Reka dusuzume imitima yacu uyu munsi, n'Ijamba Ryawe, kandi turebe niba turi mu kwizera, kugirango dushobore kwitegura, kugirango, ku isaha yo kugaragara Kwe, nk'uko Ibyanditswe byabivuze, "twese hamwe tuzazamurwe, hamwe n'abasinziriye, dusanganire Umwami mu bicu," twese tube turi kumwe na We.

Turagushimira Umwuka nyakuri wa gikristo ukiri mu isi mu bantu, ko bakikwizera n'Ijambo Ryawe. Kandi, turasaba ko imigisha Yawe iba kuri twe uyu munsi, Udusukeho icyo dukeneye, twuhirwe n'Ijambo Ryawe, dukure kandi tube ibikoresho bifite umumaro mu biganza Byawe ku bw'uyu munsi wa nyuma. Kuko tubisabye mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, Umushumba Wacu Ukomeye, dutegereje kuboneka kwe. Amina. Mushobora kwicara.

2 Ndavuga ko kuba ndi aha na none mbifata nk'amahirwe akomeye. Ndababaye kuko tudafite imyanya ihagije yo kwicaraho. Kandi, uyu mugoroba, turaba dufite inshingano yo gusengera abarwayi; uyu munsi, iki gitondo, biraba bikomeyemo.

Kandi intego yanjye yari iyo gufata amajwi ubutumwa bw'uyu munsi. Na. . . Nabonye ko Umwami yakoranye nanjye ku nsanganyamatsiko, yoo! Hashize ukwezi kumwe cyangwa abiri, kandi ni ubutumwa burebure. Singira igihe gikwiriye iyo ndi ahandi mu materaniro, kubera ko dukoresha iminota mirongo itatu kugeza kuri mirongo ine ku murimo. Noneho nyuma, tu. . . Kuko abantu bagomba kujya gukora n'ibindi byose, nibwiye ko ari byiza ko natanga ubutumwa bugufi. Kandi ahandi, ntitwari dufite igihe cyo gufata amajwi, noneho nibwiye ko nategereza muri make kuza aha ku gicaniro noneho nkafatira amajwi aha. Ni burebure mo, kandi nzi ko muhagaze, noneho ndibwihute, ndagira vuba bishoboka. Kandi, noneho, ntago biri bumbangamire nimuhinduranya imyanya, cyangwa ikindi cyose, biraba biri mu mwanya, kubera ko uyu ari umunsi udasanzwe, ugenewe gufata ayo majwi.

Noneho ubwo, dufite amakuru atangaje ajyanye n'ibyo Umwami yakoreye ku kibuga cy'umurimo, ariko nta gushidikanya ko turi bubivugeho cyane uyu mugoroba nidushobora kubiha umwanya uhagije, kandi tukabona igihe gihagije cyo kubiha.

3 Noneho ubu, dushyize ibyiringiro byacu mu Mwami ko Azaha umugisha buri umwe muri mwe. Nzi ko imitima yanyu yuzuye ibyishimo, mu gihe mutegereje Kuza k'Umwami. N'uwanjye, usazwe n'ibyishimo kubona uburyo ibintu birimo kuba. Amakimbirane yo mu bihugu, imimerere itorero ririmo, no kubona ibimenyetso byo Kuza Kwe, mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'umwuka, tuzi ko igihe cyo kuboneka Kwe cyegereje cyane, mu by'ukuri byuzuza imitima yacu ibyishimo, kumenya ko tuzahindurwa umwe muri iyo minsi. Tuzahindurwa, ntituzongera kuba ibiremwa turi byo.

4 Noneho, ndatekereza, niba numvise neza, ko hari uduce runaka tudukurikiye dukoresheje telefone, ko ubu butumwa buri kugezwa i Phoenix no mu tundi duce hakoreshejwe telefone. Kandi ubwo, ubu, twizeye ko, niba ari ko bimeze. . . simbizi; babimbwiye rwose mbere yuko nza. Kandi - kandi, ko mu by'ukuri abantu bose aho bafite ubuzima bwiza kandi - kandi ko ubwiza bw'Umwami buri kuri bo.

5 Noneho ubu - ubu, tujyiye gufungura Ijambo ry'Umwami. Kandi impamvu twese turi hanohano twese, ni ukugira ngo twishime no kugira ngo twitondere ibyo du. . . Nti - ntitwaje rwose, kandi natwe. . . Ku bari hano, nta muntu wakwizera ko dushobora kuguma kwicara ahantu hashyushye gutya, ku bwo kuba turi aha gusa. Turi aha ku bw'intego imwe gusa, ni ukugendana n'Imana mu bushuti magara. Ibyo dushobora gukora byose, ni ukwizera ko Umwami Yesu ari kumwe natwe. Kandi turi hano ku bwo - ku bwo kugendera hafi Ye cyane.

6 Nyamara, nihanganira cyane ubwo bushyuhe. Urebye namenyereye ubushyuhe bukaze tugira aho hakurya i Tucson, bwa. . . ubukonje buri hano ubu; ubushyuhe tugira hariya hakurya, harashyuha cyane kurusha hano, ariko hari bumwe. Rimwe na rimwe tugira makumyari by'ijana by'ubukonje, wenda, ikintu kimeze nk'iki; neza ni nko kuba munsi y'ihema ry'umwuka wa oxygen. Ariko hano, hari ubukonje imbere, kandi hamwe n'ibi, twumva "mu buryo bwuzuye dushyizemo imbaraga", nk'uko twabivugaga mu gihe cyashize. Noneho, birakomeye kubyihanganira, ubwo, ndabizi, namwe ababyeyi mufite abana, n'abandi muri mwe muhagaze, abasaza n'abasore, kandi mubyigana nk'uko mumeze. Noneho ubwo, twi - twiringiye ko Imana izabahemba ibintu byinshi ku bwo kwitanga kwanyu.

7 Ku bijyanye n'ibyo numvise, mwene Data Roy Borders ari ahantu runaka. Nabyumvise bivugwa ku ndangururamajwi, ariko ndatekereza wenda ko atashoboye kwinjira. Byiza. Ni we utegura amateraniro.

Noneho, ubu, turashaka na none gutangaza ko umuntu umwe wahoze mu bacu mu gihe cyashize yasanganiye Umwami iki gitondo, umugabo, mwene Data Jackson, w'i Sturgis, muri Michigan. Nta muntu uzi uburyo yajyiyemo, cyangwa icyabiteye. Yari ameze neza cyane, ubwo muri make, ya. . . Ndatekereza

ko basanze yapfuye, cyangwa ikintu nk'icyo. Sinabonye amakuru yose. Kandi turashimira Imana cyane kuko mwene Data Jackson yari umukristo. Hashize imyaka myinshi ntamubona, ariko yicaye hagati muri twe, kandi ni umwe mu bacu. Imana ihe ikiruhuko ubugingo bwe bw'intwari! Kugenda gutyo, twizera ko, wenda byari ikintu runaka, ko cyari igihe kuri we cyo kugenda. Umwami ntiyigeze abitubwiraho mbere, na we ni uko, yagiye, muri make. Ni uko byagenze. Kandi ndashaka guhamagara umugore we bigishoboka, kandi nkamusobanurira akababaro kacu. Kandi turashaka twese gushimira Imana ku buzima bwe bwa gikristo bufite agaciro, no ku byo yakoze byose ku isi, noneho by'umwihariko kuri twe b'iri teraniro ry'akarere hano.

8 Noneho, uyu mugoroba, natangaje ko twari tugiye gusengera abarwayi uyu mugoroba, kandi ndibuvuge ku barwayi cyane uyu mugoroba.

Ariko ku bw'uyu mwanya, tujye ku Ijambo twihuse noneho, kubera ko hari abantu benshi kandi harashyushye. Turajya twihuse ku Ijambo. Ndashaka gusoma imirongo ibiri y'Ibyanditswe iki gitondo, ni miremire, kandi iribumpe muri make igisobanuro cy'icyo nshaka kuvuga.

Noneho, ubu, ndashaka ko bafata bande, mwene Data Sothmann n'abandi, niba bishoboka, mbere yo kuyigurisha, ndashaka kuyumva mbere yuko tu. . . mbere yuko ikwirakwizwa.

9 Noneho, muri. . . ndashaka gusoma mu Abafilipi, igice cya 2, kuva ku murongowa 1 kugeza ku wa 8; no mu 2 Bakorinto igice cya 3, uhereye ku murongo wa 6, kandi turasoma kugeza mu 2 Abakorinto igice cya 4, kugira ngo rwose biduhe intumbero. Noneho, ni mu Bafilipi, igice cya 2, ndibusome mbere na mbere.

10 Mbere yo gusoma, dusenge.

Mwami Yesu, Ijambo Ryawe ni Ukuri. Kandi muri iki gihe cy'imyivumbagatanyo turimo, igihugu kirarwanya ikindi gihugu, ibyorezo, imitingito y'isi ahantu henshi, imitima y'abantu icitse intege, ubwoba, turabona inyandiko ku rukuta. Nyamara ibi, ni mu buryo busanzwe, kugira ngo umuntu wese abone ibyo bintu. Ariko, ubu, hari uburyo bw'umwuka, turabona ibintu bikomeye biba, kandi turashaka kubivugaho uyu munsi.

Ha umugisha Ijambo Ryawe mu mutima wacu. Tuzi ko nta muntu n'umwe uhari mu Ijuru, cyangwa ku isi, ukwiriye gufata iki Gitabo, no kumena Ibimenyetso, cyangwa ndetse ngo akirebe. Ariko Hari Umuntu waje, Umwana w'intama watambwe, uva maraso, Yaraje noneho Afata Igitabo, Yari akwiriye kandi Yashoboye kugifungura. O Mwana w'Imana, hishurira Ijambo Ryawe imitima Yacu uyu munsi, kugira ngo turibonemo guhumurizwa. Turi abagaragu Bawe. Tubabarire ibyaha byacu, Mwami. Kandi icyashobora cyose kubuza Ijambo ry'Imana gusohokana imbaraga zikomeye no kugira ububasha ku buzima bwacu uyu munsi, gikureho, Mwami, imbogamizi yose, kugira ngo tugire mu buryo bwuzuye uburenganzira ku migisha yose twasezranyijwe n'Ijambo Ryawe. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

11 Abafilipi 2.

Nuko niba hariho gukomezwa kuri muri Kristo, kandi niba hariho guhumurizwa kuzanwa n'urukundo, niba hariho no gusangira Umwuka, niba hariho imbabazi n'impuhwe,

Musohereshe umunezero wanjye guhuriza imitima mu rukundo, mwibwira kimwe muhuje imitima.

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mutima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta.

Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu.

Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundira,

Ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu;

Yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.

12 Noneho, niba tubishaka cyane noneho, dufate 2 Abakorinto, igice cya 3, turahera ku murongo wa 6, kandi turasoma kugeza ku murongo wa 18, n'igice ndetse cya 4.

Ni yo yatubashishije kuba ababwiriza b'isezerano rishya batari ab'inyuguti, ahubwo ni ab'ubumwuka kuko inyuguti yicisha, naho umwuka uhesha ubugingo.

Nuko rero, niba imitegekere y'urupfu yanditswe igaharaturwa ku mabuye yarahawe

ubwiza n'icyubahiro, bigatuma Abisirayeli badashobora kwihanganira gutumbira mu maso ha Mose, ku bwo kurabagirana ko mu maso he (kandi kwari uk'umwanya muto gusa kugashira),

Nkanswe imitegekere y'Umwuka! Ntizarushaho kugira ubwiza n'icyubahiro?

Niba imitegekere yateraga gucirwaho ho iteka yarahawe ubwiza, nkanswe imitegekere itera gukiranuka!

Kuko ubwiza bwa ya yindi ya mbere butagisa nk'aho ari ubwiza, kuko bwamazweho n'ubwiza buhebuje bw'iyaje hanyuma.

Nuko rero, niba ubwiza bw'imitegekere ya mbere bwarahindutse ubusa ku bw'ubwiza bw'iya kabiri, noneho igumaho ni yo izarushaho cyane kugira ubwiza.

Nuko ubwo dufite ibyo byiringiro, tuvuga dushize amanga cyane,

Ntitumeze nka Mose watwikiraga mu maso he, kugira ngo Abisirayeli batareba iherezo rya bwa bwiza uko bwamushiragaho.

Ariko imitima yabo yarahumye ndetse kugeza na bugingo n'ubu, iyo Isezerano rya kera risomwa cya gitwikirizo kiba kigitwikiriye imitima yabo, ntibamenye ko cyakuweho na Kristo.

Ahubwo kugeza na n'ubu, ibya Mose iyo bisomwa iyo nyegamo ihora ku mitima yabo,

Nyamara iyo umuntu ahindukiriye Umwami iyo nyegamo ikurwaho.

Nuko rero Umwami ni we Mwuka, kandi aho Umwuka ari ni ho haba umudendezo.

Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.

Nuko rero, ubwo dufite uwo murimo wo kugabura iby'Imana ku bw'imbabazi twagiriwe,

Ntuducogora ahubwo twanga ibiteye isoni bikorwa rwihishwa, tutagendera mu buriganya kandi tutagoreka Ijambo ry'Imana, ahubwo tuvuga ukuri tweruye bigatuma umuntu wese adushimisha umutima we imbere y'Imana.

Ariko niba ubutumwa bwiza twahawe butwikiriwe, butwiriwe abarimbuka,

13 Umwami yongere imigisha Ye ku gusoma Ijambo Rye.

Noneho, insanganyamatsiko yanjye iki gitondo, ndashyira ibyiringiro byanjye mu Mana ko Izahishura ikirimo. Kandi, buri nshuro, nimufata bande kandi mukazumva. . . Kandi niringiye kandi ndashaka kwizera ko - ko mwumvise mu mwuka icyo Imana yagerageje kwereka Itorero itabivuze mu buryo bweruye. Murebe, ni ikintu runaka. . . Rimwe na rimwe, tugomba kuvuga ibintu ku buryo bwo gukwiza imishwaro, ku buryo bwo gutuma bamwe bigendera, bamwe bagenda, n'abandi gutekereza. Ariko bikorwa mu buryo bweruye. Ni ngombwa ko bikorwa gutyo.

14 Noneho, byashoboka ko bamwe bavuga bati "Murashaka kuvuga ko Imana yakora ikintu nk'icyo, mu buryo bweruye?" Nta gushidikanya Yarabikoze. Iracyabikora n'uyu munsi.

Yaravuze, umunsi umwe Yari afite ibihumbi bimuzengurutse, Yaravuze ati:"Nimutarya umubiri w'Umwana w'Imana, cyangwa w'Umwana w'umuntu, kandi nimutanwa Amaraso Ye, ntimufite Ubugingo muri mwe."

Mbega imvugo, muratekereza, umuganga cyangwa umufasha kazi wa muganga, cyangwa umuntu wese w'umuhanga cyane. . . ni iki yatekereza ku mvugo nk'iyo, ivuye ku Muntu wari ufite ubukozi nk'Ubwe? Noneho, yavuga ati "Kurya umubiri? Ibi, ni ukurya abantu! Kunwa amaraso y'umuntu? Ni umuzimu unywa amaraso y'abantu! Mu yandi magambo bivuze ko, Ashaka kutugira abaryanyama z'abantu n'abazimu banwa amaraso y'abantu." Noneho sale yose yajyiye kure Ye.

15 Hari ndetse ishyirahamwe ry'ababwirizabutumwa ryari kumwe na We, mirongo irindwi bari baratoranijwe. Yahindukiye abareba, noneho Aravuga ati "Ni iki muzatekereza nimubona Umwana w'umuntu azamutse ajya aho Yahoze?" Nyamara, Ntiyabisobanuye. Ntiyigeze asobanura ukuntu; ni Pawulo wabikoze nyuma cyane. Yarabivuze, ni byo gusa. Murabona? Noneho ubwo, icyo gihe, Yaravuze ati: "Ni iki muzabwira", abo bawirizabutumwa, "igihe muzabona Umwana w'umuntu azamuka ajya aho Yahoze?"

Nta gushidikanya ko abo bantu bavuze bati "Akanya gato, aho. Yoo! dusangira na We. Turobana na We. Turyama hamwe. Tuzi aho Yavukiye. Twabonye uburiri Yaryamishijwemo. Noneho, ni gute uwo Mugabo. . . Ni imvugo rikomeye."

Kandi Bibiliya iravuga iti “Ntibari bakigendana na We.” Baramutaye.

16 Aho, Yasigaranye cumi na babiri. Yatoranije cumi na babiri, kandi umwe muri bo yari idayimoni, ni cyo Yavuze. Noneho Yarabarebye.

Kandi nta muntu washoboraga gusobanura icyo Yari amaze kuvuga. “Ni gute bazabigenza kugira ngo barye umubiri We kandi banwe Amaraso Ye? Ni gute Yamanutse, mu gihe Yavukiye aha ndetse ku isi?” Murabona? Ntibashoboraga kubyumva.

Nyuma, Yarebye intumwa, noneho Aravuga ati “Namwe murashaka kwigendera?”

Kandi ni aho intumwa Petero yavugiye aya magambo ahebuje “Mwami, twakuvaho tukajya he?” Murabona? “Kuko twaremeye. Tuzi tudashidikanya ko Wowe, kandi Wowe gusa, Ufite Ijambo ry'Ubugingo, ry'iki gihe.” Murabona? “Kandi turabyemera” Murabona, ntibashoboraga kubisobanura. Ba. . . Ukwizera, ntikwisobanura. Ni ikintu mwizera, kandi ntikunyeganyezwa ku buryo nta kindi kintu gishobora kugusimbura. Ni ukuvuga ngo, bari bazi ko Ijambo ryanditswe ku bw'igisekuruza barimo, igisekuruza cya Mesiya, ko Yari ahuye na Cyo neza. Noneho ni iki bashoboraga gukora, kugaruka muri ayo matorero akonje, akurikiza imihango, aho bari baraturutse? Baravuze bati “Ni he twajya?” Murabona? “Turemera mu buryo bwuzuye ko Ufite Ijambo ry'Ubugingo.” Murabona? Kandi nti - ntibashoboraga kubisobanura, ariko barabyizeraga. Murabona?

17 Yesu yavuze ibi kugira ngo agabanye ikivunge cy'abamukurikiraga, murabona, kugira ngo ashobore gushyira hamwe itsinda. Kandi muri abo bantu bose, ba. . . gusa cumi n'umwe muri bo, icyo gihe, bashoboye mu by'ukuri kumva uwo Yari we. Bari bazi ko Yari Imana, Imana imwe gusa. Noneho. . .

Insanganyamatsiko yanjye, iki gitondo, ni uguhishura, cyangwa gutwikurura iyo Mana.

Imana buri gihe, muri buri gisekuruza, yihishe inyuma y'igitwikirizo, mu bisekuruza byose, ariko rwose Yagumye kuba Imana. Murabona? Ariko Yihishe isi, kandi Yihishurira Intore Zayo, nk'urugero intumwa, muri icyo gihe. Nyamara, yari Imana yavugiraga muri Kristo.

Noneho, umuntu igihe cyose (ni muri kamere y'umuntu) yashatse kubona iyo Mana mu mubiri. Yashatse buri gihe kuyibona. Umuntu yatekereje ibiremwa bisa na Yo. Batekereza ku. . . Abahindi baramya izuba. Kandi - kandi tubona, muri Afurika, amashusho atandukanye y'inyamaswa, n'ibindi byose. Kandi aho hejuru. . . igiti cy'ikirango muri Alaska, n'ishusho zitandukanye, nk'uko babivuga, zihagarariye iyo Mana. Nk'uko Pawulo muri Atene, iyo nshuro, yabibwiye Areyopago; yababwiye ko bari abapfumu kuri iyo Mana itazwi, bari bazi ko Iriho, ariko nyamara batayizi.

18 Noneho ubwo, turabona, ndetse mu gihe cya kera nk'icya Yobu. Uwo yari azi ko Imana iriho. Yarabizi. Kandi nta kiremwa muntu, mu myumvire yacyo myiza, kitazi mu buryo nta kuka ko hari Ikintu Runaka ahantu runaka. Noneho, ni ukuvuga ko, Yobu yashakaga kuyivugisha. Kandi ndashaka kubera ishusho Imana yatoranije yo kuvugisha Yobi. Imana yari ihishe igihe Yavugishaga Yobu. Yari ihishe mu nkubi y'umuyaga, Yamanutse mu nkubi y'umuyaga. Mwizera ko Imana iza na none mu nkubi y'umuyaga?

19 Hari benshi bicaye aha, umubare runaka, wari uri kumwe natwe wa munsi, igihe Yazaga mu nkubi y'umuyaga. Yari yabitubwiye mbere yuko biba, mwene Data Banks Wood n'abandi, igihe Yavugaga ati “Fata iri buye, uritere mu kirere noneho uvuge uti 'NI KO UWITEKA AVUZE! Ntimuzatinda kubibona.'” Ubwo natoraguye ibuye, ndi ku gasongero k'umusozi, nariteye mu kirere, noneho i. . . mu bisanzwe, mu kumanuka, ni byo byateje inkubi y'umuyaga, murabona, gukurura kwaremwe.

Mugomba gukora ikintu runaka, kugira ngo ikintu runaka gikurikireho. Yesu yafashe igice cy'umugati, noneho Arawumanyagura, nyuma Awutubura ahereye kuri icyo gice cy'umugati. Yafashe amazi, Ayasuka mu rwabya. Eliya yafashe umunyu, awushyira ku isahani; yatemye ingeri y'igiti, ayijugunya hejuru y'amazi. Ni ikintu kigomba kugira umumaro w'ikimenyetso. Ubwo nafashe iryo buye kandi nditera mu kirere, mu kumanuka, ni byo byateje inkubi y'umuyaga.

20 Bukeye bwaho, ubwo, hari umukozi wari kumwe natwe, byari mu gihe cyo guhiga. Yari hafi yanjye, noneho arambwira ati “Umwami atanga amayerekwa, ahandi, gutya, Mwene Data Branham?”

Naravuze nti “Yego, ariko mu bisanzwe, nza aha kugira ngo nduhuke.” Kandi rwose icyo gihe, iyerekwa ryaraje.

Noneho mwene Data Borders, ndatekereza ko ari hanze muri uyu mwanya, yari kumwe nanjye. Mwene Data Banks Wood, ndatekereza, kandi, yoo! hari benshi aho hakurya, umunani cyangwa icumi. Noneho mwene Data Banks Wood yarabirebaga. Neza ku musozi, neza ku rundi ruhande rwa. . . neza, hafi kuri kimwe cya kabari cya mayilo [m 800] z'ahantu Abamalayika bagaragariye, igihe nagendaga muri iyo ntego uva aha ujya hariya, noneho naragarutse kandi ndavuga nti. . . ari byo byari Ibimenyetso Birindwi, hafi kuri kimwe cya kabari cya mayilo [m 800] ujya aho.

21 Noneho ubwo, bukeye bwaho, mu gihe ibi byabaga, noneho. . . Nabwiye mwene Data, uwo mwene

Data, naravuze nti "Ikibazo cyanyu, mufite ikibazo cy'uburwayi mu jisho ryanyu. Abaganga bagerageza kuva mu myaka runaka kurivura, ariko ntibabishoboye. Bavuga ko mu. . . ko ubwo burwayi buzica ijisho ryanyu." Noneho naravuze nti "Ariko ntimuhangayike, Umwami Yesu yubashye ukwizera kwanyu." Noneho muri make yaretse imbunda ye igwa hasi. Noneho naravuze nti "Mama wanyu", neza uko byari bimeze kuri we n'ikibazo cye.

Noneho yaravuze ati: "Ni ukuri."

22 Mwene Data Roy Roberson, w'itorero, aha, yari ahari; ndatekereza ko mumuzi mwese. Tuzi ko yari umurwanyi wa kera, kandi mu gihe twari tuzi icyagombaga kuba, nashyize ikiganza ku rutugu rwe; ndavuga nti: "Mwene Data Roberson, ba maso, witonde, hari ikintu cyenda kuba."

Nagarutse ahantu nagombaga guhagarara, noneho inkubi y'umuyaga yariremye mu kirere, yamanutse yambukiranya mu kibaya, wari ufite imbaraga ku buryo wamennye urutare, ku bujya kuzimu bwa puse umunani kugeza ku icumi [cm 20 cyangwa 25], ku gasongero k'umusozi, kandi yajugunye ayo mabuye kuri metro 183 z'aho. Washakuje inshuro eshatu, gutya, noneho Ijwi ryasohotsemo. Murabona?

Kandi bose bari aho. Mwene Data Banks, uri aha muri uyu mwanya, yigiye imbere noneho aravuga ati "Ni cyo wambwiraga ejo?"

Naravuze nti: "Yego, mugabo, ni byo."

Yaravuze ati: "Ariko, ni iki Ryavuze?"

Naravuze nti: "Ibi, ni njye gusa ugomba kubimenya, Mwene Data Banks, urabona, kubera ko byari. . . Byakangura abantu."

23 Ariko Ibyo byakomeje inzira yabyo, ibi byabaye neza gake. . . byajyiye bijya mu majyaruguru. Buhoro buhora, nyuma y'iminsi runaka, ibyo byakubitiye ku nyanja, kandi mwabonye icyabaye mu gace ka Fairbanks. Byari ikimenyetso cy'urubanza. Noneho, turabona ko - ko Imana, na none uyu munsi. . . Murabona, abantu bafatwa n'umunaniro. Noneho, rwose, byari bikwiye ko - byari bikwiye ko biba, murabona. Ni ngombwa ko biba, ni byo. Ikigomba kuba, kigomba kuba mu buryo bwose. Murabona, ibyo bizaba mu buryo bwose.

24 Inshuro imwe, Mose yifuje kureba Imana, noneho Imana imubwira guhagarara ku rutare. Noneho, ku rutare, Mose yahagaze aho noneho abona Imana inyuraho, kandi umugongo Wayo wasaga n'umugongo w'umuntu. Imana yari mu nkubi y'umuyaga, noneho Imana. . . mu gihe Mose yari ahagaze ku rutare.

Ndatekereza ko mwese mwabonye ifoto, aho hakurya wa munsi; twahagaze hafi y'urwo rutare rumwe. Kandi hari uwo Mucyo, aho, Malayika w'Uwiteka, ahantu hahamye aho Ibyo byasakurije. Aho. . . Iracyari aho ku kibaho bamanikaho, muri uyu mwanya.

25 Murebe, Yehova w'Isezerano rya Kera ni Yesu w'Isezerano Rishya. Murabona? Ni Imana imwe, Ihindura gusa ishusho.

Wa munsi, aho, umuntu yaravuze, umukozi w'umutisita, i Tucson ati "Ni gute mushobora kuvuga ko - ko Yesu n'Imana ari Umuntu umwe?"

Naravuze nti "Rwose, biroroshye cyane, gusa mushoboye kureka igitekerezo cyanyu noneho mukabitekerezaho mu mvugo za Bibiliya. Ni umwe kandi ni Ikizima kimwe. Imana ni Umwuka; Yesu, ni Umubiri yari ihishemo. Murabona?" Naravuze nti "Nk'urugero, mu muryango wanjye. Ku mugore wanjye, ndi umugabo we. Kandi mfite umukobwa ukiri muto, Rebecca, ndi se. Kandi mfite umwuzukuru muto witwa Pawulo, ndi sogokuru we. Ndi umugabo, papa na sogokuru. Umugore wanjye nta burenganzira amfiteho nka data cyangwa sogokuru; amfiteho uburenganzira gusa nk'umugabo we. Kandi umukobwa wanjye ntafite umurenganzira kuri njye nk'umugabo cyangwa sogokuru; ni umwana wanjye. Murabona? Ariko nyamara, abo bantu batatu, bose ni umuntu umwe. Murabona? Noneho, Imana, Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ni uburenganzira gusa bujyanye n'ubugabuzi." Imana ni imwe, Imana imwe.

26 Imana yarihinduye; Ihindura ishusho. Nimureba, aha mu Bafilipi, haravuga hati "Ntiyabireba nk'ikintu cyo kugundira, ahubwo Ifata ishusho y'umuntu."

Nyamara, ijambo ry'ikigiriki, aho, ku ijambo ishusho. . . Namaze amanwa y'ejo mbishaka, ngerageza gutekereza icyo ari cyo, nabonye, nageze kuri iryo jambo rivuga guhindura ishusho (en morphe). Rigizwe n'izi nyuguti e-n m-o-r-p-h-e. Nashatse mu kigiriki kugira ngo ndebe icyo bivuze. . . Birashoboka ko ntabivuga uko bikwiye, ariko ni yo mpamvu ngaragaje inyuguti zirigize, kugira ngo, nidusohora bande, abantu babimenye, inzobere zizi icyo nshaka kuvuga. Ya. . . igihe guhindura ishusho, bishatse kuvuga ko Yihinduye. Ya - yaramanutse. Nyamara, ijambo ry'ikigereki, aho, bishatse kuvuga ko "ari ikintu tutashoboraga kubona, ariko nyamara kiri aho, noneho nyuma kikihindura, kandi ijisho rishobora kugifata". Murabona?

27 Kimwe na Eliya i Dothan. Murabona, uwo mugaragu ntiyashoboraga kubona abo bamalayika bose bari bamuzengurutse, umuriro, amafarashi y'umuriro n'ibimodoka by'intambara by'umuriro, iruhande rw'umuhanuzi Wayo. Murabona, ba. . . Yahinduye ibyo yabonaga. Ikintu cyari cyamaze kugera aho.

Noneho, ni cyo ngerageza kuvuga, ni uko Imana, yahozeho, iri hano. Ibyo Yakoze byose igihe Yigiraga umuntu, ni uko Yahinduye ishusho. Murabona? Ya -Ya. . . uko guhindura ishusho: Yarihinduye, iva mu cyo Yahoze Ari cyo iba icyo Iri cyo, cyangwa Yahinduye masike Yayo, ikindi gikorwa.

28 Nk'urugero, mu ikinamicyo ikomeye. Navugaga kuri ibyo iki gitondo, ngeregeza gusubiramo aho imbere, Shekespeare. Hashize igihe kirekire. Ariko igihe Shekespeare yandikaga ikinamico, iki. . . ayandikira umwami Yakobo w'Ubwongereza, igihe ya. . . umukinankuru witwa Macbeth. Murabona, Shekespeare ntiyemeraga uburozi; ariko mu ikinamico, mu gihe umwami, we, yemeraga uburozi, noneho yategetswe gushyiramo uburozi. Murabona? Kandi, noneho, ku bw'ibi, bahinduye uburyo bwo gutanga inshingano ku bakinnyi.

Becky, aha, muri Carmen, bakinnye ibi ku ishuli aho amaze kubona impamyabushobozi ye, hashize ibyumweru bike. Noneho, umuntu umwe gusa yashoboraga gukina afite inshingano eshatu cyangwa enye. Kugira ngo abikore, yahinduraga ishusho. Rimwe na rimwe, agasohoka, ari umuntu runaka; n'indi nshuro, igihe asohotse, ni undi muntu. Ariko ni umuntu umwe igihe cyose.

29 Ni gutyo ku Mana. Yarihinduye, iva ku Nkingi y'Umuriro, ihinduka Umuntu. Nyuma, aho Yarihinduye, Yarongeye ihinduka Umwuka, kugira ngo ishobore gutura mu muntu. Imana, ikorera mu muntu, yerekana icyo Yari cyo mu by'ukuri. Yesu Kristo, yari Imana ikorera mu Muntu, mu Muntu. Mu Muntu, ni cyo Yari cyo. Kuva aho ku Nkingi y'Umuriro, Yarihinduye; noneho ubwo, Yarinjiye; kandi ibi, byari igitwikirizo mu butayu, Yahoraga ihishe inyuma y'Inkingi y'Umuriro, ari yo Yari Logos (Yesu Kristo) yavuye ku Mana.

Noneho, turabona aha ko kuva kuri Penekositi, noneho, Imana ntigikorera mu muntu, cyangwa ikorera. . . ubu Ikoresha umuntu. Murabona? Kera, Yakoreraga mu Muntu, Yesu. Ubu, Ikorera mu bantu Yatoranyije kuri iyo ntego. Imana mu ishusho y'umuntu; Yarihinduye, iva mu ishusho ya. . . y'Imana, ifata ishusho y'umuntu.

30 Yaje mu Mazina atatu, mu Mazina atatu y'Umwana. Yaje mu Mwana. . . Izina ry'Umwana w'umuntu, ry'Umwana wa Dawidi, ry'Umwana w'Imana; Amazina y'umwana.

Nyamara, mbere na mbere, Yaje mu Mwana wa Da-. . . Umwana w'umuntu, kubera ko Yari Umuhanuzi. Nyamara, Yehova Ubwe yahamagaye Ezekiyeli n'abahanuzi, Yaravuze ati: "Mwana w'umuntu, ni iki ubona?" Yesu ntiyigeze avuga na rimwe ko Yari Umwana w'Imana; Yavugaga ko Yari Umwana w'umuntu, kubera ko Ibyanditswe ntibishobora gukurwaho. Nta gice na kimwe cy'Ibyanditswe gishobora gukurwaho. Buri Jambo rigomba kuba uko rimeze. Ni gutyo mbyizera. Ni gutyo Ibyo bigomba kumera, si ukubera ko mbyizera, ahubwo ni ukubera ko ari Ijambo ry'Imana.

31 Noneho, nimurebe, mu ntangiriro, Ijambo rimwe gusa, ku ipaje ya mbere ya Bibiliya, mu Itangingiriro 1, turabona ko byose. . . Indwara zose, imibabaro yose, agahinda kose, n'ibintu byose byigeze biba ku kiremwa muntu, byabaye kubera ko umuntu umwe gusa yinangiye ku Ijambo rimwe gusa, ni cyo cyateje ibyo byose. Ibi, ni mu ntangiriro ya Bibiliya. Ku mpera ya Bibiliya, Ibyahishuwe 22, iyo Mana imwe yaravuze iti: "Umuntu wese uzakuraho Ijambo rimwe gusa kuri Ibi, cyangwa akongeraho ijambo rimwe gusa kuri Ibi." Murabona, ni ngombwa ko biba Ijambo ku Ijambo, neza nk'uko bimeze.

32 Noneho, ubwo, noneho mufate gusa, nk'urugero, ikintu gito na. . . hari umuntu unyibutsa ubudacogora ku kibazo cy'abagore, ku kwiyogoshesha umusatsi kwabo. Nyamara, uko mbyumva, igihe cyose abikoze, uko ashobora kuba yera kose mu myitwarire ye nta cyo bimbwiye cyane, n'ubumenyi ashobora kugira bwose, afite ikose rwose. Yambara amakabutura n'imyenda bisa; icyo yaba akora cyose ntacyo bimbwiye, uko ashobora kuririmba kose, uko ashobora kubwiriza neza kose, ibyo ashobora gukora byose, n'ubuzima ashobora kubaho bwose, igihe cyose rwose iryo Jambo riguma kwicwa. Murabona? Murebe, ni ngombwa ko biba buri Jambo. Si interuro; Ijambo, Ijambo rimwe gusa! Ni ukuvuga ngo, Bibiliya ntishobora kuba impamvu y'ubusobanuro bwihariye. Ni ngombwa ko biba Ijambo ku Ijambo, nk'uko Ryanditse. Tugomba kuryizera.

33 Kandi si ukuryizera gusa, ahubwo kuribamo. Niba tutaribamo, ubwo ntituryizera, tuvuga kuryizera, ni byo. Nk'uko na. . . Nshingiye ku byo navugaga, ko abo bigishwa batashoboraga kurisobanura, ahubwo bararyizeraga rwose; kandi bahamyaga ukwizera kwabo, kandi babagaho barikurikiza. Igihe abandi bose barihungaga, bo, barihagazeho! Barabyizeraga. Ni cyo dukora. Ni cyo mugomba gukora. Icyo undi muntu wese ashobora gukora cyose, turabyizera, noneho nyuma, tukihuza na Ryo. Nimutihuza na Ryo, ubwo ntimubyizera.

34 Ubwo, murebe noneho, igihe Yazaga; Yagombaga kuza nk'Umwana w'umuntu, kubera ko Ibyanditswe Byera byari byaravuze ko Azabikora, ko Imana yagombaga kubahagurukiriza Umuhanuzi. Noneho, Ntiyashoboraga kuza Yiyita Umwana w'Imana, kubera ko ntibwari ubwo bugabuzi. Yari Umwana w'umuntu

wahanuraga, kugira ngo asohoze, kandi wabahanuriraga ibintu byose byakozwe kandi byerekanaga icyo Yari cyo. Kera, Yari ku isi nk'Umwana w'umuntu.

35 Murebe uwo mugabo w'umunya Syro - Phenicia wirukanse amusanga, yaravuze ati: "Mwene Dawidi, ngirira impuhwe!" Ntiyanigeze azamura umutwe. Ntiyaramufiteho uburenganzira nk'Umwana wa Dawidi. Yari umugore w'umunyamahanga.

Ni kimwe n'uko umukobwa wanjye atamfiteho uburenganzira nk'umugabo we; cyangwa umugore wanjye, nk'umukobwa wanjye. Ni umukobwa wanjye rwose n'umugore wanjye, ni umukobwa wanjye mu Butumwa bwiza, ariko, kuri gahunda zo ku isi, ntafite uburenganzira na bumwe bwo kunyita se. Murabona?

Noneho, murebe, uwo mugore wo mu mahanga ntiyari afite uburenganzira kuri We nk'Umwana wa Dawidi. Ariko impumyi Baruterema yo, murabona, yari Umuyuda. Ni ukuvuga ngo, Yaje nk'Umwana w'umuntu.

Mugomba kumenya ayo magambo n'ibyo bintu. Murebe Hattie Wright, iyo nshuro, igihe habagaho Gukururwa kwa Gatatu. Murabyibuka. Ibyo aba yarashoboye byose kuvuga, uwo mugore yavuze ikintu kiri cyo. Mugomba kuvuga iryo jambo ry'ukuri, ikintu kiri cyo, ku Mana.

36 Murebe noneho, mbere na mbere, Yaje nk'Umuhanuzi, noneho baramubamba. Abe baramubambye. Yaje nk'Umwana w'umuntu.

Nyuma, nyuma yuko Umwuka Wera uje, noneho Yari Umwana w'Imana. Imana ni Umwuka. Yari Umwuka Wera, Umwana w'Imana. Yanyuze mu bisekuruza by'itorero nk'Umwana w'Imana.

Noneho, mu Kinyagihumbi, Azaba Umwana wa Dawidi, yicaye ku Ntebe ya se Dawidi. Ni ukuvuga ko ari Umwana wa Dawidi.

Ubu, mwibuke, hagati y'Umwana w'Imana. . . Mu gisekuruza cy'itorero rya Lawodikiya, bamushyize ku rugi. Noneho, muri Luka, Yavuze ko Yagombaga na none guhishurwa nk'Umwana w'umuntu, Umuhanuzi, asohoza ndetse ibyasigaye. Murabona? Ibyanditswe biruzuye. Umwana w'umuntu, Umwana w'Imana, Umwana wa Dawidi. Byari iki? Ni Imana imwe igihe cyose, Ihindura gusa ishusho, guhindura ishusho. Yari iyo mpinduka gusa. Kuri Yo, ni ikinamico ikomeye. Ikina imyanya yose.

37 Yaje nk'Umwana w'umuntu, Umuhanuzi. Ni cyo neza Yakoze. Ndetse uwo mugore muto mu cyaha cye cyose, aho, ku iriba, yaramumenye. Yaravuze ati "Tuzi ko Mesiya agomba kuza, Uwo twita Kristo, kandi ni cyo Azakora." Murabona, yaramumenye, kubera ko yari Imbuto yatoranyijwe kera. Noneho, ya. . . Mu gihe abandi, batamumenye. Nta kintu bari bafite muri bo kugira ngo babimenye. Bari bari mu cyaha ku ikubitiro.

38 Kubw'ibikorwe Bye, Ahindura ishusho. Nyuma, Yaje mu ishusho y'Umwana w'umuntu. Mu gihe cy'igisekuruza cy'abagorozi, Wesley, Luther, no mu gihe cyose; nyuma, turabona ko bose bagize urujijo kimwe nuko Abanya Israel babigenje, ku buryo, igihe Yazaga, mu minsi ya nyuma, mu gisekuruza cya Penekositi, nk'Umwuka Wera, baramwanze. Babigenje kimwe nka Israel.

Noneho ubu, ni iki Akora? Agaruka nk'Umwana w'umuntu. Noneho nyuma, aho nk'Umwana wa Dawidi. Murabona ukuntu tuhegereye? Umwana w'umuntu, Umwana wa Dawidi, Umwana w'Imana. Yahishuwe mu minsi ya nyuma nk'Umwana w'umuntu, bijyanye na Malaki 4, n'ubundi buhanuzi bwose bujyanye n'iki gihe. Ntagikorana n'itorero, nyuma yuko Ya. . . Bamushyize ku rugi; Ari hanze, Arakomanga ku rugi. Hasigaye na none Imbuto zatoranyijwe hanze. Agomba kuzigeraho.

39 Imana, Yinjiye mu muntu. Muri Yoweli 2.28, turabona ko Yavuze ati "Nzasuka, mu minsi ya nyuma, Umwuka Wanjye." Noneho, niba mureba ijambo, aho, ijambo ry'ikigireki (Birashoboka ko nakwibeshya), ariko iryo nabonye. . .

Ni ngombwa kwitonda ku magambo. Mu cyongereza, rimwe na rimwe, haba hari ibisobanuro bibiri. Nk'urugero, ijambo imana. Imana irema ijuru n'isi, Itangiriro 1. Ariko, noneho, muri Bibiliya, haravuga hati "Mbere na mbere, Elohimu." Nyamara, Elohimu, mu cyongereza, tuvuga imana (god), ariko mu by'ukuri, Elohimu, ntibyari ibyo. Ikintu cyose gishobora kuba imana, nidufata ijambo imana; dushobora guhindura ikigirwamana imana; iyi piyano dushobora kuyita imana; dushobora guhindura ikintu cyose imana.

Ariko si byo igihe ari ikibazo cy'ijambo Elohimu, bishatse kuvuga Uwibeshejeho Ubwe. Murabona? Iyi piyano ntishobora kwibeshaho ubwayo, nta kindi kintu gishobora kwibeshaho ubwacyo. Ni ukuvuga ngo, ijambo Elohimu bishatse kuvuga "Uwahoze ariho". Imana, bishobora kuvuga ikintu cyose. Murabona ukuntu iryo jambo ritandukanye?

40 Nyamara, igihe aha havuga ko Yisutse, cyangwa yakwirakwiye, noneho, twe, byatuma dutekereza ibi, ko Yaba yararutse, - ijambo ry'icyongereza emptied [mu Kinyarwanda, kwisuka - UI.], - cyangwa ko Yaba yarasutse ikintu cyari muri We, murabona, ko ikintu gitandukanye na We cyaba cyaramusohotsemo.

Ariko ijambo kenos, mu kigiriki, ntibishatse kuvuga ko Yaba yararutse, cyangwa ikintu. . . ukuboko Kwe kwaba kwaragiye, cyangwa ijisho Rye ryaba ryaragiye, undi muntu.

Ni uko Yahinduye, Yishyize mu (Amina!), mu yindi shusho, mu yindi mimerere. Si undi Muntu, witwa Umwuka Wera, wasohotse muri We, ahubwo ni We Ubwe. Murabyumva? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - N.D.E.] Yikwirakwije Ubwe mu bantu. "Kristo muri mwe!" Mbega ukuntu ari byiza, mbega ukuntu bihebuje, gutekereza ko Imana yisutse mu kiremwa muntu, mu mwizera. Gukwirakwira! Byari bigize igice cy'ikinamico Ye, kubikora. Imana, umwuzuro wose, Ubumana bwose mu buryo bw'umubiri bwari buri muri uwo Muntu, Yesu Kristo. Yari Imana, Imana imwe gusa. Si umuntu wa gatatu, cyangwa umuntu wa kabiri, cyangwa umuntu wa mbere, ahubwo Umuntu, Imana ihishe mu mubiri w'umuntu.

41 1 Timoteyo 3.16 "Si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane; mu by'ukuri, Imana, Elohimu', Imana (I mu nyuguti nkuru), muri Bibiliya. Mugenzure, umuntu uwo ari we wese. Ijambo, mu mwimerere, icyo rivuga, ni "Elohimu." "Mbere na mbere Elohemu." Murabona? "Kandi Elohimu, si ugushidikanya, ubwiru bwa Elohimu burakomeye; mu by'ukuri, Elohimu yambaye umubiri, kandi twamukozeho." Elohimu, wihishe mu mubiri w'umuntu! Yehova Ukomeye wuzuraga isanzure yose, igihe, n'ahantu hose, Yigize umuntu. Twamukozeho, Elohimu. "Mbere na mbere, Elohimu. Kandi Elohimu yabaye umuntu, Atura muri twe."

42 Ni iki? Ni uburyo Bwayo bwo gukina, imyanya y'ikinamico. Ni muri ubwo buryo Igomba gukina imyanya, ni uburyo Bwayo bwo kutwihishurira nk'Umuntu utandukanye. Turi abantu bapfa, kandi Irabizi. Kandi twumva gusa nk'abantu bapfa. Tumenya gusa nk'abantu bambaye umubiri upfa. Tuzi gusa ibyo imyumviro yacu itwemerere kumenya, noneho ibisigaye, tugomba kubyizera dukoresheje ukwizera. Tuvuga ko hari Imana, mu buryo nta kuka; twayibona cyangwa tutayibona, turabyizera nyamara. Murabona? Ibe ihari cyangwa idahari, turabyizera rwose, kubera ko Imana yabivuze.

43 Ni nka Aburahamu, ntiyashoboraga kubona uwo mwana, nta kimenyetso, nta gutwita kuri - kuri Sara, nta n'imihango ndetse, nta kindi kintu, ariko nyamara Imana yari yarabivuze. Ibyiringiro byose. . . igituza cye cyari cyarumye, kandi ubuzima, muri we, ntabwari bugihari; ubuzima bwe bwari bwarumye, kandi ubuzima bwe, muri we, bwari bwarumye. "Kandi nyamara, ntiyashadikanya, mu kutizera, ku bijyanye n'isezerano ry'Imana; ariko ahabwa imbaraga, ashima, azi ko Imana ishobora gusohoza ibyo Yavuze byose ko Izakora." Ni gutyo tugomba kwizera iryo Jambo uyu munsi. Ni gute icyo kintu kizaba? Simbizi. Imana yavuze ko bizabaho gutyo, kandi byarakunze.

44 Ni nde uwo Muntu ukomeye utagaragara? Ni Nde Aburahamu yabonye mu mayerekwa? Ariko, mu gihe cya nyuma, Yigaragaje mu mubiri, mbere yo kuza k'umwana. Imana Ubwayo yaje kwa Aburahamu mu ishusho y'umuntu, mu gihe cy'imperuka. Yaragaragaye! Rimwe, yayibonye mu Mucyo muto; yayibonye mu mayerekwa; Yumvise Ijwi Ryayo; guhishura kwinshi. Ariko neza mbere y'umwana wasezeranijwe, yayibonye mu ishusho y'umuntu, kandi yarayivugishije, kandi yayigaburiye inyama kandi ayiha icyo kunywa. Murabona? Murebe, Imana Ubwayo ihishe mu mubiri w'umuntu.

45 Bigize uburyo Bwayo bwo gukora. Ni muri ubwo buryo Yatwigaragarije, Igaragaza Ijambo ry'Iteka, Imana, Yehova wambaye umubiri. Nko muri Yohana 1 ngo "Mbere na mbere yari Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi . . . Mbere na mbere yari Elohimu, kandi Elohimu yari. . . yahindutse Jambo, kandi Jambo yari Elohimu. Kandi Jambo yabaye Elohimu." Murabona? Ni ikintu kimwe cyihishura muri make.

Ni nk'ikiyihagarariye, murabona, ni mu Mana. Igihagarariye, ni igitekerezo cyanyu. Imana, mbere na mbere, Uwiteka, Ntiyari n'Imana. Yari Uwiteka. Ntiyari n'Imana; Imana, ni ikintu cyo kuramya, cyangwa ikintu nk'icyo. Murabona? Ni ukuvuga ngo, Ntiyari n'ibyo ndetse. Yari Elohimu, Uwiteka. Ariko muri Yo, hari ibitekerezo Yashakaga kugaragaza. Noneho ni iki Yakoze? Noneho, Yavuze Ijambo rimwe, kandi Ijamba ryavuyemo ikintu. Ngiyo imbonerahamwe yose, kuva mu Itangiriro ujya mu Byahishuwe. Nta kintu kitagenda neza. Ni Elohimu wigaragaza kugira ngo ashobore gukorwaho, kutugirira impuhwe. Kandi mu Kinyagihumbi, hari Elohimu, wicaye ku Ntebe, murabona, ni byo, hamwe n'abagaragu Be iruhande Rwe, Yatoranyije mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro.

46 Ni nk'umuntu wubaka inzogera, cyangwa ukora inzogera, umucuzi. Buri nzogera igomba gutanga ijwi ritandukanye n'irindi. Ibikoresho bimwe, ariko ubutare bwinshi, ibyuma byinshi, imvange nyinshi y'umuringa na zinc, kugira ngo itange urwo rusaku.

Ni gutyo Imana yabikoze. Yakoze imvange y'ibyuma, iva kuri iki ijya kuri kiriya, kuri iki, kuri kiriya, kuri iki, kuri kiriya, kugeza Ibonye neza icyo Yashakaga. Ni gutyo Yamanutse. Imana yihishuriye mu Nkingi y'Umuriro, nyuma mu bahanuzi, nyuma Yinjiye mu Mwana w'Imana, ari we Wari Imana. Murabona, ni Imana imwe yerekana icyo ari byo, neza, mu kuzura ujya mu kuzura, uva mu bwiza ujya mu bwiza. Ni gutyo biba ku Itorero.

47 Murebe, mu gihe cy'ibisekuruza, mu buryo bumwe, Yihishuye ikoresheje abahanuzi. Mu by'ukuri, ntibari abahanuzi neza, bari imana. Ni cyo Yavuze. Mu by'ukuri, ibyo bavugaga, byari Ijambo ry'Imana. Bari umubiri Imana yari ihishemo. Bari imana. Yesu Ubwe yaravuze, Yaravuze ati: "Ni gute mushobora

kunciraho iteka igihe mvuze ko Ndi Umwana w'Imana, mu gihe itegeko ryanyu bwite rivuga ko abo Ijambo ry'Imana ryajeho bari imana?" Murabona?

Ni ukuvuga ngo, byari Imana, Yiremeraga mu muntu witwa umuhanuzi. Murabona? Kandi Ijambo ry'Umwami ryazaga kuri uwo muntu, ubwo rero, ntibyari umuhanuzi; umuhanuzi yari igitwikirizo, ariko Ijambo ryari Imana. Ijambo ry'uwo muntu ntirizagira izo mbaraga. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ntirishobora kugira imbaraga nk'izo. Ariko mu mbaraga zose, byari Imana. Murabona, Yari Ijambo ry'Imana, mu ishusho y'umuntu, witwa "umuntu". Murebe, Ntiyigeze ihindura kamere, ahubwo gusa ishusho. Abaheburayo 13.8 "Uko Yari Ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose." Ni ukuvuga ngo, igihe Yazaga, Ntiyegeze ahindura kamere. Igihe cyose ni uwo Muhanuzi, mu gihe cyose cy'igisekuruza, ikintu kimwe: Ijambo, Ijambo, Ijambo. Murabona? Ntashobora guhindura kamere, ahubwo Yahinduye ishusho. Abaheburayo 13.8 haravuga hati "Uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose." Yahinduye gusa ishusho.

48 Nk'urugero, njyewe, nahindutse umugabo, igihe umwana wanjye yavukaga, mpinduka papa. Igihe umwuzukuru wanjye yavukaga, mba sogokuru. Murabona? Ariko simpinduka; igihe cyose - igihe cyose ni njyewe. Murabona? (Ni gutyo ku Mana.) Nahinduye gusa i. . . Murabona, duhindura gusa ishusho. Murabona?

Murebe. Kandi kamere itera impinduka, tuva ku mugabo ukiri muto tukajya ku mugabo w'ikigero gikuze, umusaza. Kandi ni ho muri, murabona, duhindura gusa ishusho.

Noneho, ntimwashobora kuvuga ko umusore ukiri muto, aha, w'imyaka cumi n'itandatu, ko ari sogokuru. Ntashobora kumuba. Agomba guhindura ishusho. Imyaka runaka iteza impinduka, noneho nyuma, ahinduka sogokuru. Murabona icyo nshaka kuvuga?

Ariko ni Umuntu umwe, igihe cyose, Umuntu umwe, Imana, igihe cyose. Ni muri ubwo buryo Yihishurira ubwoko Bwayo, ibigenza gutyo. Murebe, mu gihe cyose cy'igisekuruza cy'Inkingi y'Umuriro, Yihishuriye ubwoko Bwayo. Mu gisekuruza cya - cya Yesu, Yihishuriye ubwoko Bwayo. Mu gisekuruza cy'Umwuka Wera, nk'Umwana w'Imana. Umwana wa Dawidi. . . Buri gihe ni muri ubwo buryo Yihishurira ubwoko Bwayo, akururira abantu kumumenya. Yihishe inyuma y'ikintu runaka, murebe, mu buryo bumwe, cyangwa na kamere imwe, buri gihe.

49 Imana, ihishe muri Yesu, kugira ngo isohoze umurimo w'ubucunguzi ku musaraba. Imana ntiyashoboraga gupfa, nk'Umwuka. Ni Uwiteka. Ariko byabaye ngombwa ko Yambara masike noneho igakina mu mwanya wo gupfa. Yarapfuye rwose, ariko Ntiyashoboraga kubikora mu ishusho Yayo y'Imana. Yagombaga kubikora mu ishusho Yayo y'Umwana, nk'Umwana w'Umuntu, ku isi. Murabona? Yagombaga kuba mu ishusho Yayo y'Umwana. Nyuma, igihe Yagarukaga, kuri Penekositi, Yarongeye iba Umwana w'Imana. Murabona icyo nshaka kuvuga? Murabyumva? Yari. . .

50 Yagombaga kuza mu mubiri w'umuntu, kugira ngo. . . noneho, nta muntu, hatabayeho imibonano mpuzabitsina, byongeye aho na none, ni ikimenyetso cy'icyo dushyigikira ku rubyaro rw'inzoka, murabona, "guhuza igitsina", igitsina, mu buryo ntakuka. Nta pome; igitsina! Ni byo. Mu buryo ntakuka. Murebe, aha, murabona, kuko umuntu wese w'umunyamwete. . . Murebe abo bahanuzi, kera, ariko We, byari ngombwa ko Aba uruta umuhanuzi. Kugira ngo ashobore kubisohoza, byari ngombwa ko avuka ku isugi, byerekana. . . Uko kuvuka ku isugi byagaragazaga. . . Byari ngombwa ko Avuka ku isugi kugira ngo akureho umuvumo; Umuti urwanya ubumara bw'uburozi. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ni ukuvuga ngo, mu buryo ntakuka ko byari igitsina. Yabigaragarishije Kuza Kwe bwite; Yaraje, bitanyuze mu guhuza ibitsina, ahubwo avutse ku isugi. Yahinduye masike, Yanyuze muri Yehova ajya muri Yesu, kugira ngo ashobore gusohoza umurimo w'ubucunguzi, mu ikinamico aho Yakinaga uwo mwanya: Imana ku musaraba.

51 Abagiriki bashakaga kumubona. Muri Yohana 12.20, benshi muri mwe banyumvise mbwiriza kuri ayo magambo" Bagabo, turashaka kubona Yesu. Mwarabibonye?

Nyamara, Abagiriki, bari inzobere, bari abantu badasanzwe. Kandi bagaragazaga - bagaragazaga umutima ukomeye ushaka Imana, nk'uko Pawulo yabibabwiriye muri Areyopago. Kandi bari, ba - bari bafite - bari bafite umwanya wa mbere ku isi mu bumenyi na - n'uburezi, bari abantu badasanzwe. Gusa baramyaga kandi bakizera ibigirwamana n'ibindi byose, ibitabo by'indimi n'ubumenya muntu n'ubugeni buteye amatsiko, n'ibindi n'ibindi.

Ariko bari mu majune akomeye ku bijyanye n'uwo Mugabo washoboraga gukiza abarwayi kandi washoboraga kuvuga ibintu mbere yuko biba neza nk'uko biri. Bari bari mu majune akomeye; noneho, baje kumureba. Noneho, mwitonde cyane, ubu, ntimubihombe. Murabona? Baraje, noneho babwira Filipo w'i Bethsaida bati: "Mugabo, turashaka kureba Yesu." Noneho Filipo n'undi mwigishwa babashyiriye Yesu, kureba Yesu. Noneho, murebe Amagambo ndetse Yesu yamuzaniye, kuko bari baje kureba Uwo Yari We, kandi ntibashoboye kumubona. Babonye ishusho, ariko Yari mu Rusengero Rwe. Imana yari mu Rusengero Rwayo, ihishe mu mubiri w'umuntu. Murebe Amagambo Yavuze "Iyo impeke y'ingano itaguye mu butaka,

murabona, kandi ntipfe, iguma yonyine." Murabona? "Igihe kirageze, mu kanya gato izaba iri aho, aho Umwana w'umuntu azahabwa ubwiza, murabona; Agomba kuva kuri iyi si. Kandi niba iyo saha itageze, ntimuzashobora kumubona." Murabona?

52 Mwumve, kubera iki batashoboraga kubona Yesu? Yari yambaye masike. Imana yari yambaye masike. Abagiriki bashakaga Imana, kandi Yari aho, ariko ntibashoboye kuyibona kubera igitwikirizo. Kandi ni ikintu kimwe uyu munsi, ntibashobora kumubona kubera igitwikirizo. Ari mu maso yabo. Abo Bagiriki bari bambaye masike, cyangwa ahubwo Yesu yari yambaye masike kuri abo Bagiriki.

Murebe, Yarababwiye ati "Iyo iyo mpeke y'ingano itaguye mu butaka, isigara yonyine."

Ntibashoboraga kumva ukuntu, kubera iki batashoboraga kuyibona. Umuntu yari ahagaze aho. Bari baje kureba Imana, kandi babonye umuntu. Murabona? Ntibashoboye kubona Imana, kubera ko Imana yari ihishe imbere yabo. Noneho, mubyumve neza, Imana yari ihishe mu muntu. Bashoboraga kuvuga bati "Nta muntu ushobora gukora iyi mirimo, atari Imana. Nta muntu ushobora gukora ibi, noneho ni gute. . . Aha, hari Umuntu, kandi nyamara imirimo y'Imana yigaragaza inyuze muri We!" Murabona, ntibashoboraga kwemera ko Imana yari ihishe.

53 Ihishe mu muntu, nk'uko Yahoze ihishe. Ariko Yari ihishe imbere yabo, Yari mu Rusengero Rwayo rwa kimuntu. Imana yari mu Rusengero rwa kimuntu. Noneho, mwitonde cyane: nyamara, uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose. Murabona? Imana ihishe, yihishe isi, ihishe mu Kiremwa muntu. Murabona? Aha, hari Imana! Abo Bagiriki baravugaga bati "Turashaka kuyireba."

Kandi Yesu yaravuze ati: "Impeke y'ingano igomba kugwa kandi igapfa." Mugomba gupfa ku bitekerezo byanyu byose. Mugomba kwitandukanya n'ibitekerezo byanyu byose.

Ni nk'abo bigishwa, ntibashoboraga gusobanura icyo kurya umubiri We byasobanuraga no - no kunywa Amaraso Ye, ariko, murabona, bari barapfuye rwose kuri ibyo bintu. Bari barapfuye ku bw'impamvu, bari barapfuye ku bwa Kristo. Uko byagenze kose, cyangwa ukuntu intsinzwi Ye yasaga nk'iy'ukuri, nyamara baramwizeraga, mu buryo bwose. Murabona? Bashoboraga kubona icyari muri uwo Muntu: Umuntu waryaga, wanywaga, warobaga, wasinziraga, n'ibindi byose bisigaye, wavukiye aha ku isi, kandi wagendanaga na bo, wavuganaga na bo, wambaraga imyenda isa nk'iy'abandi, ariko yari Imana.

54 Ni ukuvuga ngo, Abagiriki ntibashoboye kumubona, kubera ko Yari abahishwe, mu kiremwa muntu. Murebe Ijambo Yababwiye "Iyo iyi mpeke y'ingano itaguye mu butaka..."

Imana, ihishe, mu ishusho y'Umuntu, yihishe amaso yabo. Ibyo bashoboye kubona byose, ni Umuntu. Ariko abari barabigenewe babonye Imana. Umwe yabonye umuntu, undi yabonye Imana. Murabona? Kandi yari Imana, ihishe mu Kiremwa muntu, ni ukuvuga ngo bose bari bafite impamvu ebyiri; ariko ni ukwizera mufite mu byo mutabona. Murabyizera rwose. Imana ihishe mu Kiremwa muntu. Yari muri uwo mubiri, kandi uwo mubiri wari igitwikirizo Cyayo. Igitwikirizo cyarashwanyutse, murabona, kugira ngo Imana ishobore kwigaragaza.

55 Mu Isezerano rya Kera, Imana yari ihishe, - igihe Yari mu gitambo Cyayo, ku gitambo cyo kweza, - mu buryo bw'igitwikirizo. Mu Isezerano rya Kera, Imana yari mu rusengero Rwayo. Ariko abantu barinjiraga kandi bakaramya gutyo, ariko, mwibuke, hari igitwikirizo (Amina!) cyahishaga Imana. Bari bazi ko Imana yari aho. Ntibashoboraga kuyibona. Iyo Nkingi y'Umuriro ntiyongeye na rimwe kuboneka hariya. Mwaramubonye? Nta nshuro n'imwe, mu Byanditswe, kuva igihe iyo Nkingi y'Umuriro yinjiye inyuma y'icyo gitwikirizo, Ntiyongeye kwiyerekana, kugeza igihe Yazanywe na Yesu Kristo. Imana yari itwikiriye!

Igihe Yari ku isi, Yaravuze ati: "Mvuye ku Mana, kandi Nsubiye ku Mana."

Nyuma, Pawulo (nyuma y'urupfu Rwe, gushyingurwa Kwe n'umuzuko We), mu nzira ajya i Damasiko, ubwo iyo Nkingi y'Umuriro yari aho na none. Byari iki? Yari yasohotse inyuma y'igitwikirizo! [Mwene Data Branham akubita inshuro enye ku ruhimbi. - N.D.E.] Icyubahiro kibe icy'Imana!

56 Yari inyuma y'igitwikirizo. Nyamara, Yari inyuma y'iki? Igitwikirizo cy'uruhu. Murabona, "impu z'inyamaswa", (zitwa blaireaux) inyuma y'igitwikirizo. Kandi igihe icyo gitwikirizo cyashwanyukaga, umunsi wo kubambwa, igitwikirizo cyari kimuhishe cyarashwanyutse, umunsi wo kubambwa, igitambo cyeza ibyaha cyari mu maso ya bose.

Nyamara, Abayuda ntibashoboraga kumva ko Imana ishobora kugirira imbabazi ubwoko bukora ibyaha kandi busuzuguritse nka twe. Ariko ntibashoboraga kubona Uwatangaga imbabazi, kubera ko Yari ahishe. Yari inyuma y'igitambo gikuraho ibyaha, imbere, n'impu z'inyamaswa zitendera zari zimutwikiriye. Mbere. . .

57 Mbere, iyo umuntu, uko yaba ameze kose, yinjiraga inyuma y'icyo gitwikirizo, rwari urupfu ruziyeho. Amina, Yoo! tujyiye gukura isomo aho, mu kanya gato, murabona, niba mushobora - mushobora kubyakira. Kwinjira inyuma y'izo mpu. . . Ndetse umwe mu bana b'umutambyi yagerageje kubikora inshuro

imwe, noneho arapfuye. "Ntimuzajye inyuma y'icyo gitwikirizo." Umuntu winjiraga inyuma. . . Kubera iki? Nta gucungurwa kwari kwakabayeho aho. Byari gusa mu mbaraga. Byari imbaraga gusa. Kandi iby'imbaraga byose, ntibiba byakabaye ikintu cy'ukuri, murabona, biri mu mbaraga. Byari ugucungurwa. . . Icyaha cyari gitwikiriye, nticyakuweho. . . cyagaruweho, nako, nticyaguruweho. cyagaruweho, cyakuweho. Kandi, noneho, amaraso y'intama n'amapfizi y'isekuruzame ntibyashoboraga kubikora, ni ukuvuga ngo Yehova yari ahishe inyuma y'igitwikirizo. Nyamara, inyuma y'icyo gitwikirizo, aho Yari ihishe, kwinjira imbere, umuntu yarapfaga, kugerageza kuhinjira.

58 Ariko, kuva kuri Penekositi, kuva mu kubambwa, igihe uwo mwenda wari ukingirije wacikaga uvuye hejuru ujya hasi, ku bw'iki gisekuruza. . . Yesu yari iyo Mana, itwikiriye. Kandi, igihe Yapfaga i Karuvari, Imana yohereje umuriro n'inkuba, kandi Yashwanyaguje uwo mwenda wari utwikiriye kuva hejuru ujya hasi, ku buryo igitambo cyerekanywe mu maso y'abantu bose. Ariko babaye impumyi cyane ku kubibona. Nk'uko Mose yabivugaga aha, nubwo. . . cyangwa Pawulo yabivugaga, asoma Mose ati: "Igihe basoma igitabo cya Mose, n'ubu, icyo gitwikirizo kijya ku mitima yabo." Yoo! mwene Data, mushiki wacu, ngibyo ibyo Abayuda bakoze, igihe umwenda wakingirizaga watantamurikaga noneho Imana ubwo yerekanywe mu maso y'abantu bose, imanitse ku musaraba. Yashyizwe mu maso y'abantu bose, ariko bo ntibashoboraga kubibona.

59 Byashoboka ko abo mu mahanga baba barakoze ikintu kimwe? O Mana! Mu gihe bafite ibisekuruza by'itorero, Umwana w'Imana, ariko noneho ko icyo gitwikirizo cy'amadini n'ibindi byose, ko icyo gitwikirizo cy'imihango dufite kuva muri Penekositi, ko imigenzo y'itorero yashwanyaguritse, ibintu abantu bavugaga bati "Iminsi y'ibitangaza yararangiye, n'ibyo bintu"; Imana yakuyeho igitwikirizo cy'Ibyo byose, noneho yamweretse abantu bose, kandi biteguye kumubamba bushya [Mwene Data Branham akubita inshuro esheshatu ku ruhimbi. - N.D.E]; birasa neza rwose.

60 Imana yahishuwe, yeretswe amaso ya bose, baba baramubonye, mu gihe Yari ahagaze aho. Ariko Yari umuntu usanzwe cyane, Yari umuntu umeze nk'abandi. Ntibashoboraga kubibona. Murabona, aho hari hahagaze Umuntu. "Noneho, ni ko bavuze, uwo Muhungu, ni irihe shuli Yizemo?" Ariko, mwibuke, igihe rya cumu ryinjiraga mu mubiri We, Umwuka We ukamuvamo, urusengero. . . ibitanda by'ibiti abatambyi bifashishaga byarahirimye, noneho inkuba ikubita nk'inkoni ku rusengero noneho itantamura uwo mwenda wakirizaga. Byari iki? Imana yabo yari aho, imanitse, i Karuvari, kandi bari impumyi cyane ku buryo batashoboraga kubibona.

Yeretswe amaso y'abantu bose, kandi aho na none, ntibabibona! Ni impumyi. Imana, ihishe mu Kiremwa muntu!

61 Muribuka? Nyuma, Yasanze Pawulo; nyuma, Petero muri gereza, mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro. Muribuka? [Iteraniro riravuga riti "Amina." - N.D.E.]

Ariko mu minsi ya nyuma, Agomba kugaruka bushya, ariko Inkingi y'Umuriro igomba kugaruka bushya kugira ngo yerekane Umwana w'umuntu, murabona, kugira ngo yerekane Ijambo, Umucyo. Imigenzo ya kera, izakurwaho. Nta kintu kizabibera imbogamizi; icyo kintu kizaba rwose. Imana mu by'ukuri izakuraho ayo madini n'iyo migenzo.

Ni ubuhe bwoko bw'Umwuka Izabikoresha? Nk'ibyo Yakoze bwa mbere. Murebe ibyo Yakoze mu gihe cya Eliya, mu gihe cya Yohana. "Ntimwibwire ko mufite Aburahamu nka so, kubera ko, kuri aya mabuye, Imana ishobora gukuramo abana ba Aburahamu." Murabona? Ntimuzatekereze muti:"Kuko ndi umuyoboke w'ibi kandi nkaba ndi umuyoboke wa biriya." Murabona? Imana itantamura umwenda wakingirizaga, murabona, kugira ngo yerekane Uwo Ari We. Murabona? Mwitegereze uwo mwenda wakingirizaga, igihe watantamurikaga aha, noneho. Turabona ibyo ari byo, aho.

62 Byiza. Kera, iyo umuntu yajyaga hakurya y'icyo gitwikirizo, rwari urupfu rutunguranye. Ubu, kutahinjira, ni urupfu! Amina. Niba mudashobora kumena icyo gitwikirizo cy'imigenzo, kurenga urwo rukuta rw'idini, kugira ngo turebe Imana mu mbaraga Zayo, ni urupfu. Mu gihe kera, byari urupfu kujya hakurya y'umwenda ukingiriza, noneho ni ukuguma hanze y'urupfu. Igitambo cyose kiri aho, kiri mu maso y'abantu bose, umuntu wese ashobora kukibona, umwenda ukingiriza watantamuritse. Icyubahiro kibe icy'Imana! Igitambo cyose kiri mu maso y'abantu bose.

63 Ni gute Imana yashoboye kugirira imbabazi abanyabyaha basuzuguritse nka twe, igihe Yihishaga? Bwari ubwiru. Noneho ubu, biri mu maso y'abantu bose, cyangwa imbere y'abantu bose, ihishuwe n'Ijambo Ryayo. Igihe cyose ni Ijambo, mu buryo budahinduka, ari Ryo Mana. Ni Ijambo rihishura icyo kintu. Iyo abo bantu baza kumenya Ijambo ry'Imana, umunsi Yesu yapfiriyeho, baba barabonye Igitambo, baba barabonye Uwo Yari We.

"Yari iki noneho? Kubera iki umwenda ukingiriza watantaburitse?" Mwibuke, kuhinjira, byari urupfu. Nta muntu washoboraga kuyibona. Mose yayibonye mu ishusho, byari inkubi y'umu. . . wari umugongo wa - w'Umuntu. Noneho, Nguyu, umugongo uva amaraso, Umuntu umwe! Byari ibiki? Imana yashakaga kubereka Igitambo. Imana yashakaga kubereka Uwo Yari We. Noneho, umwenda ukingiriza w'urusengero,

n'ikiganza cy'Imana, kivuye hejuru, waratantaburitse uvuye hejuru ujya hasi, ari cyo cyerekanye Imana mu maso y'abantu bose. Yari Yesu Kristo, umanitse ku musaraba, Igitambo. Noneho ni iki cyabayeho? Abantu bari barabaye impumyi cyane ku buryo batashoboraga kubibona.

64 Noneho, icyo kintu cyarongeye kisubiramo, imigenzo yabo! Noneho, umunsi wa Penekositi, Ijambo ryaje mu ishusho Ya "Umwana w'Imana". Kandi bakoze idini i Nikeya, i Roma. Noneho, ikintu gikurikiyeho, cyabaye mu bametodisiti, abatisita, abaperesebiteriyene, n'abandi bose. Ni imigenzo yishyize hamwe, ku buryo tutakizi aho duhagaze.

Ariko, icyubahiro kibe icy'Imana! Yatanze isezerano, mu minsi ya nyuma, icyo Izakora. Izerekana Ijambo Ryayo mu maso y'abantu bose, ritwikuriye imbere yacu na none, murabona; Izarihishura.

Iyo baza gusa kumenya Ijambo, baba baramenye Uwo Yesu yari We. Iyo umuntu aza kumenya gusa Ijambo ry'Imana, yari bumenye igihe turimo n'ikirimo kuba. Banga gusa kumva iri Jambo. Imigenzo yabo! Niba Abayuda barabonye icyo kintu, ni ukubera iki? Kubera iki? Bimeze nkaho baba barashoboye neza kubona, mu by'ukuri, kubera ko icyo kintu cyatantamuritse kandi kikavumburwa. Cyaratantamuritse kandi kiravumburwa. Cyatantamuritse kandi kivumburwa mu ntego.

65 Kubera iki ubwo bubyutse buba muri iki gihe? Ni gute bushobora kugira intsinzi? Ni gute bushobora guhabwa umugisha? Kwigana kose kwaba kwaravuyemo, n'ibindi byose, si. . . Igihe Mose yasohokaga, umubare munini w'abantu b'ubwoko bwose wazamukanye na We. Ariko byakoze mu yihe ntego? Ni Yehova Ubwe ukuraho igitwikirizo hejuru y'Imana, kugira ngo yerekane itandukaniro hagati y'ukuri n'ikinyoma. Ni nde uri mu kuri: abametodisiti, abatisita, abaperesebiteriyene, cyangwa nde? Ni Ijambo ry'Imana ry'ukuri! "Reka ijambo ryose ry'umuntu ribe ikinyoma, noneho Iryanjye ribe Ukuri!" Imana ntikeneye umusobanuzi n'umwe. Irisobanura Ubwayo. Irarigaragaza, kandi. . . ikariha ubusobanuro. Imana yihishura. Yoo! Mu buryo bwuzuye aho, muri twe, turabona ikiganza Cyayo gikomeye gitangaza ibyo bintu, gikora ibyo bintu.

Mfite ikintu cyo kuvuga aho hejuru uyu mugoroba, murabona, ku buryo bwo kwita ku kiganza cy'Imana, icyo Gikora, ukuntu Kihishura. Murabona?

Kandi abantu baravuga bati "Yoo! Ibi, ntibyumvikana. Ibi, ni ubufana. Nta kintu bimaze. Ntibyumvikana. Ni Belezebule. Ni idayimoni. Ni ubupfumu. Ni ibi." Murabona, ikintu kimwe nk'icyo bamuvuzeho.

66 O Torero! Kandi nidusohora iyi bande, ntimushobora kuzabona, bakozi b'Ubutumwa bwiza, igihe turimo? Ntimushobora kubona isaha turimo? Imana yigaragaza Ubwayo, ishyira ku ruhande. . . Murebe uwo mwenda utwikiriye w'urusengero, Yawutantamuyemo kabiri kugira ngo bashobore kubona Imana, iri mu maso y'abantu bose, kandi bari impumyi cyane ku buryo batashoboraga kuyibona. Kandi Yakoze ikintu kimwe uyu munsi, yerekana Ijambo Ryayo mu buryo bwuzuye imbere yacu, icyo Yari yarasezeranije. Buri sezerano ry'Ijambo, mu buryo bwuzuye imbere yacu, ryerekanywe mu maso y'abantu bose!

Muzi icyo itorero ry'amahanga rikora? Ikintu kimwe nk'icyo itorero ry'abayuda ryakoze: impumyi cyane ku buryo ridashobora kubibona, ni ibyo. Igitwikiirizo kizashyirwa ku mitima yabo, nko muri icyo gihe.

67 Murebe, noneho kubihunga, ni urupfu. Mugomba kuhinjira munyuze muri icyo gitwikirizo, niba atari ibyo ntimuzahinjira. Imana, yashoboye kubagirira impuhwe, ariko mwibuke icyo byari byo: Imana yerekana icyari kiri inyuma y'uwo mwenda ukingiriza. Mwitegereze icyari kiri inyuma y'uwo mwenda ukingiriza: Ijambo! Ni iki wari utwikiriye? Ijambo! Byari ibiki? Ryari riri mu Isanduka. Ryari Ijambo uwo mwenda wari ukingirije. Murabona? Kandi Yesu yari iryo Ijambo, kandi Ni iryo Jambo, ni igitwikirizo cy'umubiri We cyari kirihishe.

Kandi uyu munsi, igitwikirizo cy'imigenzo gihisha Ijambo bundi bushya, baravuga bati: "Si byo." Ariko ni byo rwose! Imana irabihamiriza, Yumvukanisha icyo Iri cyo, yaka nk'izuba, imbere y'abantu bose, kandi ntibamubona. O Mana, tugirire imbabazi.

68 Ikigereranyo cy'ibi, Mose, nyuma yo kujya Imbere y'Imana, agarukana Ijambo ry'Imana ku bw'icyo gisekuruza. Noneho, murebe neza, aho, turi mu Kuva 19. Noneho, ntimubihombe. Kuva 19, Mose wagarutse nyuma yo kujya Imbere y'Imana, cyangwa 20 na 21, 19.20 na 21. Mose wagarutse nyuma yo kujya Imbere y'Imana. Yinjiye mu Ijambo. Ijambo ryaranditswe. Kandi we, mu Bwiza bw'Imana, hamwe n'Ijambo, yari afite Ijambo ry'icyo gisekuruza. Hari Ijambo kuri buri gisekuruza. Kandi igihe Mose yazaga, mu maso he habaga haka cyane! Murabona? Ijambo ryari riri muri we, ryiteguye kugaragazwa, guhabwa ubwoko.

Ijambo nyakuri, Imana yari yararyanditse, kandi Ryari kumwe na Mose. Murebe, Ryari riri kumwe na Mose kandi Ryari ryiteguye kugaragazwa. Yari Ijambo kuri bo, yari Ijambo rizima, rihishe. Mose yaritwikiraga, yagombaga kwitwikira mu maso he bwite. Kubera iki? Yari iryo Jambo. Amina. Igihe cyose iryo Jambo ryabaga ritagaragaye, Mose yagombaga kwitwikira. Amina!

69 Mose yari afite Ijambo. Noneho, mwibuke, nyuma y'uko Ijambo rimaze kugaragazwa, Mose yongeraga kuba Mose. Murabona? Ariko mu gihe iryo Jambo ryabaga riri muri we, kugira ngo rizanywe, yari Imana; noneho, ntiyabaga akiri Mose. Yari afite Ijambo ry'Umwami ku bw'icyo gisekuruza. Nta kintu cyashoboraga kumukoraho, kugeza birangiye; yari afite iryo Jambo muri we. Kandi, noneho, igihe yazaga, abantu bahindukije umutwe; ntibashoboraga kubyumva. Yari yahinduwe. Yari umuntu utandukanye. Yazaga afite iryo Jambo. "Kandi yitwikiriga mu maso, ni ko Bibiliya ivuga." Kuko yari afite Ijambo. Kandi yari Ijambo kuri bo.

70 Noneho, murebe, niba Mose. . . O mwene Data, ibi biri bucumuze. Ariko niba Mose. . . Nk'uko Pawulo yabivugaga aha, mu 2 Abakorinto, igice cya 3. Niba Mose yaragombaga kwitwikira mu maso, n'Ubwiza nka buriya kuri we; murabona, ni ukubera ko aho bwari ubwiza bw'umubiri, aho byari itegeko ry'umubiri. Kandi niba Mose. . . azi ko iryo tegeko ryagombaga kurimbuka. Ariko Ubwiza bwari bwinshi cyane ku buryo bwahumishaga abantu, noneho yagombaga kwitwikira mu maso he. Ni kangahe buzaba Ubu ari bwinshi? Abantu b'impumyi mu mwuka! Yego. Ubwo Bwiza bwari abw'akanya gato, ariko ubwo Bwiza ntibuzashira. Murabona? Mose yari afite amategeko y'umubiri, gucirwaho iteka, nta buntu, nta kintu; ryabaciragaho iteka, ni byo. Ariko icyo tuvuga. . . Ryo nta mbabazi ryagiraga, ryababwiraga gusa icyo muri cyo. Ribaha inzira.

Kandi igihe iryo Jambo rizahishurwa, oh! La la! Mbega ukuntu bizaba bisa? Bigomba kuzaba bitwikiriye. Ni ngombwa ko biba bitwikiriye. Noneho, murebe. Noneho, Umwuka uhishwe mu mubiri w'umuntu, murabona, Ubikora kugira ngo uvuge amagambo asanzwe ukoresheje igitwikirizo gisanzwe.

71 Noneho, ni Pawulo uri kuvuga aha, aho, kandi no muri ubwo - ubwo buryo, Ijambo-Mwuka "Turi abakozi, batari ab'inyuguti, itegeko, ahubwo twashobojwe kuba abakozi b'Umwuka", Umwuka, ufata inyuguti noneho ukayigaragaza.

Ibi, gusa byari itegeko byari ngombwa kujya kureba, byavugaga gutya "Ntuzasambane. Ntuzibe. Ntuzabeshye. Ntuzakore ibi, biriya cyangwa ikindi kintu." Murabona? Byari ngombwa kubireba.

Ariko ibi, ni Umwuka uza ku Ijambo ryasezeranyijwe ku bw'iki gisekuruza, kandi udatanga cyangwa ngo werekane, ibisate bibiri by'abamabuye, ahubwo utanga kandi ukerekana Ubwiza bw'Imana nzima. Si amahame yo mu bitekerezo umuntu yaba yarahimbye, cyangwa Umupfumu runaka, (un tour); ahubwo isezerano ndetse ry'Imana, ryahishuwe kandi rikagaragazwa mu buryo bwuzuye imbere yacu. Ibyo bizaba inyuma y'ubuhe bwoko bw'igitwikirizo? Kandi gu - gutakaza ibi. . .

72 Murebe, ubwo bwiza bwari bwinshi cyane ku buryo ndetse abantu bavugaga, baravugaga, iyo babonaga Yehova amanuka muri iyo Nkingi y'Umuriro, noneho Agatangira kunyeganyeza isi, na - n'ibintu Yaremye, n'umusozi wakaga umuriro. Ndetse n'umuntu wese wageragezaga kwegera uwo musozi yararimbukaga. Byari bitangaje cyane ku buryo Mose ubwe yagiraga ubwoba bwinshi imbere y'umutingito. Noneho, niba icyo gihe Yaranyeganyeje gusa umusozi, iyi nshuro Izanyeganyeza ijuru n'isi.

Bimeze gute kuri ubu Bwiza? Niba buriya bwarahishwaga n'igitwikirizo gisanzwe, ubu ni. . . butwikiriwe n'igitwikirizo cy'Umwuka, kandi murebe aho muri, murebe igihe turimo.

73 Ese Ibyo birumvikane kuri mwe? Murebe, ni igitwikirizo cy'umwuka kiri ku bantu, kuvuga ngo "Ndi umumetodisiti. Meze neza nk'undi muntu wese. Ndi umubatisita. Ndi umuPenekositi." Ntimubona rwose ko icyo kintu ari igitwikirizo cy'imihango? Kibahisha Imana. Ni ibyo bintu bibabuza kubyumva mu buryo bwuzuye. . .

Yoo! Muravuga muti : "Ndasakuza kandi nsimbuka mu mwuka."

Yaravuze ati: "Ijambo ryose!" Eva yizeye Ijambo ryose, uretse rimwe. Murabona? Ni Ijambo ryuzuye ry'Imana, isezerano ry'iki gihe, ryagaragajwe. Murabona?

Noneho, murebe, mu gihe dukomeza. Mfite ibintu byinshi byo kuvugaho, ariko, mfite amapaje agera muri makumyabiri, ariko. . . inyandiko, ariko sindibuzitange zose. Murabona, ngiye kwihuta.

74 Yari ahishe, atwikiriwe n'igitwikirizo gisanzwe, mbere yo gushobora kubwira Ijambo abantu. Noneho, Imana igomba kwihisha, nk'uko Yabisezeranye, mu mubiri w'umuntu. Imana! Murabyumva? [Iteraniro riravuga riti:"Amina." - N.D.E.] Imana igomba kwihisha mu mubri w'umuntu - noneho igashyira igitwikirizo cy'umwuka kuri bo (kuvuga ngo "Noneho, ndi iki, kandi ndi kiriya") - kugira ngo uvugishe abantu. Igihe icyo gitwikirizo, ari cyo gitwikirizo cy'imihango, cyatantamurikaga, noneho . . . ibyo bavuga bati: "Noneho, iminsi y'ibitangaza yararangiye."

75 Umuhungu umwe yarambwiraga undi munsi, umubwirizabutumwa muto w'umubatisita, aho hakurya, yaje kundeba, mwene Data Green, noneho yaravuze ati "Mwene Data Branham, dore ikintu mbarega." Yaravugaga ati "Mugerageza gutuma abantu ba. . ." Byari muri Auberge Ramada, igihe twari turi mu iteraniro aho hakurya. Yaravugaga ati "Mugerageza gutuma abantu bizera igisekuruza cy'intumwa, kubaho uyu munsi nkaho bari mu gisekuruza cy'intumwa." Yaravugaga ati :"Igisekuruza cy'intumwa

cyarangiranye n'intumwa."

Naravuze nti: "Ah yego?"

"Yego."

Naravuze nti: "Ni nde wari umuvugizi w'igisekuruza cy'intumwa?"

Yaravuze ati "Intumwa cumi n'ebyiri mu cyumva cyo hejuru."

Naravuze nti "Ku bw'iyo mvamvu, ibyo bikuramo Pawulo." Naravuze nti "Umuvugizi, yari Petero. Kandi Petero yaravuze, umunsi wa Penekositi, igihe abantu babonaga ibyabaga byose, n'Umwuka Wera wari ku murimo, yaravuze ati 'kuko Isezerano ari iryanyu, n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwwami Imana yacu.' Niba Ihamagara buri gihe, noneho icyo Kintu kimwe kiracyahari. Ni ryari igisekuruza cy'intumwa cyarangiriye? Igisekuruza cy'intumwa kirangira igihe Imana yahagaze guhamagara." Nta jambo yavuze na rimwe, yafashe gusa ingofero ye noneho aragenda.

Ni mu Ijambo gusa. Ni n'Ijambo gusa. Yesu yabwiye Satani ati "Haranditse." Murabona? Ni ibi "Haranditse."

Naravuze nti "Petero yavuze ko kitazarangira. N'abo Umwami azahamagara, uwo Mugisha uzaba uwabo. Noneho, muravuga muti 'Cyarahagaze.' Ryari?"

"Nta kibazo?"

Naravuze nti: "Oya, mugabo, ntacyo. Mugende." Byiza. Murabona?

Petero yavuze ko byari iby'abantu bose Imana izahamagara, ko bagombaga kwakira Umugisha umwe w'intumwa. Ibi, ni - ni Ijambo ry'Umwami. Murabona?

76 Noneho, igitwikirizo gisanzwe. Imana, Ijambo, rihishe mu mubiri w'umuntu. Byari iki? Imana yari ihishe muri Mose. Imana yari muri Mose, ihishe, n'Ubwiza bw'Imana bwari muri we. Hamwe n'iryo Jambo muri we, gutyo, yabaga yera cyane ku buryo yagombaga kwitwikira mu maso. Yari umuhanuzi wahamirijwe, wahishuye Ijambo kandi wababwiye ati: "Ntuzakore ikintu nk'icyo! Uzakora ikintu nka kiriya! Kandi ntuzakora ikintu nka kiriya!" Murabona?

77 Kugira ngo agaburire icyo gisekuruza Ijambo Ryayo, Yihishe mu kiremwa muntu, niba atari ibyo Ijambo ryaba ryarahinduye impumyi abahamagariwe gusohoka. Murabona? Ndetse n'abantu bari aho hakurya ntibashoboraga kubyihanganira. Mu - mu Kuva, ni cyo tubona, baravuze bati "Mose avuge, ntihavuge Imana." Murabona impamvu Inkingi y'Umuriro itagaragara cyane kenshi? Murabona?

Imana yaravuze iti: "Ni cyo Ngiye gukora. Ngiye kubahagurukiriza Umuhanuzi." Amina! "Ngiye kubahagurukiriza umwe." Kandi Yaje mu buryo bujyanye neza. "Ngiye guhagurutsa, kandi Azagira. . . Azaba Ijambo."

Yaravuze ati: "Niba bashaka kureba icyo Ijambo ari ryo. . ." "Noneho, Mose, nakubonekeye, aho hakurya muri icyo gihuru cyaka umuriro." Yaravuze ati: "Ngiye kumanuka ntwike uwo musozi." Yaravuze ati: "Bazabona ko wavuze ukuri. Ngiye kugaragarira aha muri ubwo - muri ubwo buryo bumwe bw'Umuriro. Ngiye kugaragarira aha kandi nereke abantu, Ngiye guhamiriza ubukozi bwawe." Ni cyo Yabwiye Mose, aha, mu magambo menshi.

78 Murebe, Yaravuze iti: "Noneho, Ngiye - Ngiye kuguhesha icyubahiro mu maso y'ubwoko." Yaravuze iti "Noneho, wababwiye ko Nagusanze hariya hakurya, mu gihuru cyaka umuriro; noneho, Ngiye kumanuka, Umuriro umwe, noneho Ngiye kwereka abantu ko utabeshye kuri ibyo." Mushobora kuzabyerekana mukoresheje ubumenyi ndetse, niba mubishaka. Murabona? "Ngiye kumanukira aho mu buryo bwuzuye kandi mbibamenyeshe."

Noneho igihe Yari itangiye guhinda nk'inkuba, igihe Yehova yatangiye guhinda nk'inkuba, abantu baravuze bati: "Oya! Oya! Oya! Yehova ntavuge; turapfa."

Murabona, byari ngombwa ko Yihisha, noneho Imana yihishe muri Mose, kandi Yahaye Mose Ijambo. Noneho Mose yaramunutse kandi avuga Ijambo ry'Umwami, yitwikiriye mu maso. Si byo? Yehova uhishe mu ishusho y'umuhanuzi, kubera ko mu buryo ntakuka byaba. . . Kandi Imana yavuze ko Itazongera kubavugisha gutyo. Izabavugisha gusa inyuze mu kanwa k'umuhanuzi. Kuva ubu bizaba ari bwo buryo gusa Izakoresha mu kuvuga. Ni uburyo bumwe gusa Yafashe bwo kuvuga. Ni byo. Nta na rimwe mu bundi buryo bwose. Ntibeshya.

79 Murebe, Mose wenyine ni we wari ufite Ijambo. Nyamara, si - agatsiko kamanutse, ntibari abafarisayo rwose, cyangwa abasadukayo, cyangwa ntabyari - agatsiko runaka cyangwa ubwoko. Byari Mose! Yafashe umuntu umwe. Ntishobora gufata ibitekerezo bibiri cyangwa bitatu bitandukanye. Ifata umuntu umwe gusa. Mose yari afite Ijambo, kandi Mose wenyine. Ndetse na Yosuwa ntiyari arifite. Nta

wundi muntu wari urifite. Amina! Yosuwa yari umusirikare mukuru; Yosuwa yari umugaba w'ingabo; Yosuwa yari umwizera, umukristo. Ariko Mose yari umuhanuzi! Ijambo ntirishobora kuza kuri Yosuwa; Rigomba kuza kuri Mose, igihe cyose Mose atari yakagiye. Oya, oya. Imana ikorana n'umwe gusa icyarimwe. Imana ni imwe. Murabona? Noneho, Mose gusa ni we wari ufite Ijambo, si itsinda.

80 Mwumve, Imana yaburiye abantu bose, kutagerageza gukurikira Mose inyuma y'uwo mwenda ukingirije; abigana. Murabona? Mugore, mugabo, mutambyi, uwo yaba yari we wese, uko yaba yera, ukuntu umuntu, ukuntu yaba yubashywe kose, ukuntu baba bari bubashywe kose; Yatanze umuburo iti "Mose aze wenyine! Kandi iyo umuntu, n'inyamaswa ndetse, yabikoragaho, yagombaga kwicirwa aho." Ntimuzigere mwinjira inyuma y'uwo mwenda ukingirije. Uwo mwenda utwikiriye ni uw'umuntu umwe gusa. Ubwo Butumwa ni bumwe. Murabona? Mu rusengero, umuntu umwe gusa yinjiragayo, inshuro imwe mu mwaka, asizwe kandi yiteguye kuhinjira; atari ukugira ngo asohokane Ijambo, ahubwo kugira ngo atambe igitambo cy'amaraso. Ndetse no kugira ngo yinjire imbere, imbere y'Ibyo: umwe gusa. Undi muntu wese yarapfaga. Murabona?

81 Noneho bapfa mu buryo bw'umwuka. Iki ni igitwikkirizo cy'umwuka. Murabona? Icyo cyari igitwikirizo cy'umubiri. Iki ni igitwikirizo cy'umwuka. Murabona? Bakomeje kwinjira aho imbere nta kujijinganya, nyamara mwakababwiye. "Yoo! ndabizi! Ndabizi, ariko na. . ." Murabona, mujye imbere, biri muri gahunda, byerekana gusa. . . Muribuka, muri Egiputa, icyago cya nyuma, byari urupfu, mbere yo gusohoka. Icyago cya nyuma, ku isi, ni urupfu rwo mu mwuka, mbere yo gusohoka. Bazatwikwa noneho babe umukungugu, kandi abakiranutsi bazagenda hejuru y'ivu ryabo. Ariko ikintu cya nyuma, ni urupfu rwo mu mwuka, kwanga Ijambo.

82 Noneho, murebe, Imana yaburiye abantu bose, kutagerageza gukurikira Mose imbere y'igitwikirizo cy'Umuriro. Mose yagombaga gutwikirwa, yagombaga gusohokamo gutyo. Mose, igihe yinjiraga, yari Mose winjiraga muri iyo Nkingi y'Umuriro; kandi iyo yongeraga gusohoka, yabaga atwikiriye. Mu by'ukuri, yinjiraga aho imbere, yitandukanyije n'imigenzo ye, imigenzo y'abasaza. Yari yarabonye Inkingi y'Umuriro, ariko noneho, yinjiraga mu Nkingi y'Umuriro. Murabona? Amina! Kandi akongera agasohoka, atwikiriye. Ijambo ry'Imana mu muntu, ritwikiriye! Nguyu arasohotse, agenda. Oh! La la! Nshobora kubibona. Yatanze umuburo iti: ntihagire umuntu wundi wiha kugerageza, nta muntu ushobora kubyigana. Byaba byiza kutabikora. Murabona? Nubwo byaba ndetse umutambyi, cyangwa umuntu wera, cyangwa umuntu wese, umukaridinali, umweveke, undi muntu wese, iyo yageragezaga kwinjira imbere y'umwenda ukingirije, yarapfaga. Imana yarababuriye iti: ntituzemera kwigana kose.

83 Ijambo Ryayo rihishurirwa umwe gusa. Igihe cyose ni ko byahoze biri, umuhanuzi yaje afite Ijambo ry'Umwami, muri buri gisekuruza, buri nshuro, mu gihe cyose cy'Ibyanditswe. Ijambo riza ku muntu umwe gusa. Muri buri gisekuruza, birasa, ndetse no mu bisekuruza by'itorero, kuva ku cya mbere kugeza ku cya nyuma. Ibindi byagize umwanya wabyo, ni ukuri, murebe, ariko muhagarare kure y'iyo Nkingi y'Umuriro. Murabona? Mbega isomo twigira aha! Murabona, umuntu wese yashakaga kuba Mose, kandi umuntu wese. . .

84 Muribuka icyo Dathan n'abandi bavuze, aho hakurya? Baravuze bati: "Noneho, Mose, itonde akanya gato, aho! Wiha ibintu byose, urabona? Noneho, hari abandi bantu aha Imana yahamagaye."

Ni byo. Ba. . . buri wese muri bo yakurikiraga neza, igihe cyose bakurikiraga, ariko igihe umwe muri bo yagerageje kwishyira hejuru no gufata umwanya Imana yahaye Mose, - wari warabigenewe kandi akanashyirwaho ku bw'uwo murimo, - yagerageje kuwufata, umuriro waramanutse, wafunguye ubutaka kandi buhita bubamira uwo mwanya. Murabona? Murabona? Mwitonde. Murabona? Murebe gusa umukristo mwiza, wera, wuzuye kwera, ufite Ijambo. Murabona? Muhagarare kure y'iyo Nkingi. Mbega isomo!

85 Mbere na mbere, Imana yabonekeye Mose mu gihuru cyaka umuriro, Imana yari itwikiriye mu Nkingi y'Umuriro. Noneho, mwitonde cyane, aho, mu gihe cy'akanya gato. Mbere na mbere Imana, igihe Yasangaga Mose, Yari ihishe. Imana yari mu Nkingi y'Umuriro, ihishe mu gihuru, murabona; nk'inyuma y'impu, murabona, aho, batambira igitambo, ku gicaniro. Murabona? Yari ihishe. Buri gihe Iba ihishe. Kandi igihe Yasangaga Mose, imbere y'abantu, Imana yamuhamirije n'iyo Nkingi imwe y'Umuriro. Murabona? Mose yaravuze ati:. . .

86 Noneho, mukurikire. Murasoma? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.] Mureka igitekerezo cyanyu kikajya kure cyane? Murabishobora? Mushobora. . . "Ufite amatwi yumve." Murabona?

Igihe Imana yabonecyeraga Mose, byari mu Nkingi y'Umuriro, igihe Yamuhamagaraga mu bukozi bwe. Mose yaje kubibwira abantu. Ntibashoboraga kumwizera, Kandi nyamara yari yarakoze ibitangaza n'ibindi byose. Ariko, iyi nshuro, biragaragara, mu buryo bw'ubumenyi, ko Yabonetse kandi ko Yahamirije ubukozi bwa Mose, nk'Imana imwe yamuvugishije, kubera ko Yabonetse mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro kandi itwika umusozi. Yasanze Mose mu gihuru, iramuvugisha. Byiza.

87 Bwa mbere Imana ibonekera Mose, byari mu gihuru cyaka umuriro, igitwikirizo. Imbere y'abantu, Imana yari igitwikiriye kandi Yahamirije Mose, n'igitwikirizo, yihishe muri uwo Muriro; iyo Nkingi y'Umuriro

yaramanutse. Aho. . . kuri bo, ku buryo bashobora gusa kumva Ijambo ry'Imana. Murabyumva? Ijambo ry'Imana gusa, bumvaga Ijwi Ryayo. Mu by'ukuri, Mose kuri bo yari Ijambo rizima. Mose! Murabona, Imana mu buryo bukomeye yahamirije iryo Jambo ikoresheje Mose! Murabona, Mose yaravuze ati. . . Imana yabwiye Mose iti: "Genda. Nzabana na we. Ni. . . Nta kintu kizakunanira. NDI URIHO."

Mose yaragiye, noneho aravuga ati: "Birashoboka ko mutazabyizera, ariko Imana yarambonekeye mu Nkingi y'Umuriro, kandi Yambwiye ibyo bintu."

"Yoo! dufite iby'ubwoko bwose, ibintu bisa biba." Farawo yaravuze ati:"Turebe!" Umushumba Farawo yaravuze ati: "Noneho, aho ufite ubupfumu. Noneho, nanjye, mfite abakonikoni aha bashobora guhindura inzoka i. . . inkoni - inkoni inzoka. Muze aha, bakonikoni." Baraje kandi bakora ikintu kimwe.

88 Mose yari abizi. Nta kintu cyamusitaje. Umubare w'abigana bari bafite, nta kintu byahinduraga rwose. Mose yagumye gutuza. Uwo mwanya, zatangiye gukurura inda mu gihe runaka noneho, mu mwanya muto, inzoka ya Mose yamize izindi. Murabona? Kubera iki? Ni nk'intumwa, ntizashoboraga kubisobanura. Mose ntiyari azi ukuntu Imana yagombaga kubikora, ariko Yagombaga kubikora.

Mwibuke, Yavuze ko Yambure na Yane bazagaruka, mu minsi ya nyuma; murabona, kwigana. "Kandi byayobya ndetse n'intore, bibaye bishoboka", Matayo 24.24. Murabona? Neza ibintu bimwe, bazakora ubwoko bumwe bw'ibitangaza n'ibindi byose. Muhange ijisho ku Ijambo! Muhange ijisho ku Ijambo! Umuntu avuga ko akora igitangaza, kandi nyamara arashaka kwemera ko hari Imana eshatu, kandi ko hari ibyo bintu byose; muzahunge abantu nk'abo. Tuzi ko ibi, ari - ari ikinyoma, murabona, si ibi rwose. Murabona? Ijambo, Ijambo ryose, Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana! Mu Itangiriro, Ijambo rimwe gusa! Aha, haravuga hati:"Ntimukureho, kandi ntimwongereho ijambo na rimwe gusa." Murabona, ni ngombwa ko Biba iryo Jambo, nk'uko rimeze. Murabona?

89 Murebe, abantu babonye ko ikintu runaka cyabaye. Mose yari atwikiriye, nka. . . Yari umuhanuzi, kandi Imana rwose yari yarahamirije Ijambo Ryayo, yajyiye aho hakurya. Kandi yabonye ibimenyetso n'ibitangaza. Nyuma, noneho, abo bantu baratandukanye: itorero. Murabona, itorero, bishatse kuvuga "uwahamagariwe gusohoka". Murabona? Nyuma yuko bahamagariwe gusohoka mu isi, kandi bakaba ubwoka, murebe, noneho Imana yimenyekanishije, nkaho Yari iyo Nkingi y'Umuriro. Yahamirije Ubutumwa bwa Mose. Murabona? Yari Inkingi y'Umuriro. Birashaboka ko baba barayifotoye, ndatekereza, niba bari bafite ibyuma bifotora, kubera ko byari Umuriro. Ariko be - berekanye ko. . . Imana yerekanye ko Ubutumwa bwari ukuri. Ubutumwa bwari aho, byose byari aho, mu kanya gato bagombaga kujya mu gusohoka. Yahishe umuhanuzi Wayo, ku bw'ubwo bwoko bwo gusohoka.

90 Abantu, mu bitekerezeho, babonye ko hari ikintu cyamubayeho. Noneho Yari umuntu utandukanye n'abandi Banya Israel. Yari umuntu utandukanye, Ubutumwa bwe bwari butandukanye, yari atandukanye n'abatambyi, yari atandukanye n'abantu bose. Murabona, yari umuntu utandukanye. Abantu babonye ko hari ikintu cyabaye. Imana yari yihishe mu muhanuzi Wayo, kugira ngo ibabwire Amagambo Yayo. Dore icyo Yakoze. Mose yari iryo Jambo rizima, ku bantu, ritwikiriwe n'Inkingi y'Umuriro, ritangaza ikizahishwa nyuma inyuma y'impu z'inyamaswa. Murabona?

91 Ijambo ryagombaga kuva kuri Mose, mbere na mbere. Murabona? Mose yari afite Ijambo. Yari yaranditswe n'Imana, nta muntu washoboraga kuyasobanura, ni Mose wagombaga kuyasobanura, mbere na mbere. Ni ku bw'iyo mpamvu yitwikiraga mu maso, kubera ko ya. . . Murayibona? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I .] Murabona?

Riri hano. [Mwene Data Branham afata Bibiliya ye. - U.I.] Dushobora kuyifata, kuyitwara, n'ibindi byose bisigaye, aho, ariko Igomba guhishurwa. Kugira ngo ashobore guhishura, Mose yagombaga guhinduka Imana ku bwoko.

Muravuga muti: "Ntibyumvikana."

Mwumve, Yaravuze iti, Yanabibwiye ndetse Mose, Ubwayo iti "Uzaba Imana, noneho Aroni azaba umuhanuzi wawe!. . .?. . ." Murabona? Noneho, Yaje aho, murabona, byari ngombwa ko Yihisha, kubera ko Imana buri gihe iba iri inyuma y'igitwikirizo. Oh! La la! Murayibona? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.] Imana ihishwe abantu.

92 Yaravuze ati "Data, Ndagushimira, ibyo Wabihishe abanyabwenge n'abahanga, noneho Ubihishurira abana bato, abashaka kwiga." Murabona?

Imana ihishe inyuma y'igitwikirizo. Mose yitwikiraga mu maso. Mose yari Ijambo rizima, rihishe, muri icyo gihe. Abantu babonye iyo Nkingi y'Umuriro, baravuze bati "Noneho, turemeye." Murabona? "Mose navuge." Murabona? "Imana ntivuge, kugira ngo tudapfa." Mose yinjiye uwo mwanya muri iyo Nkingi y'Umuriro. Murabona?

Kandi Yaravuze iti, aho, rwose Yaravuze iti "Noneho, Sinzongera kubavugisha gutya. Ngiye kubaha umuhanuzi." Murabona? Kandi ni gutyo buri gihe Yabigenje. Murabona? Yaravuze iti "Noneho, bagende."

Ariko umuhanuzi uvugwa agomba kugira iryo Jambo. Niba ahishwe n'imigenzo, Imana ntiyigize imutuma. Niba ahishwe n'Ijambo, Imana izamuhamiriza. Imana isobanura Ijambo Ryayo bwite. Mose yarayavugaga; Imana ikayasobanura. Amina.

93 Mose yaravugaga ati "Umwami yabivuze!" Kandi Umwami yakoraga neza icyo Yabaga yavuze. Ibyo byagaragazaga ko Byari ukuri.

Noneho, Yaravuze iti "Noneho, Mose, urumva. Abantu barumva noneho. Urabona, Narakwerekanye, Naraguhamirije." Imana yari yihishe muri uwo muhanuzi kugira ngo ihe Ijambo Ryayo abantu. Mose kuri bo yari Imana nzima, Ijambo rizima ry'Imana ryagaragajwe. Ni ku bw'iyo mpamvu mu maso he hari hatwikiriye. Murabona?

None se muzi ko ari ikintu kimwe ku mukristo w'ukuri, ko ihishe uyu munsi ku batizera? Babona abo bagore bafite imisatsi miremire n'ibindi byose, bavuga ko ari. . . "Mundebere icyo gihe cya kera." Abagore bafunga shinyo, baravuga bati "Mufite umupine, umupine w'ubutabazi ku mutwe." Murabona, biratwikiriye mu buryo bwuzuye. Ni impumyi. "Yoo! ni ko bavuga, mfite dogitora muri filozofiya,. . ." Icyo mwaba mufite cyose, nta cyo bimbwiye, muri injiji rwose kw'Ijambo. Ni byo rwose. "Yoo! ibi, ibi, ni ikintu kiza ku mwanya wa kabiri. Na. . ." Muhere ku masomo mato.

94 Ni iki twavuga ku bantu bavuga ko batwikiriwe mu Bwiza bw'Imana, kandi babwiriza imihango y'itorero? Yoo! impuhwe, ineza y'Imana! Mu gihe bongeraho kandi bagakuraho, n'ibisigaye byose, murabona ubwoko bw'igitwikirizo ibyo biri byo? Ibi, ni ukugira igitwikirizo cy'umubwiriza. Imana yashwanyaguje mu buryo bwuzuye icyo gitwikirizo!

Baravuga bati "Abahanuzi, ntibabaho. Muri iyi minsi ya nyuma, intumwa n'abahanuzi, ntibibaho. Gukiza kw'Imana, ntibibaho. Igisekuruza cy'intumwa cyararangiye." Bayihishe abantu. Ariko Imana yaje mu buryo bwuzuye aho, hamwe n'Umwuka Wayo Wera w'Umuriro, kandi Yatantamuye icyo kintu uvuye hejuru ujya hasi. [Umwanya utariho ikintu kuri bande - U.IE.] Imana yatantamuye uwo mwenda wakingirizaga.

95 Mose yari igitwikirizo, Ijambo rizima ry'Imana, rihishe inyuma y'umubiri w'umuntu. Inkingi y'Umuriro yari muri Mose, neza cyane, itangaza ikizaba gitwikiriye nyuma inyuma y'impu, murabona.

Ni ukuvuga ngo, aho, Ijambo, Ijambo ryaratanzwe, nyuma, Rirandikwa, nyuma, Rirahishwa, kandi ni ko Rimeze na none, rirahishe, kuko Imana yahoze muri iryo Jambo. Amina! Ni Ijambo, igihe cyose. Yari muri iryo Jambo. Ni ku bw'iyo mpamvu iryo Jambo ryagombaga guhishwa.

96 Yoo! mwene Data, mushiki wacu, murabyumva? [Iteraniro riravuga riti:"Amina." - U.I.] Murebe! Ntimubona? Ryarahishwe mu gihe cyose cy'ibyo bisekuruza, bijyanye n'ibyo Imana yavuze, kandi Rizahishurwa mu minsi ya nyuma, ibyo Bimenyetso Birindwi bizamenwa, noneho Ikintu cyose kizerekwa amaso y'abantu, icyabaye, mu gihe cyose. Isaha y'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi, ubwiru bwose bw'Imana buzahishurwa n'uwo Eliya, muri iyi saha ya nyuma: Kristo, uri ku rugi rw'Itorero Rye, Umwana w'Imana, wihishura bundi bushya nk'Umwana w'umuntu ; Itorero, rigomba gushyirwa muri gahunda n'ibindi byose, ku bw'umunsi wa nyuma, nta mahame, nta dini, Ijambo gusa kandi mu buryo ntakuka, rizima mu muntu. "Nzatwara umwe, noneho Ndeke undi. Nzafata uyu, noneho Ndeke uriya." Murabona? Hari gusa. . . Nta bufatanye, nta madini, nta bubata, nta kintu na kimwe; ni umutima uziritse ku Mana, kandi ni Yo gusa. Murabona?

97 Murebe, ihishe mu mubiri w'umuntu. Mose hamwe n'iryo Jambo, atangaza ikizashyirwa inyuma y'uruhu rw'inyamaswa nyuma cyane. Kugira ngo. . . Kimwe n'uko, Kristo ari we Mose wacu. Kristo ni Mose wacu. Yari Imana ihishe mu mubiri w'umuntu, ihishe mu muntu, mu mubiri. Ni byo. Kandi uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose. Yari ahishwe n'impu z'inyamaswa. Yari ahishe. Noneho iyo nshuro Yari ahishe mu muntu. Murabona? Noneho murebe, "umwe ejo hashize, uyu munsi n'iteka ryose", Ijambo Rye Yari yarasezeranyije ku bw'icyo gisekuruza. Aracyari Kristo, Ijambo ryasezeranyijwe ku bw'iki gisekuruza, rihishe mu mubiri w'umuntu. Ijambo ni Imana.

98 Gusigwa ni umuntu. Ijambo Kristo bishatse kuvuga umuntu usizwe, murabona, "uwasizwe". Noneho, Mose yari Kristo mu gihe cye, yari uwasizwe. Yeremiya yari Kristo mu gihe cye, hamwe n'umugabane w'Ijambo ku bw'uwo munsi.

Ariko igihe Yesu yazaga, Yaje nk'Uwasizwe Umucunguzi; kandi aho, byari icyarimwe Mose n'ibintu byose byari muri Mose, n'Ijambo ryose, n'Ubumana bwose bw'umubiri, bwari buri muri We. Ni ku bw'iyo mpamvu umwenda wari ukingirije urusengero watantaburitse mu buryo bwuzuye, noneho igitambo kikerekwa mu buryo bwuzuye amaso: Yari Uwasizwe.

99 Murebe noneho, igitwikirizo cy'umubiri w'umuntu, Ijambo ryasezeranyijwe ku bw'iki gisekuruza rigomba na ryo guhishwa. Murebe. Abanyabyaha n'abayoboke b'itorero bakunda icyaha ntibashobora kubona icyo Bisobanuye, bitewe n'igitwikirizo cy'umuntu.

Ni ku bw'iyo mpamvu batashoboye kuyibona. "Turebe, Ni Umuntu. Ni he aturuka? Ni iyihe karita y'umuyoboke Afite? Ni irihe torero Abereye umunyamuryango?" Ngiye kuvuga kuri ibyo uyu mugoroba: Ni irihe Torero Abereye umunyamuryango? Murabona? Noneho, murabona, ni ukuvuga ngo "Ni irihe torero abereye umuyoboke, ni irihe - ni irihe tsinda? Ni ayahe mashuli Yize? Ni he Yize? Noneho, uwo Muntu yavutse, bijyanye n'imihango, bijyanye n'inkuru mpimbano izenguruka ku bijyanye na We aha, uwo Muntu yavutse nta bukwe bubaye. Noneho, Ya. . . Ni byo, Ni Uw'umubi. Murabona, Ni - Ni Uw'umubi. Yavutse nta bukwe bubaye; Yosefu yamushatse gusa kugira ngo amubuze guterwa amabuye, kubera ko yari umugore w'umuhemu. None uwo Muntu aje kutubwira icyo gukora, twe abatambyi?"

100 Kandi Imana yari aho, ihishura iryo Jambo, ivuga cyane iti: "Mana Yanjye, ni iki kikundekesheje?" Indirimbo ndetse baririmbaga mu rusengero, izo Dawidi yari yarabandikiye mu myaka yabanjije, kandi zavugaga kuri Kristo. "Amagufwa Yanjye yose arandeba. Batoboye ibiganza Byanjye n'ibirenge Byanjye." Kandi bari aho, babiririmba, mu gihe Umuntu uvugwa yapfiraga ku musaraba. Noneho igihe barangizaga kandi ko...

Igihe Yapfaga, Imana yo mu Ijuru yaramanutse, nk'uko Yabikoze ku musozi Sinayi, hamwe n'Umuriro Wera, noneho Itwika umwenda wakingiraga urwo rusengero, kuva hejuru kugera hasi, Yarawutantamuye. Noneho ni iki bashoboraga gukora? Kurebera mu idirishya ry'urusengero, aho, i Karuvari, kandi Imana yari aho, yeretswe amaso y'abantu bose, igitambo.

101 Ariko na none uyu munsi, ntibabibona. Imana, kuri uyu munsi wa nyuma, yatantamuye iyo migenzo, kandi Yerekanye Ijambo ku bw'iki gisekuruza mu maso y'abantu bose, kandi igihe cyose ntibamenya icyo bisobanuye. Ntibazi mu by'ukuri icyo bisobanuye. Bi - biroroshye cyane. Murabona, biroroshye cyane, mu by'ukuri. Ntibijyana n'ibintu by'isi.

Undi munsi, nabwirizaga, mu iteraniro runaka, ku Kuba umusazi. Umwe muri iyo minsi, ndashaka kuvuga kuri ibyo, kuba umusazi. Twese turi abasazi kubera umuntu runaka, noneho - noneho nanjye nzamuba ku bwa Kristo. Pawulo yavugaga ko bamufataga nk'umusazi. Ni byo, mu buryo ntakuka. Murabona, ni ngombwa iburo [Mwene Data Branham akoresha ijambo ry'icyongereza "nut" risobanura "iburo", ariko na none, mu buryo bwo kugenekereza, risabunara "umusazi", U.I .] kugira ngo ikomeze ibintu bigume mu mwanya. Murabona? Ni byo.

102 Noneho, murebe, igitwikirizo, umubiri w'umuntu. Oya, noneho, abantu bakunda icyaha ntibashoboraga kubona icyo byari byo. Abo bantu b'abanyedini bihambiriye ku migenzo yabo ntibashoboraga kubona icyo byari byo, kubera ko Yari Umuntu. Kubera iki? Uwo mubiri w'umuntu wahishaga Imana.

Nyamara, iyo Iza kuba Inkingi y'Umuriro nini yamanutse, murabona, iyo Inkingi y'Umuriro nini iza kuba yaramanutse noneho ikabereka icyo Yari cyo, ko Yari iyo Nkingi y'Umuriro nini, ibi, baba wenda barabyizeye; iyo Yehova aza kuba yarazengurutse ahantu hose.

Ariko, murabona, icyo Yakoze, kugira ngo ishobore kuzenguruka abo bantu bose b'abahanga, abanyabwenge, Yihishuye gusa nk'uko Yari yarabisezeranyije Mose, murabona "Nzabavugisha mu kanwa k'Umuhanuzi." Kandi Yari we, Umwana w'umuntu, Umuhanuzi. Kandi bamwe baramumenye, hafi kimwe cy'ijana ku ijana by'isi baramwizeye; abandi, ntibamwizeye. Ariko ni cyo Yari cyo rwose.

103 Ariko Ijambo Rishobora byose ryari aho, riri mu maso y'abantu bose, Igitambo! Yarapfuye, mu gihe abana Be bwite bavugaga bati. . . Abana Be bwite bari aho, baravuga bati: "Ntitumushaka! Nagende!" Baramuciriye.

Nk'ikigereranyo, mu gihe kirekire mbere, Dawidi, igihe yataga urusengero, umwami wanzwe, yamanukaga mu muhanda, noneho umuntu wamugaye wagendaga yikurura, utari warigeze umukunda, yamufashe nk'indyarya ishaje, cyangwa ikintu nk'icyo, yamuciriye mu maso neza. Noneho umurinzi akura inkota ye mu rwubati, aravuga ati "Narekera iyi mbwa umutwe, mu gihe yaciriye umwami wanjye?"

Dawidi yaravuze ati "Mureke, ni Imana yabimubwiye." Kandi nta gushidikanya ko Dawidi atari azi ibyo yavugaga. Yazamukaga umusozi yihuta, noneho areba inyuma arira.

Nyuma y'imyaka magana inani, Umwana wa Dawidi yazamutse uwo musozi, Yarebeye kure, aririra Yerusalemu: Umwami wanzwe. Kandi bamuciriye mu maso.

104 Ntimubona? Ni ikintu kimwe. Murabona iryo Jambo rikomeza guhura, rikomeza kugenda uyu munsi? Igihe cyose ryanzwe n'abantu benshi, murabona, kandi rikizerwa n'abantu bake.

Noneho, murabona, ntibashoboraga kubyizera. Abo Bagiriki ntibashoboraga kuyibona, Yari mu Rusengero Rwayo rw'umuntu. "Noneho, ni ko bavugaga, uwo muntu, Izina Rye ryari Yesu; Aturuka i Nazareti."

Nyamara, icyo gihe, abantu bari bafite gusa izina rimwe. Nk'urugero: Yohana, Jim; baravugaga bati:

"Yohana w'i Jeffersonville, Jim w'i New Albany", cyangwa ikintu nk'icyo, murabona.

105 Yaravugaga ati "Uyu ni Yesu w'i Nazareti. Umuntu wese avuga ko nyina yatewe inda n'umusirikare." Murabona? Kandi noneho, ni cyo neza bizeraga. Nta gushidikanya! Noneho, tuvuge ko, bavugaga, aho bati "Uyu ni Yesu w'i Nazareti." Murabona? "Ni Nde?" Murabona, ntibashoboraga kubyumva.

Ariko, mwumve, iri Jambo ku bw'uyu munsi, igihe Yabwirizaga, Yaravuze ati "Mugenzure Ibyanditswe. Mutekereza kugira Ubugingo Buhoraho muri Byo, kandi ni Byo bihamiriza Uwo Ndi We. Niba mudashobora kunyizera, mwibagirwe icyo Ndi cyo, nk'igitwikirizo, mwizere Ijambo ryazanywe. Abahamya babiri, ni igihamya", Yaravuze ati "Ndavuga kandi Data arampamiriza."

106 Ndavuga Ijambo ry'uyu munsi, kandi Data ararihamiriza. Noneho, kuri mwe, ese ni igihamya? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - N.D.E.] Ni kimwe muri byo, murabona. Ni muri ubwo buryo Rigomba gusohora.

Murebe, mu 2 Abakorinto, noneho, ku. . . mu 2 Abakorinto, igice cya 3, ku murongo wa 6; urusengero rushaje rwacumbikiraga Imana, ihishe amaso y'Abayuda inyuma y'impu zishaje. Igihe igitwikirizo gishaje cyatantamurikaga, aho na none Abayuda. . .bari impumyi ku Wo Yari We, kandi Ikiri na none uyu munsi. Noneho nyuma, Penekositi yahishuye Uwo Imana nzima kandi y'ukuri Yari We, igihe uwo mwenda watwikiraga watabukagamo kabiri, utabuwe n'Imana, guturuka hejuru. Ese ni ukubera iki byabaye kuri uwo mwenda wakingirizaga? Kubera iki byabaye?

107 Kubera iki Ubutumwa nk'ubwo Bwaje uyu munsi kugira ngo bukore icyo Bwakoze? Kubera iki Bwaje? Kubera iki?

Umuntu yagombaga kumpamagara undi munsi, ashaka kujya impaka nanjye ku bijyanye n'igisekuruza cy'itorero, icyerekana neza ko Imana yari mu itorero Ryayo ryera, n'ibintu nk'ibyo. Igihe namenyaga ko yari umugore w'umubwirizabutumwa, noneho muri make nahise nibagirwa ibyo byose. Murabona, iyo aza kuba umuntu wari mu kuri, biba byaratandukanye. Ariko, noneho ubwo, bimaze iki kujya kure, mu kindi gihugu, aho, mu gihe ari ngombwa ko ndeka iteraniro aha, kugira ngo mbikore, murabona? Noneho, ndabareka gusa bakabikora. Impumyi iyobora impumyi, bose bagwa mu cyobo.

108 Noneho, ubwo, ubu, muri iki gisekuruza, mu gihe igitwikirizo cya kera cy'idini n'imihango, cyatwikiraga Ijambo ry'Imana, cyatantamuritse, kugora ngo Rishobore kugaragara. . . Murabona icyo nshaka kuvuga? Imihango iravuga iti "Ibyo bintu byose, ni iby'igihe cyashize." [Mwene Data Branham araruhuka. - U.I] Mureke tubyinjiremo gake. "Ibyo bintu ni ibya kera." Ariko, muri iki gihe cya nyuma, icyo gitwikirizo cy'imihango cyaratantamuwe mu buryo bwuzuye, kandi aha hahagaze Inkingi y'Umuriro. Murabona? Ari aha, arimo kugaragaza Ijambo ry'uyu munsi. Igitwikirizo cyaratantamuwe. Nyamara, baguma kutaryizera. Uko byagenda kose, ntibamubona. Ntibamubona. Ntibyoherejwe kuri bo.

Mwibuke, si Umwana w'Imana wahishuriwe ab'i Sodomu, ni intumwa ebyiri zabahishuriwe. Ni byo.

Ariko, ibi. . . Imana Ubwayo, mu mubiri w'umuntu, yahishuriwe Aburahamu, uwatoranyijwe. Noneho murebe icyo Yakoze kugira ngo yihishure. Kandi aho, Aburahamu yamenye ko: igihe Yamenyaga icyo Sara yatekerezaga, inyuma Yayo, yaravuze ati, yayise "Elohimu! Umugaragu Wawe. . ."

109 Murebe noneho: kugira ngo Rishobore kugaragazwa. Ijambo, mu gihe cy'iyo myaka yose, hariho igitwikirizo kuri Ryo imbere y'abantu "icyo kintu ntigikoreka."

Muribuka ikibwirizwa cyanjye, icyo nabwirije mu gitondo ubwo nagendaga, inshuro ya mbere, ku bijyanye na Goliyati na Dawidi? Naravuze nti: "Murebe uwo munyempaka, aho, uvuga ko 'iminsi y'ibitangaza yarangiye'."

Mwitegereze izo bande, ukuntu zakurikiranye, mwitegereze buri imwe, ukuntu Ibyo byose bigenda bisobanuka; niba mufite amatwi yo kumva, n'amaso yo kureba, murabona.

Ni iki? Naravuze nti: "Hari iyo si itwaza igitugu ya kidini aho, muri iki gisekuruza cy'ubumenyi, ivuga ko icyo kintu kidakoreka." Ariko naravuze nti: "Imana. . ." Muri uyu Mucyo, mbere yuko Ufotorwa, uretse inshuro imwe; Ntiwari wakigeze ufotorwa icyo gihe. Byari ku mugezi, aho; ntibawufotoye. Murabona? Naravuze nti "Yambwiye ko icyo kintu kizaba; Izahamagara, kandi ko ibyo bizakwirakwira mu mahanga yose."

Ndetse na dogiteri Davis yaravugaga ati: "Wowe, umunyeshuri w'umwaka wa karindwi, wize gusa amashuli y'ibanze, kandi uzasengera abami n'ibikomangoma, kandi utangize ububyutse buzakwira mu mahanga yose?"

Naravuze nti: "Ni cyo Yavuze."

Kandi icyo kintu cyarasohoye. Murabona? Murebe, icyo kintu cyarasohoye. Ngibyo, ni ibyo, nta busobanuro na bumwe Acyeneye. Yarabikoze. Murebe, Yamaze kubikora, birasobanura ubwabyo, murebe,

ahamagara intore Ze, murabona, mu nzego zose z'ubuzima. kandi, byaragaragaye.

110 Navuze ko Dawidi yari aho, agahungu gato kananutse, k'umugongo wahetamye, n'itopito mu ntoki. Ariko Sawuli yaramurebye, we wari ku mutwe w'ishyirahamwe rya gishumba, yaravuze ati: "Ariko wowe, ntiwigeze unigishwa!" Yaravuze ati "Reka turebe niba nshobora kuguha dogitora muri filozofiya, cyangwa ikindi kintu nk'icyo." Yamwambitse ingabo. . . Yabonye ko bitari bikwiriye umuntu w'Imana.

Yaravuze ati: "Mubinyambure." Yaravuze ati: "Nta kintu nzi muri ibyo bintu." Yaravuze ati "Mundeke njyaneyo ibyo nzi, icyo nakoresheje ndwanya intare, icyo nakoresheje ndwanya idubu." Yari ubwoko bw'umuntu uba mu ishyamba. Yaravuze ati "Mundeke njyende gutya."

Noneho muzehe Goliyati yaravuze ati: "Ese ni iyi mbwa mwohereje kundwanya?" Yaravuze ati: "Ndakujomba icumu ryanjye noneho manike intumbi yawe aho, ndeke inyoni ziyirye."

Dawidi yaravuze ati: "Uje undwanya nk'Umufilisitiya, n'ingabo ikingira igituza n'inkota, nanjye, nje nkurwanya mu Izina ry'Uwiteka, Imana ya Isirayeli." Murebe neza umuhanuzi, Dawidi, yaravuze ati: "Uyu munsi, ndagukata umutwe nkushyire ku ntugu." Amina! Oh! La la! Yari azi icyo yari afite, Uwo yari yarizeye, kandi yari afite ubushizi bw'amanga ko Uwo afite ubushobozi bwo kurinda ibintu bye. Murabona? Uko byagenda kose, kandi, icyo kintu cyarabaye.

Imvugo ishaje ngo: "Iminsi y'ibitangaza yararangiye", inkuta zarasenywe! Yehova aracyari aho, agaragara mu maso y'abantu bose, agaragaza Ijambo Rye, Uhishe. Ni byo. Murebe.

111 Itorero ry'amahanga na ryo, ryahindutse impumyi, imbere y'icyo gitwikirizo, nyuma y'uko gitantamuwe kandi kikareka bakabona Imana, igitwikirizo cya kidini. Ibyo yagenze gute? Kubera ko Ijambo ryahishwe mu kiremwa muntu bushya. Ngicyo neza icyo Isirayeli itashoboye kubona. Iyo biza kuba malayika cyangwa ikindi kintu, Isirayeli iba yarabyizeye. Ariko mu gihe. . . Ntibyashoboraga kuba malayika. Byari ngombwa ko biba umuntu. Amina!

Imana ntishobora kuba ku Ijambo Ryayo. Mu minsi ya nyuma, bigomba kongera kuba ikintu kimwe. Murabona? Ni iki cyahumishije Isirayeli? Uwo Muntu. "Wowe Umuntu, Wigira Imana." Ni ku bw'ibyo bamwishe. Noneho uyu munsi, kubera ko Ubutumwa bwaje bunyuze mu muntu, ntibwanyuze mu bamalayika. . . Murabona? Imana ntishobora guhindura uburyo Bwayo bwo gukora, guhindura Ijambo Ryayo. Yavuze ko Itahindutse. Murabona? Murebe, byari byarasezeranyijwe! Noneho uyu munsi, abo mu mahanga bose ni impumyi nk'uko Isirayeli yabaye impumyi, kubera (iki?) igitwikirizo. Imana ihishe mu kiremwa muntu, ni cyo cyahumishije Isirayeli.

Murebe, nk'uko bimera igihe cyose, umwe arahumye. Undi azahumishwa n'Ibyo; undi, Ukuri azahishurirwa ukuri n'Ibyo. Ibyo bizafunga amaso kuri bamwe, kandi bizafungura amaso ku bandi.

112 Murebe, Yesu yahagaze aho noneho aravuga ati "Noneho, izina ryawe ni - ni - ni Simoni, n'izina rya so ryari Yona."

Yaravuze ati: "Mwami Mana!" Murabona? Filipo. . .

Yaravuze ati: "Ni he Unzi?"

Yaravuze ati: "Dore Umwisirayeli udafite uburyarya muri we."

Noneho aravuga ati: "Mwigisha, ni he Unzi?

Yaravuze ati: "Mbere yuko Filipo aguhamagara, igihe wari uri munsi y'igiti, Nari nakubonye."

Aravuga ati: "Mwigisha, Uri Umwana w'Imana. Uri Umwami wa Isirayeli."

Byiza. Hari abari bahagaze aho, baravuze bati: "Ni Belezebule." Murabona? Ni iki Ibyo byakoze? Ibyo byafunguye amaso y'umwe bihumisha undi. Ni iki abatambyi bakoze? "Noneho, uwo Muhungu, ni Belezebule!"

113 Umugore muto yaravuze ati: "Nzi ko Mesiya agomba kuza, Uwo twita Uwasizwe. Urabona, Uwasizwe azaza. Ntitwigeze tugira umuhanuzi. . . Ugomba kuba uri umuhanuzi. Ariko Uwasizwe azaza. Turamutegereje. Ni iminsi ya nyuma ku banyamahanga. . . cyangwa, ku Bayuda." Yaravuze ati: "Ni umunsi wa nyuma." Murabona, Abasamariya ndetse n'Abayuda bari bategereje Kuza kwa Mesiya. Murabona? Yaravuze ati: "Ni igihe Agomba kubonekera. Tuzi ko, igihe Azaza, Azakora ibyo bintu. Azatubwira ibyo bintu."

Yaravuze ati "Ndi We."

Amaso ye yarafungutse; polisi. . . abapadiri babaye impumyi.

Ngicyo icyo Ubutumwa bwiza bukora igihe cyose: Bufungura amaso ya bamwe, buhishurira Ukuri

bamwe, mu gihe Buhumisha abandi; Bufite ibisobanuro bibiri. Bamwe, mu kureba muri uwo Mwana, bazahinduka impumyi; abandi, mu kubikora, bazajyana na We. Ibyo ni byo tandukaniro.

114 Ni ko byagenze mu bisekuruza byose, Ubumana buhishe mu mubiri w'umuntu. Murebe, ni cyo Yakoze. Abahanuzi, bwari Ubumana, buhishe. Bari Ijambo ry'Imana (Si byo?) rihishe mu mubiri w'umuntu. Noneho, ntibakurikiye na Mose wacu, murabona, Yesu.

Murebe, rihishe inyuma y'impu zishaje mu rusengero rushaje, hari Ijambo, hari Ijambo ryagaragajwe ku bisate by'amabuye.

115 Noneho, ngiye kugerageza guhagarara mu minota makumyabiri, aho, niba bishoboka, kugira ngo turangize saa tanu n'igice. Murebe, niba mubibona, narambuye amapaje, aha, murabona, kugira ngo ntafata. . . kugira ngo mpine. . . bibe bigufi cyane. Nzi ko mushyushye, ko munaniwe.

116 Inyuma y'urusengero rushaje, imbere mu gitwikirizo, ni iki cyari aho inyuma? Yehova, byari iki? Ni iki cyari gihishe aho inyuma? Ni iki gitwikirizo cyari gihishe? Oh! Aleluya! Ni iki igitwikirizo cyari gihishe? Cyari gihishe Ijambo. Igitwikirizo, impu zishaje z'inyamaswa, ryari rihishe, cyari gihishe Ijambo mu maso y'umubiri. Aho inyuma, hari hari kandi imitsima yo kumurikwa. Aho inyuma, hari Ubwiza bwa Shekinah. Ariko Ibyo byose byari bihishe. Ubwiza bwose bw'Imana bwari aho, inyuma y'urwo ruhu rw'inyamaswa, ni byo, ibyo byose bihishe ijisho ry'umubiri.

Ni kimwe n'uyu munsi. Babafata nk'agatsiko katwawe n'umwuka, abafana, ariko ntibazi ikihishe inyuma. Ngicyo icyo batazi. Murabona?

117 Noneho, igihe Imana, mu mpuhwe Zayo, yatantamuraga uwo mwenda wakingiraga kugira ngo bashobore kubona, bari baramizwe cyane n'imihango ku buryo ba. . . ku buryo byari bigihishwe kuri bo, kandi na n'uyu munsi ni ko bimeze.

Ni kimwe n'ubu! Ubwiza, imbaraga z'Umwuka Wera, Ubwiza bwa Shekinah buza ku mwizera (Noneho, ndavuga umwizera nyakuri.), ugaragaza imirimo y'Imana kandi winjiza muri we ukwizera kugira ngo yizere Ijambo ry'Imana, ibyo byose, bihishe mu maso y'abo bantu. Baravuga bati: "Ibyo bintu, ni iby'igihe cyashize." Murabona, baracyaba inyuma y'igitwikirizo. Ntimukiri inyuma y'icyo gitwikirizo, bana bato, Imana iri imbere y'amaso yanyu mwese.

118 Undi munsi, mwene Data Sothmann, mwene Data Simpson. . . Sinzi niba byarangiye aje cyangwa ataje. Twari benshi mu itorero ry'abatisita, noneho umubwirizabutumwa avuga ikintu cyumvikanaga neza cyane. Twese twaravuze tuti "Amina!" Umuntu wese, mu rusengero, ijosi rihagaze, yarebye inyuma. Murabona? Murabona? Twabonye utuvungukira twavaga inyuma ya Shekinah, aho, murazi, kandi mu by'ukuri twari twishimiye kububona. Twaravuze tuti, mu yandi magambo tuti "Urakoze, Mwami!" Murabona? Noneho, icyo gihe, abo bantu bari batwikiriwe cyane ku buryo bishimiye kubiseka. Ntibari bazi rwose icyo Byari byo. Murabona? Baracyatwikiriye. Ni ukuvuga ngo, bamwe bari imbere, n'abandi bari hanze. Ni ukuvuga ngo. . . Ariko Imana iri mu maso yacu twese, ihishe. Bimeze kimwe ubu.

119 Noneho, igihe Imana, mu mpuhwe Zayo, yatantamuraga uwo mwenda watwikiraga, aho, Yashyizwe mu maso y'abantu bose. Ariko bari baramizwe cyane n'iyo mihango ku buryo Yari igihishe mu maso yabo.

Ni kimwe n'uyu munsi! Ubwo Bwiza bwose, buhishe, buhishe muri twe muri Kristo, Ijambo, ari ryo Rusengero rwacu.

Yoo! Noneho, ndibusabwe kwinjiramo gake, aha. Mumbabarire ku bw'amarangamutima menshi iki gitondo, ariko, yoo! bimaze igihe kirekire cyane mfite umutima wo kuzana ibi, na. . . Biraka imbere muri njye. Murabona?

120 Murebe, Ubwiza bwose buri mu Mana buri mu Ijambo. Imigisha yose iri mu Mana iri mu Ijambo. Bihishe umutizera mu mihango. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ariko Ibyo byose biri muri Kristo; kandi natwe, turi muri Kristo, turi inyuma y'igitwikirizo.

"Noneho, ndi muri Kristo", ni ko mwavuga. Noneho nyuma, mukizera ko hariho Imana eshatu? Mubatiza mu izina rya "Data, Umwana n'Umwuka Wera"? Mwizera iyo mihango yose n'iyo myizerere yose mufite, by'abakurambere? Oya, muracyari inyuma y'igitwikirizo. Murabona? Mwinjire imbere y'igitwikirizo. Kristo, We, ni Ijambo.

"Gute? Sinizera gukiza kw'Imana. Sinizera ibyo bitangaza, n'ibintu nk'Ibyo."

Noneho, murabona, mwe - ntimuri imbere, imbere y'igitwikirizo. Nta kintu mubiziho. Murabona? Kristo ni Ijambo! Kandi iyo turi mu Ijambo, tuba turi muri Kristo. Noneho ni gute nshobora kuba muri Kristo noneho nkahakana Kristo? Ni We wavuze ati: "Nta jambo na rimwe rizongerwaho, cyangwa ngo rikurweho." Noneho, ni gute mushobora gukuraho no kongeraho? Murabona, bibereka igitwikirizo kibatwikiriye. Murabona?

121 Twe, muri We! Hanyuma, igihe twe turi muri We, aho na none tuba duhishe ku banyedini no ku bigisha b'iyi si. Murabona, Ubwiza bwacu, dufite kandi twishimiye, aho na none tuba duhishe abo hanze. Batekereza ko turi: "abasazi", na none uwo "musazi". Murabona? Murabona? Ni byo. Ariko twe turi hanze, aha, muri Kristo, twinjiye muri We binyuze mu mubatizo (1 Abakorinto 12), twinjiye muri We, dufite uruhare muri ubwo Bwiza. Murabona? Ariko si igihe turi hanze: mureba na none hanze, mubihakana. Murabona?

Ni ukuvuga ngo, ubu duhamagariwe kwinjira muri We, kandi icyo kintu gihishe abatizera mu gitwikirizo cy'umubiri w'umuntu, aha, "Ubwiza bw'Imana", ndetse n'ibindi. Kuri bo, ni Ijambo rimwe gusa. Kuri twe, ni ukwigaragaza! Murabona? Ntibikiri ijambo, ni ukuri! Amina! [Mwene Data Branham akubita inshuro imwe mu biganza bye. - U.I.]

Imana yaravuze iti: "Umucyo ube." Ibyo, byari Ijambo. Ariko ubu, umucyo urahari. Si Ijambo, ni umucyo. Murabona icyo nshaka kuvuga?

122 Noneho, kuri twe, si Ijambo gusa ryanditse, ni ukuri. Turi muri We. Noneho, turamubona, Ijambo, Arigaragaza. Bihishe abo hanze (kubera iki?), kubera ko Ibyo bihishe mu mubiri w'umuntu. Murabona?

Yoo! Baravuga bati: "Ako gatsiko k'abantu, ni irihe shuli bizemo? Ni iki bize? Ni he. . . ni he bize? Babarizwa murihe tsinda?" Murabona? Yoo! Murebe, ntibabyumva.

Umuntu yabwiraga undi, undi munsi, yaravugaga ati: "Kugira ngo ube umukristo, ugomba kuba umuyoboke w'idini."

Yaravuze ati: "Ndi umukristo; sindi umuyoboke w'idini na rimwe." Ah! Yaravuze ati: "Imana yankijije kanseri, ni ko yavuze; noneho, ni iki mubitekerezaho?" Yari umuganga. Yaravuze ati: "Munyereke amadini ashobora kubikora." Murabona? Byiza. Murabona? Biracyahishe na none.

123 Turi imbere muri Kristo. Noneho, nk'uko muri icyo gihe, abizera bose b'ukuri bamubona, We, Ijambo ryasezeranyijwe rw'uwo munsi, ryagaragajwe ku mugaragaro. Ni imvugo ikomeye cyane, niba mushobora kuyumva. Murabona? Murabona? Abizera bose b'ukuri, bari mu Ijambo, babona Imana ku mugaragaro. Umwenda ukingiriza ahera waratantamuritse, kandi Imana ihagaze aho, ku mugaragaro, imbere yanyu, yaragaragajwe. Murabona? Imana, yagaragaye, ku mugaragaro.

Kugira ngo tuhagere, igitwikirizo gishaje cy'imihango cy'amadini yacu kigomba gucika, bushya. Kugira ngo mu by'ukuri dushobore kubona icyo ari cyo, mugomba gusohoka hagati y'ibyo bintu. Murabona? Ntimuzigera muhagera; bazakura icyo gitwikirizo imbere yanyu, ubudacogora, buri gihe "Yoo! nta kintu kizima aho imbere." Ariko byanditse aha, kandi biragaragara aha, murebe. Murabona?

124 Noneho, ni iki twavuga ku muntu wanga kureba izuba, wavuga ati: "Yoo! nzi ko Imana yavuze, aho iti: 'Umucyo ube', ariko ntibibaho, ibyo. Nzajya munsi y'ubutaka. Nanze mu buryo budasubirwaho kubibona?" Uwo muhungu ni umusazi. Hari ikintu kitagenda kuri we.

Hari ikintu kitagenda ku mugabo cyangwa umugore ushobora kubona isezerano ry'Imana kandi. . . Kuribona ryigaragaza, noneho nyuma akanga kuryizera kubera ko idini rimanura igitwikirizo. Murabona, baratwikiriye!

125 Kugira ngo bishoboke, ibitwikirizo by'umugenzo w'amadini yacu bigomba kumenwa, n'Umwuka w'Umuriro w'Imana n'Inkota Yawo, ari ryo Jambo Ryayo. Ijambo Ryayo buri gihe ni Inkota Yayo. Murabona? Uwo munsi, Yafashe Inkota Yayo, yaka umuriro hose, kandi Yatantamuye uwo mwenda wakingirizaga kuva hejuru ujya hasi. Uyu munsi, Ikora ikintu kimwe, hamwe n'Inkota imwe. Si "amahame yanjye, igitabo cyanjye cy'amahame, gatigisimu yanjye", ahubwo Inkota y'Umwami, murabona, Yatantamuye umwenda wakingirizaga mo kabiri, none murabona Imana iri imbere y'amaso yose, igaragara mu Ijambo Ryayo. Mbega ikirori gihebuje cyo guhanga amaso! Murabona? Byiza. Umwuka Wera w'Imana n'Umuriro, Inkota Yayo, itantagura icyo gitwikirizo; Ijambo ritantagura igitwikirizo cy'idini.

126 Noneho, muvuze Ijambo gusa, noneho iryo Jambo ntirigire umumaro n'umwe? Byamara iki kugira Inkota aha, no mukavuga muti: "Ntirishobora gutantamura"? Mukavuga muti: "Haa!", noneho ntiritantamure?

Ariko igihe mushyize iyo Nkota y'Imana aho hejuru, muzayirebe itantamura, Ifashwe n'ikiganza cyashyizweho kandi kikoherezwa kubikora. Murabona, Ritantamura uwo mwenda ukingiriza mo kabiri, none dore, Iri aho. Aho, dushobora kubona Imana, neza, iri imbere y'amaso, Yehova Ukomeye. Ni Ijambo Ryayo ryagaragajwe, igice cyasezeranyijwe ku bw'umunsi uvugwa. Murabyumva? Murabona? Iyo Inkota, icyasezeranyijwe ku bw'uyu munsi, ikigomba kuba muri iki gihe, iyo Imana ifashe Inkota Yayo kandi Igatantamura igitwikirizo cya kidini mo kabiri kandi ikagipfundura, kandi Ikigaragaza, ikanerekana ko Ihari, igihe cyose iyo Nkingi imwe y'Umuriro. Murebe: ibi, ni Ijambo ryagaragajwe, ku bw'amasezerano y'uyu munsi.

127 Turamubona nka Petero, igihe yavugaga ati: “Mwami, ni nde twasanga, nyuma yo kubona Ibi?” Ni he twajya? Ni iri he torero twajyamo nyuma yuko twinjiye muri Ibi binyuze mu kuvuka? Murabona? Ni iki mwashobora. . . Ni iri he dini mwajyamo nyuma yo kumenya uko Kuri, murabona, mu gihe, yose, abihakana? Yose! Nta na rimwe nzi rizavuga cyangwa rizakora ikintu icyo ari cyo cyose mu kubishyigikira. Ni byo. Ni byo.

128 Igihe natangiraga gukora izo ngendo, aha, amatorero mirongo ine n'abiri yashyigikiraga iteraniro mu gace kamwe, noneho igihe nazaga, nta na rimwe nari nkifite. Yose, yaravuze ati “Yizera umutekano w'iteka.” Ari cyo cyashyize ku ruhande abakurikiza amategeko. Rimwe ryaravuze riti “Abatiza mu Izina rya Yesu.” Ari cyo gishyira ku ruhande andi yose, murabona. Rimwe muri yo ryaravuze riti:“Yizera urubyaro rw'inzoka. Inzoka ntigira urubyaro!” Ari cyo. . .

Bibiliya iravuga iti “Nzashyira urwango hagati y'Urubyaro rwe n'urubyaro rw'inzoka.” Murabibona?

Ya. . . umwenda wakingirizaga wakuwe ku Ijambo. Murabona? Ni byo. Byahishuriwe abana bato. Umwenda wakingirizaga wakuweho. Barabona ibyo ari byo. Kandi bizamera nk'ibyigeze kuvugwa rimwe. . . Ni byo. Noneho, bizamera nk'ibyigeze kuvugwa rimwe “Nimubona”, igihe icyo gitwikirizo gikuwe ku Ijambo, imigenzo ikuwe ku Ijambo, nk'uko Yesu yabivuze, rimwe, ati “iyo mumbonye, muba mubonye Data.” Murabona? Imana n'Ijambo Ryayo ni Umwe. Noneho, murabyumva? Igihe Ijambo rigaragajwe, biba ari ibiki? Murabona?

129 Yesu yaravuze ati “Mugenzure Ibyanditswe, mutekereza ko mufite. . . Mwizeye Imana, nanjye munyizere. Nintakora imirimo ya Data, noneho ntimuzanyizere. Ariko niba Nyikora, iyo miromo, Njye na Data, Turi Umwe. Iyo mumbonye, muba mubonye Data.”

Kandi iyo mubonye Ijambo ryagaragajwe, muba mubonye Data, Imana, kubera ko Ijambo ari Data. Ijambo ni Imana. Kandi Ijambo ryagaragajwe, ni Imana Ubwayo ifata Ijambo Ryayo bwite kandi irigaragaza mu bizera. Ni abizera gusa bashobora kuribeshaho, abizera gusa. Si. . . Si. . .

130 Mushobora gufata ingano noneho mukayitera mu bundi bwoko bw'ubutaka, ntizigera imera. Ariko, igihari, ni ngombwa ko haba hari ifumbiri runaka mu butaka, kugira ngo uhinge ingano. Kandi niba hatari. . . niba ifumbire mu butaka atari - atari . . . iyo ngano ikaba itarabanguriwe kugira ngo yemere iyo fumbire, ntizigera imera. Noneho, aho Ijambo rigwa, niba Ritagwa mu mutima uri mu mwanya neza. . .

Yesu yarabivuze. Igice kimwe cyaguye iruhande rw'inzira, ahantu h'amabuye, noneho inyoni zo mu kirere ziraza kandi zirakirya.“ Nyuma, Yaravuze ati: ”Igice cyaguye mu mahwa n'ibitovu, ari byo byazamutse noneho bikayiniga ako kanya.“ Imigenzo, amadini, ibyifuzo by'isi byarakinize. Ariko Yaravuze ati: ”Igice kimwe kigwa mu butaka bwiza noneho cyera inshuro ijana.“ Yaravuze ati: ”Ibi, ni Ubwami bw'Imana.“ Ni ikintu kimwe, murabona, bamwe ntibazigera bizera.

Bamwe bazizera mu gihe gito, nk'abigishwa. Baramukurikiye, benshi muri bo, mirongo irindwi bamukurikiye mu gihe cy'imyaka myinshi, kugira ngo babone icyo byari byo; hafi umwaka n'igice, cyangwa imyaka ibiri; rwose kugira ngo barebe icyo byari byo, kugeza babonye ikintu muri We, ikintu. . . nk'uburyo Yaba yari afite, ubushobozi bwo gukora ibyo bintu, cyangwa, nk'akaguru k'urukwavu, k'umukonikoni runaka, icyo Yashoboraga gukora kugira ngo atange ibyo bintu, ukuntu Yashoboraga kumenya icyari mu mutima w'abantu n'icyo batekerezaga. Kandi barangije bavumbuye ko Yavugaga ko “Yamanutse mu Ijuru”, ko Ubwe Yari Ijambo. Noneho, icyo gihe, ibi, byari bikomeye cyane kuri bo. Baravuze bati “Nta muntu ushobora kubyumva.” Baramuhunze. Ngabo abaguye mu mahwa.

131 Tugarutse ku kintu kimwe: muri buri teraniro, hari ingirwa bizera, abatizera n'abizera. Ni byo byahozeho muri buri teraniro. Ni cyo tubona igihe cyose. Bamwe bigira nk'abizera, ibyo, ni igice kibi cyane. Noneho nyuma, hari abatizera mu by'ukuri; we, nta bibazo azabateza, azigendera gusa azunguza umutwe. Ariko abigira abizera, bavuga ko bizera, ni ubwo bwoko, ni ubwo bwoko bugomba gucungwa, izo ngirwa bizera. Noneho, hakabaho abizera nyakuri. Murabona abo batatu, aho?

Hari abatizera. Kuva igihe Yavugaga ati: “Kurya umubiri w'Umwana w'umuntu”, yoo! mbega, hamwe n'ibyo, byari birangiye!

Abandi, bari ingirwa bizera. Bagumye aho kugeza, nk'uko Yuda yabikoze, kugeza ku mpera.

Ku bw'iyo mpamvu, abizera nyakuri, bo, ntibashoboraga kubisobanura, ahubwo barabyizeraga rwose. Barakomeje kugera ku mperuka.

132 Igitwikirizo, imigenzo y'abatizera, imaze gukurwaho, mubona Imana. Igihe igitwikirizo cy'imihango gikuweho, mushobora kubona ko Imana ikiri Imana y'Ijambo Ryayo. Iracyarinda Ijambo Ryayo. Ni - Ni Imana, Umwanditsi w'Ijambo Ryayo.

Ihishe abande inyuma y'ibitwikirizo by'uruhu. Yego, ni byo. Ku badashobora kwinjira inyuma y'igitwikirizo, Iracyari inyuma y'ibitwikirizo by'uruhu.

133 Murebe. Noneho du - noneho duhinduka igice Cye, ubwo muri igitwikirizo cyimutwikiriye. Muri igice Cye, igihe cyose Kristo ari muri mwe; nk'uko Kristo yari Imana, kubera ko Imana yari muri We, ni cyo cyatumaga Yari Imana. Noneho mu gihe Kristo ari muri mwe, ibyiringiro by'Ubwiza, muhinduka igice cya Kristo. "Unyizera na we azakora imirimo Nkora." Murabona? Muhinduka igice cya Kristo, igihe cyose Kristo ari muri mwe. Icyo gihe, biba bihishe ku mutizera, ariko muba muzi ko Ari muri mwe. Muri urusengero rwa Kristo, ruri inyuma y'igitwikirizo, uruhu. Noneho, twe, kubera. . . inyuma, kubera icyo gitwikirizo, na none icyo gitwikirizo cy'umubiri w'umuntu, gihisha Imana (Ijambo) ku mutizera.

134 Nk'uko byanditswe, murebe "Byanditswe, muri inzandiko zanditse", ni ko Bibiliya ivuga. None, urwandiko, ni iki? Ni "ijambo ryanditse". Kandi muri inzandiko zanditse. Mu yandi magambo ni ukuvuga, twabisoma gutyo "Mwe," ikivugwa, "muri inzandiko zanditswe," cyangwa "muri Ijambo ryanditswe, ryagaragajwe", nta kintu dushobora kongeraho. Ntimushobora kuvuga muti "Ndi urwandiko rwanditse", mubayeho mu bundi buryo, butari Ubu, bwamaze kwandikwa, kubera ko nta kintu dushobora kongeraho cyangwa gukuraho. [Mwene Data Branham akubita inshuro nyinshi kuri Bibiliya ye. - U.I N.D.E.]

135 Nk'uko dogiteri Lee Vayle arimo kwandika icyo gitabo gikomeye, ndashaka ko mwabibona, mu gihe runaka. Mwene Data Vayle ari aha, neza, ahantu runaka. Namubonye hanze. Sintekereza ko yashoboye kwinjira. Ariko arimo kwandika igitabo, aho, kandi - kandi kiratangaje cyane, ku Gisekuruza cya Lawodikiya. Kandi ndashaka ko mwa. . . Kizasohoka vuga. Ni ukuvuga ngo, tugeze ku gukosora ibya nyuma, kandi twanditse. . . twabijyagaho impaka aho, murabona, ku. . .

136 Umuntu wese buri gihe aza kundeba, avuga ati "Mwene Data Branham, uko Guhinda Kurindwi kw'Inkuba, igihe ijwi ryahindaga, kandi Akavuga ati:"Ntubyandike, urabona, ahubwo bifungishe ikimenyetso', ni ko bavugaga, ibi, bizaba ari Uguhinda Kurindwi kw'Inkuba kuzahishurwa mu minsi ya nyuma (murabona), Guhinda Kurindwi k'Inkuba kuzatumenyesha icyo bisobanuye?" Mu by'ukuri ntibisona neza? Murabona? Ariko murebe icyo muba mushyigikiye iyo mubivuga.

Yaravuze ati "Irinde kubyandika." Murabona? Uko Guhinda Kurindwi kw'Inkuba kumvukanisha amajwi yako, murabona, noneho Yaravuze ati "Ntubyandike (murebe), ahubwo Ibyo bigomba gufungishwa ikimenyetso mu Gitabo kugeza mu minsi ya nyuma."

137 Nyamara, umuntu umwe. . . abantu benshi barambwiye bati: n'abanyatewolojiya barambwiye bati "Mwene Data Branham, niba Umwami Mana. . ." Baravuze bati: "Niba - niba. . . Hamwe n'ubunararibonye bwanyu, Umwami yabahaye, ku bwoko Bwayo", (Ndavuga ibi nciye bugufi), baravuze bati:"Mwashobora kwandika ubwanyu Bibiliya, Ijambo ryanyu, niba Imana yararigaragaje."

Naravuze nti : "Wenda ni byo." Murabona, yashakaga kungusha mu mutego. Murabona? "Ariko, murabona, sinshobora kubikora."

Yaravuze ati: "Kubera iki? Mwujuje ibyangombwa byose."

Naravuze nti: "Ariko murebe neza, nta jambo na rimwe rishobora kongerwaho cyangwa ngo rikurweho." Murabona?

Kandi yaravuze ati: "Noneho, ubwo, uko Guhinda Kurindwi kw'Inkuba, murabona, ni ko yavuze, uko Guhinda Kurindwi kw'Inkuba kuzumvikana, ese ntibizaba ari Uguhishurirwa kuzahabwa umuntu?"

Naravuze nti: "Oya, oya, byaba ari ukongeraho ikintu runaka cyangwa gukuraho Ikintu Runaka."

Byose birahishuwe Aho imbere, kandi ni Ibimenyetso Birindwi byafunguye ibyahishuwe bw'icyo Byari byo!. . .?. . . Murabona, igihe cyose ni mu Ijambo. Murabona, ntidushobora gusohoka muri iryo Jambo. Ntibizatandukana n'Ijambo. Kandi Umwuka w'Imana ntuzigera utandukana n'iryo Jambo. Azahagarara gusa ku Ijambo, ahindura bamwe impumyi, kandi afungura amaso ya bamwe. Igihe cyose rizakora ibyo.

138 "Muri inzandiko zanditse, zisomwa n'abantu bose." Yego, muri. . . Ndabisobonura, ndabyubaka gutyo, murabona, ndabyubaka mu bundi buryo, muri make "Muri inzandiko zanditswe zisomwa", kubera ko nta kintu dushobora kongeraho, "zisomwa n'abantu bose; Ijambo ry'Imana ryagaragajwe", mu yandi magambo. Petero na Yohana, kugira ngo tubereke ko: igihe bajyaga aho hakurya, twabonye ko bari abantu baturuka mu bantu batize, nta mashuli bari bafite, ariko babamenyeye ku kuba barabanye na Yesu. Murabona? Bari abantu baturuka mu bantu batize, ariko bari inzandiko zanditse, murabona, zisomwa, kubera ko babanye na Yesu. Mu by'ukuri, Yesu yigaragaraziga muri bo, Kristo uhishe mu mubiri wabo; yigaragaza, ufite ubuzima.

139 Nk'uko ari ko Yari ameze muri Mose. Igihe Ijambo ryari muri Mose, yari Imana mu mubiri. Igihe Ryari muri Yesu, Yari Imana mu mubiri. Murabona? Ibyo Yakoze byose, ni uguhindura masike Ye, si Ijambo Rye, si kamere Ye. Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose. Yahinduye ishusho gusa. Yanyuze muri Nowa ajya muri Mose; Yanyuze muri Mose ajya muri Dawidi; ava muri Dawidi, muri Yosefu, n'abandi n'abandi, kugeza Yinjiye mu mwuzuro w'Ubumana ku buryo bw'umubiri. Murabona?

Na none ni Imana imwe! Amina. Amina. Niringiye ko ibi byakiriwe. Murabona? Ni Imana imwe, ariko Yambaye ikindi gitwikirizo, ni ibyo. Murabona, Ishyiramo ikindi gitwikirizo.

140 Yabikoze ku bagorozi, Yarongeye yambara igitwikirizo, yambaye igitwikirizo, kugeza igihe byarangiriye, nyuma yo kwambuka igisekuruza cya Luther, kwambuka ikindi gisekuruza, nyuma, Ikigezweho, ni Umwuzuro. Rwose mbere y'Ibyo, umuhanuzi aragaragara, na none. Ibyo, ni ku bwo kwerekana Ijambo mbere, twerekana ibyahozeho, duhishura ibyakozwe, ibyasigaye, kugira ngo Itorero ribe ari nta. . . ritaba ridafite kumva. Nyuma, igihe ibi byagendaga bishira, noneho, nk'uko Yohana yabivuze ati: "Ni ngombwa ko ngabanyuka, ni ngombwa ko Azamuka", ubwo Ushobora byose muri byose yinjira muri We. Yagaragajwe mu buryo bwuzuye, Yanyuze muri Luther, Wesley, igisekuruza cya Penekositi, noneho, ava kuri umwe ajya ku wundi, kuri umwe ajya ku wundi, Yagaragajwe mu buryo bwuzuye, murabona, uruhererekane, muri make kwigaragaza, Imana yihishura. Muyirebe noneho, murebe, byasohoye mu buryo bwuzuye mu masezerano Yatanze ku bw'uyu munsi, nk'uko byagenze ku bandi.

141 Nyamara, Mose yari Ijambo muri icyo gihe, kubera ko Ijambo yarihawe ku bw'uwo munsi; Mose. Yosefu yari Ijambo mu gihe cye, Yari mu ishusho ya Kristo, neza. Murabona, buri umwe muri bo yari Ijambo.

Kand igihe Yesu yazaga, Yari Ijambo mu mwuzuro Waryo, kubera ko gahunda yose y'ubucunguzi yari muri We. Gahunda yose y'ubucunguzi ntiyari muri Mose, ntiyari muri Yosefu, ntiyari muri Eliya. Murabona, bo, bari igice cy'Ijambo gusa, bavugaga ibyagombaga kuba. Murabona? Noneho, murebe, mugumane icyo gitekerezo mu mutwe; aho, ngiye gutanga Ikintu Runaka, nk'uko mvuga. Murabona, gahunda yose ntiyari muri bo. Bavugaga icyagombaga kuba.

142 Ku bw'iyo mpamvu, nyuma Ye, Umwuzuro, ntidushobora kuvuga ikindi kintu kizaba. Ni ukuvuga Uwamaze kuza, Ijambo. [Mwene Data Branham afata Bibiliya ye. - U,I.] Ibi ni Uguhishurirwa kuzuye; nta kintu dushobora kongeraho cyangwa ngo tugire icyo dukuraho. Nguko Guhishurirwa kuzuye. Ibyo byose, byari igicucu cy'Uwagombaga kuza; noneho igihe Yazaga, Yari Icyuzuye. Abaheburayo 1 "Imana, inshuro nyinshi, yavugishije ba data mu kunwa k'abahanuzi, (Imana yavuze inyuze mu bitwikirizo, abahanuzi), ariko, muri iyi minsi ya nyuma, n'Umwana Wayo Yesu Kristo." Murahari. Yarahishuwe, aho i Karuvari, Umwana w'Imana, wahishuwe.

143 Murebe, "yahawe ubuzima". Kandi, uyu munsi, igihe Ijambo ry'Imana rigaragajwe mu nzabya za kimuntu, ibitwikirizo, mu buryo nta kuka ni Ijambo risohora muri icyo gihe, ari byo bihura n'Imana. Mu gihe twinjiye muri We binyuze mu mubatizo, bijyanye na 1 Abakorinto 12, icyo gihe tuba dusa na We. Amina.

144 Maze kuvuga igice cy'isaha, none nshobora kubona igihe gito cy'inyongera? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." U.I.] Murabona? Murebe, mu by'ukuri sinshobora kureka iyi ngingo. Murebe, dusa na We!

145 Noneho, murebe. N'abaturage bangahe b'Amerika bari aha? Muzamure ikiganza. Byiza, uri umuturage w'Amerika, noneho ubwo muba musa n'iki gihuga. Icyo iki gihugu kiri cyo cyose, namwe mugomba kuba cyo. Ese ni byo? Muri ubwiza bwacyo kandi muri n'isoni zacyo. Murasa na cyo. Uri Umunyamerika, ubwo mufata indangamuntu y'Amerika. Aleluya!

Nari ndi kumwe na Georges Washington igihe yambukaga Delaware. Nasaga na we. Ni byo. Nari ndi kumwe na Abraham Lincoln igihe yavugaga imbwirwaruhame ye i Gettysburg. Narimpari. Nari ndi kumwe n'abasirikare i Guam, mwe, bahungu, igihe mwazamuraga iyo darapo. Nari mpari. Ndi Umunyamerika; ndi umwe na byo. Amina! Noneho, nk'Umunyamerika, ikimwaro cyose yagize mu gihe cy'Impinduramatwara, ndagifite, kubera ko ndi Umunyamerika. Ni byo.

146 Noneho, nk'umukristo, nsa na We. Amina! Nari ndi kumwe na Nowa igihe Yinjiraga mu nkuge. Nari ndi kumwe na Mose igihe yasohokaga muri Egiputa. Amina! Nari ndi kumwe na Eliya ku musozi Karumeli. Yego, yego! Icyubahiro kibe icy'Imana! Nari ndi kumwe na we igihe yakoraga ibyo. Nta gushidikanya, nari ndi kumwe na We, nihuje na We mu rupfu Rwe aho i Karuvari, igihe napfaga ku bintu by'isi, ku bwanjye no ku migenzo. Nari ndi kumwe na We. Nari ndi kumwe na We mu gitondo cya Pasika, igihe Yazukaga mu bapfuye. Nari ndi kumwe na We umunsi wa Penekositi, igihe Umwuka Wera wamanukaga nk'inkubi y'umuyaga. Nari ndi kumwe na We. Icyo Yari cyo cyose, ndi cyo; icyo ndi cyo cyose, Yabaye cyo. Amina! Ku bwo gupfira kwacu muri We, turi kumwe na We. Icyo Ari cyo, ndi cyo. Amina!

147 Icyo iki gihugu kiri cyo, ndi cyo. Ntewe ishema ryo kuba cyo. Niteguye gufata isoni zacyo. Niteguye gutwara ikimwaro, ku bwo kuba Umunyamerika. Ni byo. Kandi mu bwikube niteguye kubikora, ku bwa Yesu Kristo! Icyo Yigeze kuba cyose, ndi cyo. Nkunda gusa na We.

Izo ntumwa, igihe zagarukaga, zabonye. . . barazisetse, kandi bazise amazina yose, bemeraga ko byari icyubahiro gikomeye gutwara igisuzuguriro cy'Izina Rye.

Mfite amahirwe uyu munsi yo kuba umwe muri bo, nsa n'Ijambo, ari ryo Kristo. Nsa na We! Muri We mu nzira y'umubatizo, ubwo noneho turasa, turasa, dusa na We, dusa n'Ijambo Rye, ari ryo We Ubwe. Niba ndi muri Kristo, ndi Ijambo Rye; kuko Ni Ijambo, kandi icyo Ari cyo, ndi cyo. Amina! Murabyumva?

[Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.] Byiza.

148 Ijambo ryagaragajwe, cyangwa ryahishuwe, binyuze mu Guhishurwa kuri mo, noneho, ni iki ibyo bimpinduraho? Niba ari ubwo Bwiza bwa Shekinah, ndi igice cyabwo. Amina! Yoo! Ni byo. Ijambo Ubwaryo, ryahishuwe, ryihishura. Mubitekerezeho! Ubwiru bw'Imana, twahishuriwe, n'Intumwa imwe yo mu ijuru yabimenyekanishijeho muri iki gihe, murebe, iyo Nkingi imwe y'Umuriro yohereje Mose, Inkingi imwe y'Umuriro Pawulo yahuye nayo, igihe yari mu nzira igana i Damasiko. Kandi Pawulo yanditse Isezerano Rishya.

Mwibuke, Matayo, Mariko, Luka na Yohana banditse gusa ibyo babonye; ariko Pawulo yabonye Guhishurirwa. Yaramwerakanye, kuko yahuye n'Inkingi y'Umuriro, ku giti cye. Kandi mubitekerezeho, ikintu kimwe. . .

149 Yosefu, aho, abandi bose banditse ibyabaye, buri umwe yaranditse, icyo gihe. Ariko igihe Mose yazaga mu murimo, yari afite Guhishurirwa. Yahuye n'Inkingi y'Umuriro, kandi Mose yahishuriwe ibyari biri mu Itangiriro. Yanditse Ibitabo bine bya Bibiliya, ni Mose wabikoze. Ese ni byo? Mu by'ukuri, yahuye n'Imana mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro, ihishe mu Nkingi y'Umuriro.

Igihe Pawulo yahuraga na Yo, mu nzira. . . Abigishwa banditse gusa ibyo babonye Akora, ariko Mose yabonye Guhishurirwa; yajyiye muri Egiputa, yamazeyo imyaka itatu yiga, kandi yabonye ko Imana y'Isezerano rya Kera yari Yesu w'Irishya‟ Guhishurirwa! "Sinasuzuguye iyerekwa ry'ijuru." Ni byo. Ni byo!

Kandi, mubitekerezeho! Iyo Nkingi imwe y'Umuriro yamanutse kuri abo bantu banditse Bibiliya, ni Inkingi imwe y'Umuriro iri aha uyu munsi, isobanura Bibiliya. Amina! Mbega ukuntu tubiyishimira! Imwe! Mbega guhumurizwa! Mbega ibintu bisa! Mfite amahirwe cyane yo gusa n'ibyo, sinzi icyo nakora! Ndahitamo gusa n'Ibyo aho gusa n'abatisita bose, abametodisiti, abaperesebiteriyeni, abaluteriyene, n'abandi bose. Gusa n'iryo Jambo, ahari Ubwiza bwa Shekinah no Guhishurirwa!

150 Inkingi y'Umuriro, igaragara neza hagati yacu, igaragaza Ubutumwa nk'ukuri, nk'uko Yabikoze ku musozi wa Sinayi. Mwibuke, mbere yuko Ubutumwa bw'ukuri buzanwa, Mose yarabwirije kandi yabasohoye muri Egiputa; ariko aho, mbere yuko amategeko y'ukuri ashyirwaho, Ibimenyetso bimenwa, Imana yamanutse imbere y'abantu kandi Yagaragaje ko Mose yoherejwe na We (Ese ni byo?), mu Nkingi y'Umuriro, Mose yavuze ko yabonye mu gihuru cyaka umuriro kandi yamuvugishije.

Yoo! Muri iyi minsi ya nyuma, kubona iyo Nkingi y'Umuriro imwe, aho neza, muri twe, ivuga Ijambo rimwe; si ibyo gusa, ahubwo inarisobanura, irigaragaza, kandi yerekana ko Ari Ukuri.

Ni ukuvuga ngo, nta buryo na bumwe ku bantu bwo kutizera, uretse kwemera kubikora ku bushake. Noneho, ku bw'iyo mpamvu, ku muntu ukora icyaha ku bushake, nyuma yo kumenya Ukuri, ntihaba hakiri igitambo cy'icyaha.

151 Murebe, Inkingi y'Umuriro imwe yoherereje Mose na Pawulo, ari bo banditse Bibiliya, ubu yoherejwe kurisobanura. Ubuntu bw'Imana, Imana itanyeganyezwa, isohoza amasezerano ya Matayo 28 "Dore, Ndi kumwe namwe iminsi yose"; isohoza Yohana 14.12 "Namwe muzakora imirimo Nkora"; isohoza Luka 17.28-29 "Mu minsi ya nyuma, Umwana w'umuntu azahishurwa", murebe, murebe; Malaki 4 "Dore, Mbohereje Eliya, Umuhanuzi, azagarura ukwizera kw'abantu ku Ijambo ry'umwimerere." Murabona? Mu buhe buryo. . . Murabona? Oh! La la!

152 Yapfuye kugira ngo Atwihishurire. Noneho, dupfe ku bwacu kugira ngo tumuhishurire abandi. Dupfe ku mihango, n'ibindi byose, kugira ngo tumuhishurire undi. Dupfe ku madini kugira ngo tumuhishurire abandi.

153 Murebe, urusengero rushaje rwari rwuzuye Ubwiza bwa Shekinah, kandi Umucyo wa Shekinah wari ku Ijambo, - Ijambo ni Imbuto, - Ryatanze imitsima yo kumurikwa, igenewe gusa abizera. Amaraso na yo yari ku isezerano; kandi Amaraso, ni amazi, amazi atanga ubuzima ku mpeke, ku ngano, ku mbuto, ari yo Jambo.

Nk'uko Yesu yabivuze "Nk'uko Mose yazamuye inzoka y'umuringa", kandi Yaranavuze ati "Imana yakunze isi cyane ku buryo Yatanze Umwana Wayo w'ikinege; umuntu wese umwizera ntazarimbuka." Mose yakubise urutare mu butayu kugira ngo akize ubwoko bwenda gupfa, cyangwa kugira ngo atume amazi adudubiza Ubwiza bwa Shekinah; ari bwo bwamuritse ku Ijambo, ari byo byatanze imitsima yo kumurikwa. Kandi imitsima yo kumurikwa, yari iy'ubwoko gusa bwatoranyijwe. Yego. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.]

154 Noneho, mu kujya inyuma y'igitwikirizo, ku rundi ruhande rw'igitwikirizo, mu Bwiza Bwe, ahari Ijambo, si amahame, Ijambo, aho, kubona Ubwiza bwa Shekinah, Shekinah, ububasha, Umwuka Wera umurika ku Ijambo, usohoza isezerano, ni cyo gisobanura ko muri inyuma y'igitwikirizo. Amina!

Nambutse ibitwikirizo bitantamuritse, aho Ubwiza butagira imbibi, (Hm!)

Aleluya, aleluya; mba mu Bwiza bw'Umwami.

Nambutse ibitwikirizo bitantamuritse, aho Ubwiza butagira imbibi,

Mba mu Bwiza bw'Umwami.

155 Uruhu rushaje rw'inyamaswa, amadini, rwaratantamuritse. Ninjiye ku rundi ruhande, mu Bwiza bwa Shekinah, kandi nabonye Ijambo. Ndabona Inkingi y'Umuriro igenda. Ndabona Ijambo ryagaragajwe. Ndabona icyo Yavuze ko Azakora muri iyi minsi ya nyuma kiri gutera imbere. Ndabona abana barya uwo Mutsima wa Shekinah watanzwe no kwera kw'iryo Jambo, baryizera. Amina! Mbega isaha ihebuje turimo! Murabona, Shekinah ihagaze hejuru y'Ijambo; no hasi, hari Umutsima. Kandi hari Amaraso, anyanyagije, ari cyo kiwuha amazi. Umwuka uha Ubuzima Ijambo. Noneho. . . Ni bangahe bumvise bande (cassette) ivuga ku Rubanza? Benshi muri mwe, ndatekereza. Murabona, aho, ni ngombwa. . . Iryo Jambo rigomba gukomera. Kugira ngo rishobore gutera imbere, Rigomba kuba riri mu butaka bwiza. Murabona? Kandi, igihe Imana itanze isezerano, kandi rikora ku mutima, ntirishobora gutsindwa.

156 Nowa yategereje imyaka ijana na makumyabiri. Aburahamu yategereje kuza k'umwana mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu. Imana yari yarabivuze, kandi byagiye mu mwanya. Murabona? Ni iki? Ijambo ryari aho, ryuhirwa n'ukwizera, kuryizera, ni cyo cyatanze ibisubizo. Ni cyo cyatanze umwana; ni cyo cyatanze imvura; ni cyo cyatanze umwuzure; ni cyo cyatanze umwari wasamye inda.

Umuhanuzi yaravuze ati "Umwari azasama inda." Nta gushidikanya abakobwa bose bakiri bato bateguye imyenda y'umwana. Noneho, uwo muhanuzi Yesaya, yari umuhanuzi wagaragajwe, wahamirijwe n'Imana. Kandi Umwami yaravuze ati "Umwari azasama inda. Ngiye kubaha ikimenyetso kidasanzwe, ikimenyetso gikomeye: umwari azasama inda."

157 Kandi abo bantu bose, abo bizera, neza nkamwe mwese, bumvise uwo muhanuzi avuga ibyo; noneho, abakobwa bose bakiri bato. . . buri muntu yaravugaga ati "Azaba ari umukobwa wanjye. Yego, yego." Bose bajyiye kugura imyenda y'abana, uburiri, n'ibindi byose; bariteguye kubera ko bari bazi ko bazabyara uwo mwana. Icyo gisekuruza cyararangiye, noneho baribwira bati "Uwo muhanuzi wagaragajwe, wahamirijwe n'Imana, ni gute yashoboraga kuvuga ikintu icyo ari cyo cyose cy'ikinyoma? Ni ngombwa ko bimera bityo!"

Byabaye nyuma y'imyaka magana inani, ariko yabyaye Umwana. "Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo Ryanjye ntirizashira."

158 "Kandi bizaba, mu minsi ya nyuma", ni ko Imana ivuga. Murabona, ni ho turi, Umucyo ku Ijambo. Nk'uko umucyo w'izuba uhindura imbuto, iva mu bwiza ijya mu bundi, natwe twahindutse, tugenda dusa na We, mu gihe turi mu Bwiza Bwe; dusa na We, dusa n'ishusho Ye yahawe umugisha, mu gihe tugendana na We.

Mwitegereze icyo izuba rikora. Mutera imbuto, ni iki kiba? Imbuto irabora. Imbere mu mbuto, hari ubuzima. Ubuzima buramera, kandi bugatanga uruti. Nyamara, ntiba isa n'iyari ihari mbere. Ibi, ni Luther. Yari uruti. Byiza cyane. Uruti rwarameze noneho, ako kanya, rumera imisatsi. Murabona, ibi, byari ububyutse bwa Wesley; ntibyari bimeze nk'ikindi. Nyuma, habayeho ububyutse bwa Penekositi, murabona, bwatanze umubatizo w'Umwuka Wera. Byiza cyane. Ni iki cyabaye? Twibona dufite uruhumbu ku mpeke. Ishusho itangira kumera nabi. Iki kintu, icyo kintu, ntibisa n'Ijambo. Si nk'Ijambo risigaye. Si nk'Impeke y'umwimerere yashyizwe mu butaka.

159 Ariko Imana iracyari aho kugira ngo ibitange - ibyo ndetse. Murebe, ni iki kiba? Birangira yongeye gufata bushya ishusho y'Imbuto y'umwimerere. Mu gihe Imana yaje mu ishusho ya Martin Luther, Yaje mu ishusho ya John Wesley, Yaje mu ishusho ya Penekositi, Igomba kongera kwihishura bushya. Yihishuye nk'Umwana w'Imana, mu gihe cy'igisekuruza cy'uruti, n'ibindi byose, ariko muri iki gisekuruza cya nyuma, Igomba kwihishura bushya nk'Umwana w'umuntu. Murabyumva? [Iteraniro riravuga riti "Amina." -U.I.]

Byiza cyane. Nko mu itangiriro, biri mu buryo!"

160 Noneho ni iki kimera hejuru y'uruti? Habaho gukura gukomeza. Uruti ruto ruramera, ariko ntiba yakabaye nk'impeke y'umwimerere. Ubutumwa bwa Luther nabwo ni uko, oya; ubundi Butumwa bwaraje, Finney, Sankey, Knox, Calvin, n'abandi, nta n'umwe muri abo. Nyamara bwari Ubutumwa, ariko igihari, ni uko batabyakiriyeho Guhishurirwa kuzuye, kubera ko igihe cyari kitaragera. Ntimushobora gushyira impeke ku kigori mbere yuko biba igihe cyabyo. Murabona? Nyuma, byarangiye, Imbuto y'umwimerere yashyizwe mu butaka igarutse bushya.

161 Murabona, Imana ikorana mu bwumvikane bwuzuye n'ibidukikije. Murebe, Yavutse ari umwana w'intama, ni ku bw'ibyo Yavukiye mu kavure. Abana b'intama ntibavukira mu buriri. Murebe, Yajyanwe i Karuvari. Umwana w'intama, intama, barazijyana. Ni byo. Isekurume z'ihene zizijyana aho bicira inyamaswa, murabizi, mu ibagiro. Ni isekurume y'ihene izijyana, ariko zigomba kujyanwa. Ah! Ni byo. Ni ukuvuga ngo, Yajyanwe mu ibagiro, murabona, kubera ko Yari Umwana w'intama.

Ibigize ibidukikije byose byaramugaragaje. Ni ku bw'ibyo Yavutse muri werurwe cyangwa mata,

ntavuke mu kuboza; Ntaba yarashoboye kuvuka, haba hari ibirenge makumyabiri [m 6] by'urubura aho hakurya, muri icyo gihe cy'umwaka. Ntiyari rwose imana y'izuba, ahubwo Yari Umwana w'Imana. Murabona? Imana zuba y'abaroma, umunsi wa makumyabiri na gatanu w'ukuboza, igihe kuzenguruka kw'izuba kuba kugeze ahantu runaka, aho, bajyaga ahaberaga amarushwana y'imikino itandukanye y'abaroma, kandi babyitaga umunsi mukuru w'imana zuba. Nyuma, bavuze ko wari uw'Umwana w'Imana. Oya, oya. Yari Umwana w'Imana. Umunsi mukuru We w'amavuko wahuye n'uw'ibindi biremwa. Neza.

Noneho, murebe na none ikindi kintu, mu gihe dukomeje; dusigaranye umwanya muto.

162 Noneho, kugira ngo tugere ku gutungana. Nyuma yuko uruti rubayeho; nyuma yuko imisatsi ibayeho; nyuma yuko impeke yiremeye ku gitiritiri. Igomba nyuma kugera ku gutungana, gukora bushya impeke isanzwe.

Noneho, mwibuke, imbuto igomba kugira umumere w'ubuzima, murabona, niba atari ibyo ntizabaho, murabona. Ibitari byose muri ubu butumwa ntibizigera biza mu Bugingo. Ni ngombwa ko habaho kubangurira kugira ngo bishobore guhura n'Ibyo. Ariko, mwibuke, ubwo Buzima bumwe bwari mu ruti buri mu mpeke. Muri make burimo burajya mu kuba buhamye bundi bushya, murabona. Yihishuye nka (iki?) Umwana w'umuntu, impeke yari yarashyizwe mu butaka. Murumva Ubutumwa? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.]

Abagiriki baramubwiye bati: "Turashaka kureba Yesu."

Yaravuze ati: "Iyo impeke y'ikigori itaguye mu butaka." Murabona? Byiza cyane.

163 Noneho, Yihishuye nk'iki nyuma? Mu ishusho itandukanye; uruti, umusatsi (w'ikimera), n'ibindi, ibibabi byose, n'ibindi byose. Nyuma Yihishuye nka (iki?) Umwuka umwe, ariko mu ishusho itandukanye. Murabona? Ariko ni ikihe gice cya nyuma cy'icyo kigori? Yongera gufata ishusho y'impeke y'umwimerere. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - .]

Kandi ubukozi Bwe bunyura mu bugorozi, kugira ngo bufate bundi bushya ishusho y'Ijambo ry'umwimerere. Ijambo riza ku muhanuzi. Kandi Yabisezeranyije muri Malaki 4: No kugarura ukwizera kw'abantu ku rwego rw'impeke y'umwimerere. Yashyizwe mu butaka, ni cyo kiri aha, birasa. Imbuto yanyuze muri ibyo bice bitandukanye. Agaragara nk'Umwana w'Imana; noneho, Yihishura aha nk'Umwana w'umuntu; noneho nyuma, Ikihishura nk'Umwana wa Dawidi, ku Ntebe. Murabona, abo Bana batatu, neza cyane. Oh! La la! Bundi bushya nko mu itangiriro.

164 Noneho, urwego rw'ubukozi butunganye, Rwe Ubwe; si umuntu, si idini, bakoze igikorwa cyabo mu gihe cy'igisekuruza cyabo, aho, murabona; ariko ni Uwe Ubwe wagaragajwe, Yigaragaza bijyanye n'isezerano, asohoza ukuri kwa Luka 17.28, Malaki 4, n'ibindi, Abaheburayo 13.8. Icyo gihe, bizaba ari igihe bizagenda gute? Aho Urubyaro rwa cyami rw'Aburahamu ruzatagereza Umwana wasezeranyijwe. Kandi ibigereranyo byose bigomba gusohora. Kandi Imana Ubwayo yabonetse mu ishusho y'ikiremwa muntu, mu rubyaro rw'umubiri rw'Aburahamu mbere yo kurimbuka; kandi Yesu yavuze ko bizaba bisa n'urwo Rubyaro rwa cyami mbere yo kugaruka k'Umwana wasezeranyijwe.

165 Murebe, igitwikirizo cya kera cyahishaga Ubwiza. Impu zishaje z'inyamaswa, ntibari bafite ubwiza bwatuma bifuzwa; n'urupfu Rwe ni uko. Ni ku bw'ibyo abantu bavugaga bati: "Umuhungu wahetamye umugongo, gutyo?" Yari afite rwose imyaka mirongo itatu, imisatsi y'imvi, n'ubwanwa bwabaye imvi, Nta kintu Yari afite cyatuma abantu bamureba. Bibiliya iravuga iti: "Ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza." Ntiyari afite ishusho y'Umwami, uruhu rushaje rw'inyamaswa, ariko, Yoo! icyari kiri imbere!

Agatsiko gato katwawe n'umwuka, kicaye hamwe muri sale ishyushye cyane gutya, ni gutyo babita, nta kintu gikomeye cyo gushimisha mu isura yabo, ahubwo ikiri imbere! Ndahamya ko bihishe imitima myinshi, murabona. Murabona? Byiza.

166 Hanze, nta kintu cyari gihari, ahubwo byose byari imbere. Igihe muri imbere, ni aho mumubona. Ni gute muhinjira? N'igipfunsi cy'ibiganza, no kuba umunyamuryango? Oya. Murahavukira. Mu gupfa, mu kwitandukanya n'uruhu rwanyu rushaje rw'inyamaswa, murabona, umuntu wanyu ushaje, kugira ngo mwinjire mu mushya. Murabona? Kwiyambura uruhu rushaje rw'inyamaswa.

Umucyo wa Shekinah ntu. . . Mwumve, babwirizabutumwa, ndashaka ko mwakumva Ibi. Igihe turi imbere. . . Noneho, sinzagira mu by'ukuri igitutu, aha, kugira ngo menye neza ko mubyumva. Igihe turi imbere y'igitwikirizo, munsi y'Ubwiza bwa Shekinah, Umucyo wa Shekinah ntufata Ijambo ry'Imana kugira ngo uhishure ko Yesu ari "umuntu uvuga ibintu by'ubwiyemezi", oya, nk'uko amadini y'uyu munsi abigenza, "Ubumaji bwo kumenya ibintu biri kure, awatwawe n'umwuka, Belezebule". Si cyo Ubwiza bwa Shekinah buhishura kuri We.

Ariko Ubwiza bwa Shekinah bweza Imbuto yasezeranyijwe ku bw'iki gihe, Ijambo, ryerekana ko Ari Umwangange wo mu Kibaya. Rigaragaza iyo Mbuto, Umwangange wo Mukibaya, Umutsima w'Ubugingo, Alufa na Omega, uhora uko Yari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. Ni umugabane w'umwizera. Ubwiza bwa

Shekinah buhishurira umwizera ko uko Yari ari ejo, ari ko Ari uyu munsi n'iteka ryose.

167 Si "Iyo minsi, We, ni uw'igihe cyarangiye, Yarapfuye, none byararangiye." Noneho, nshuti yanjye, niba mubyizera, niba mubyizera, ntimwari mwinjira mu gukorana n'Ubwiza bwa Shekinah. Ni gute Ubwiza bwa Shekinah bwakwigera buhishura ko Ari mu bantu batatu? Murabona? Ni gute Ubwiza bwa Shekinah bwashobora kumuhishura mu mubatizo w'abantu mu izina rya "Data, Umwana n'Umwuka Wera", mu gihe nta muntu n'umwe wo muri Bibiliya wigeze abatizwa muri ubwo buryo? Ni gute Ubwiza bwa Shekinah bwashobora kubigarukiriza ku ntumwa, mu gihe uko Yari ari ejo, ari ko Ari uyu munsi n'iteka ryose? Murabona?

Ubwiza bwa Shekinah buramugaragaza, We. Butanga Ijambo ry'Isezerano, uwo mwanya imbere yanyu. Ni ku bw'iyo mpamvu Bwagombye guhisha mu maso ha Mose, ni ukubera ko muri we hari Ijambo. Bwahishe Yesu, mu ishusho y'Umuntu muto woroheje, kugira ngo bibuze abantu kureba Yehova. Noneho uyu munsi Yihisha mu nzabya z'ibyondo, hamwe na Shekinah. Hanze, bisa nk'agatsiko katwawe n'umwuka, impu zishaje z'inyamaswa, ariko imbere hahishe Ubwiza bwa Shekinah. Buhisha Umutsima wo kumurikwa turya kandi ari wo utuma dukora amajana ya mayilo mu ivatire, tuva ku gice kimwe cy'igihugu tujya ku kindi. Murabona? Ni Ibyokurya by'abizera. Bigenewe gusa abizera. Mwibuke, Umutsima wo kumurikwa wari ugenewe gusa abizera, gusa, murabona, Imbuto-Mutsima wo kumurikwa. Murebe. Ni iki bukora, uwo Bwiza bwa Shekinah hejuru y'Umutsima wo kumurikwa? Buwubuza kwangirika.

168 Mwibuke, manu yamanukaga mu ijuru, yabikwaga mu Bwiza bwa Shekinah mu bisekuruza n'ibisekuruza. Hanze y'ibyo, inzoka (mikorobe) zinjiragamo mu gihe cy'ijoro, yuzuraga mikorobe. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.]

Hanze y'Ubwiza bwa Shekinah, "iminsi y'ibitangaza yararangiye. Murabona, ibyo byose, ni ubufana". Ariko imbere. . .

169 Murebe, twabonye impeke z'ibihwagari mu kigega cyo muri Egeputa, zari zarashyizwe aho mu gihe cya Yosefu, hashize urebye imyaka ibihumbi bine ibyo bibaye. Yosefu yari yarazihunitse. Baraziteye. Zongeye kugira ubuzima. Kubera iki? Hari ubuzima imbere.

170 Ubwo Bwiza bwa Shekinah uyu munsi, ni iki? Ni ukwinjira ku rundi ruhande rw'igitwikirizo, kugira ngo tubone Uwo Imana iri We aho imbere yacu, turebe Imana iri aha imbere yacu, Inkingi y'Umuriro. Ihishe mu mubiri w'umuntu. Ariko ni iki Shekinah ikora? Ni iki Yakoraga? Imbuto-Mutsima wo kumurikwa, Ijambo, tugomba kurya muri iki gihe, binyuze muri ayo masezerano, Ubwiza bwa Shekinah buhisha uwo Mutsima wo kumurikwa, butanga, Umutsima w'umwizera; ari cyo cyari aho, mu mapaje ya Bibiliya, umwaka ku mwaka, Ijambo ry'iki gisekuruza.

Amadini, kuri yo, ni ibuye risitaza. Amadini, yo, arisitaraho. Mu gihe cy'iyo myaka yose, Luther, Wesley, Martin Lyther, n'abandi bose, Sankey, Finney, John Smith, Knox, bose, barisitayeho.

171 Ariko ni iki kigomba gukorwa mu minsi ya nyuma? Guhishura, ni iki? "Gutanga!" Malaki 4 agomba gukora iki? Gukura abantu kuri iryo buye risitaza, gusenya imihango, no guhishura Umutsima, bikozwe n'Ubwiza bwa Shekinah. Muwurebe Ushya kandi utanga neza icyavuzwe ko Uzatanga, oh! La la! Umutsima wo kumurikwa ku bw'iki gisekuruza. Ku madini, ni ibuye risitaza, "agatsiko k'abafana". Ariko kuri twe twizera. . .

172 Ariko ubu, nk'uko Ibyahishuwe 10 byabisezeranyije, ubwiru bwose bw'Imana, bwahishwe mu mapaje, mu gihe cy'iyo myaka yose, buzagera ku rwego, rwa nyarwo buzahishurwa mu gisekuruza cy'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi. Ese ni byo? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.]

Ni iki Yavuze mu mwaka umwe n'igice bishize, hafi imyaka ibiri ubu? "Jya i Tucson; uzajya mu majyaruguru ya Tucson, guturika gukomeye. . .", kandi icyo bizatanga, Ibimenyetso bizamenwa, Ibimenyetso bihishura ibyo bintu. Naragarutse, neza nk'uko Yabivuze.

Ni iki? Birerekana ko Bidashobora kuba umuntu. Ni byo mu buryo bwuzuye, byuzuye mu gihumbi, buri nshuro. Ni iki? Ni ikiganza cy'Imana, murabona, imbere yacu. Kandi kubera ko ari mu gatsiko gato, bihishe mu mubiri w'umuntu, bihishe isi yo hanze. Ahishe isi yo hanze. Yihishuriye abana bato biteguye kwiga. Murabona? Ni byo.

173 Imigani yose, murabona, yose ya Bibiliya, ibigereranyo byose bya Bibiliya byagaragajwe aha ndetse imbere yacu. Imana imwe, mu Nkingi y'Umuriro, yanditse Bibiliya, Isezerano rya Kera kimwe n'Irishya, iri aha ndetse irimo kurigaragaza, yerekana neza icyo Yari cyo, ibiha ubusobanuro Ubwayo, no kugira ngo ihamye ko ari ubusobanuro neza.

"Dufite ubusobanuro!" Ku bw'iyo mpamvu, turebe niba icyo kintu kiba. Murabona, ni ibyo, turebe niba icyo kintu kiba.

Wagaragajwe! Yesu yaravuze ati: "Nintakora imirimo ya Data, ntimuzanyizere." Murabona, ni

ngombwa ko bigaragazwa.

Ariko, noneho - noneho, ntibigaragajwe, nk'uko Yesu, igihe bapfukaga umutwe We n'igisate cy'igitambaro noneho bakamukubita ku mutwe, bavuga bati:"Niba Uri Umuhanuzi, tubwire uwagukubise." "Kandi niba Uri Umwana w'Imana, hindura iyi mitsima." Murabona, ibi, ni umubi. "Niba Uri Umwana w'Imana, Manuka kuri uyu musara-. . ."

174 Ndavuga Guhishurirwa, icyo Agomba gukora, ngicyo icyo Ari cyo. Ariko noneho, mu gihe Ibyahishuwe 10 byahishuwe, ubwiru bw'Imana bwaragaragajwe, bwarahishuwe, nk'uko byasezeranyijwe mu Gitabo gifunze n'Ibimenyetso Birindwi. Noneho, ukwizera kwanyu muri We, ari We Jambo. . . Mu by'ukuri, mu Byahishuwe 10, haravuga. . .

Cyangwa ahubwo, mu Byahishuwe 19. Nari nabyanditse aha, Ibyahishuwe 10, kubifata; ariko si 10, ni 19. Igihe Azagaruka, Azitwa Ijambo ry'Imana, agenda ku ifarashi y'umweru, n'abigishwa Be bo mu Ijuru bazamukurikira.

Mumene igitwikirizo cya kidini cyo kwiga! Mumene igitwikirizo cya kidini cy'imihango! Mumene ibyo bitwikirizo bimuhisha amaso yanyu! Mumene ibyo bitwikirizo by'ubwibone, mwebwe, bagore. Muri - muri abakobwa b'Umwami; mubyerekanishe imyitwarire yanyu, mubyerekanishe ubuzima bwanyu. Mumene ibitwikirizo byose, ibyo dogitera muri filozofiya na dogitora mu mategeko zaba zivuga byose nta cyo bivuze. Niba bitandukanye na Bibiliya, mwambuke icyo gitwikirizo!

Mu by'ukuri, twanyuze ku rundi ruhande rw'igitwikirizo cyashwanyaguritse.

Turi ku rundi ruhande ubu, ku rundi ruhande. Kandi muzabona, niba gusa mubikora, nimumena iyo migenzo ya kera, n'ibindi byose, noneho mukamusanga, muzamubona yicaye aho, Unesha Ushobora Byose, Ijambo ry'isezerano ku bw'iki gisekuruza, ryagaragajwe. Muzabona Imana Ishobora Byose yahishuwe, kandi muzayibona neza hagati muri twe, aha, ihishuwe, Imana Ishobora Byose, itaraneshejwe n'imigenzo.

175 Bagerageje kuyifata ihishe aho inyuma; barabikoze, mu gihe cy'imyaka, ariko igihe cy'isezerano kiregereje. Imana yahagurukije Mose mu gihe runaka, kandi uyu yabohoye abana ibyo bintu. Kandi Iracyari. . . Ntishobora gutsindwa. "Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo Ryanjye ntirizigera rishira." Uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose.

Baravuga bati: "Icyo kintu ntigikoreka." Ariko icyo kintu cyarabaye. Hanyuma, nyuma yuko kibaye, baravuze bati: "Ni iby'umubi."

Ariko nta kintu bihindura ku Ijambo ry'Imana. Riguma kuba Imana, ku mwizera, Unesha Ushobora Byose, uhora uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, muri kamere Ye, mu Ijambo Rye, Abaheburayo 13.8.

176 Ndangije mvuga ibi, kubera ko ari saa sita zibura iminota itanu, navuga gusa ibyo. Ndacyafite hafi paje icumi, cumi n'ebyiri. Nzafata indi nshuro, wenda uyu mugoroba.

Murebe, murebe ibi. Umunsi umwe, muri cyamunara, bazanye icyuma cy'umuziki gishaje (violon). Mwabyumvishije bivugwa inshuro nyinshi. Icyuma cy'umuziki gishaje cyitwa violon. Noneho ushinzwe guteza cyamunara yaravuze ati "Ni angahe mumpa kuri ibi?" Birashoboka ko ntabivuga uko bikwiriye neza, nk'igisigo. Hashize rwose, imyaka myinshi kuva bibaye, ariko ndabyibutse. Bafashe icyo cyuma cy'umuziki gishaje, kandi nticyari cyiza cyane; cyasaga nk'icyanduye, n'ibindi byose. Ndetse ntiyashoboye kubona ukigura. Byarangiye nyuma, ndatekereza bamuhaye idolari rimwe, cyangwa ikintu nk'icyo.

177 Noneho aho hari umuntu utaremeraga ko yakigurisha kuri icyo giciro, ubwo yigiye imbere noneho aragifata. Yazengurikije ibiganza bye hejuru, afata akuma bacurangisha, atangira kugicuranga kandi acuranga injyana iryoheye amatwi. Noneho, icyo gihe, umuntu wese yatangiye kurira. Ntibari barigeze mu buzima bwabo bumva umuziki nk'uwo. Noneho, ushinzwe guteza cyamunara aravuga ati "Ni angahe mumpa?"

Ibihumbi bibiri! Ibihumbi bitanu! Ibihumbi icumi!" Murabona? Byari ibiki? Ikiganza cy'umwigisha cyahishuye icyari gihishe mu gikoresho gishaje.

Birasa ubu! Igitabo Gishaje, Cyarakoreshejwe, baragisetse, baragitwitse, baragisuzuguye. Ariko igihe cyarageze, bateza cyamunara ya kidini, Ishyirahamwe ry'Amatorero ku isi. Barakigurisha, nkaho nta muntu byarebaga. Cyamunara ya kidini izabaho.

178 Ariko, mwibuke, ahantu runaka mu Gitabo gishaje, hari isezerano ko umunsi umwe ikiganza cyatoranyijwe, cyategetswe n'Imana, kizaza kugifata kandi gitume Ijambo ry'icyo Gitabo, binyuze mu nzira y'umutima watoranyijwe mbere, ku bw'inshingano yatumye Cyarakozwe, gihishure amasezerano arimo. Bishobora gusa, yoo! n'agatsiko gashaje katwawe n'umwuka, cyangwa ikintu nk'icyo; ariko

igikwiriye cyose, ni Ikiganza cy'Umwigisha, Ijambo Aho hejuru, kugira ngo risohore iryo Jambo, kandi aho, bihinduka ibirenze uwatwawe n'umwuka. Ni icyo kibazo cyacu, buri umwe muri twe, si byo, nshuti zanjye? Si ikirundo cy'ubufana. Byose biterwa n'ikiganza gifashe igicurangisho. Dusenge.

179 Data wa twese wo mu ijuru, uyu munsi, mu kwizera, ndabona Umwigisha w'Igitabo gishaje baguranye imigenzo. Babiguranye amadini. Bagerageje kubigurana, noneho Ibyo babigurana Ishyirahamwe ry'abantu ku isi, ry'amatorero, mu gisa na kominisiti, guhakana Imana. Cyamunara iri kuba, Mwami.

O Mana, Igira imbere! Nta gushidikanya ko Uzabikora. Twohereereze uwo muhanuzi, Mwami, ufata icyo gicurangisho, ufata iryo Jambo kandi akerekana ko Yesu Kristo uko Yari ari ejo, ari ko Ari uyu munsi n'iteka ryose. Benshi muri bo, Mwami, bazagurisha ubuzima bwabo, bazitandukanya n'imigenzo ishaje, bazamena ibitwikirizo. Barabishaka, Mwami. Biteguye gutanga ibintu byose, byose, ariko bakabaha Yesu.

Mwami, ndatekereza ko Wabibahamirije noneho. Baturutse ahantu hose. Batakaje ubutunzi bwabo. Bakora ibyo bashoboye byose kugira ngo baze mu materaniro, kugira ngo bakore ibyo bashoboye byose, kubera ko babonye iryo Saro ry'igiciro gikomeye. Ibindi bintu bifite agaciro gatoya cyane. Bahe umugisha, Data.

180 Kuri uru ruhimbi, iki gitondo, Mwami, hari imiswaro. Birashoboka ko abantu runaka bagomba kugenda uyu munsi mbere y'umurimo wo gukiza w'uyu mugoroba. O Mana Ihoraho, manura amaso. Nzi ko Uri aha, Urahishe. Kandi nohereje ibi bitwikirizo bito, Mwami, twita "imiswaro", n'"ibitambaro", bito n'"imyenda" mito y'abana bato. Nyohereje nk'ikimenyetso cy'ibitwikirizo bito, nk'uko Ijambo Ryawe ryabwirijwe hejuru yabo iki gitondo, kandi, nk'umwizera, mbirambitseho ibiganza byanjye, umubiri wanjye, kugira ngo nsobanure ko njyewe, mbyizera. Kandi, mu kwizera, buri muntu uri muri iyi nyubako akore ikintu kimwe, Mwami. Abarwayi bakire.

181 Ushobore kuzengurutsa ibiganza Byawe hanoku Ijambo , Mwami, nk'uko umucuranzi wa kera yabigenje ku cyuma cy'umuziki cya kera; bimere gutyo, Mwami. Mufashe gucuranga injyana y'ukuri, igicurangisho mu kiganza cy'Umwigisha, noneho ubwo, tuzamubona ahagaze aho, mu maso y'abantu bose.

Icyagombye kunyura mu bitekerezo by'abantu, uwo munsi, mu gihe nta kintu na kimwe bashatse gutanga, nta kintu na kimwe bashatse kwishyura kuri icyo cyuma cy'umuziki gishaje. Ntibabishakaga. Ntibabishakaga mu nzu yabo. Ariko igihe uwari uzi gucuranga neza icyo cyuma yagifashe mu biganza bye, aho, bagurishije ibyo bari bafite byose, kugira ngo bakibone. Baratongana kandi bajya impaka zikaze ku bwo kukibona. Icyo gihe byari impita gihe.

182 Bizaba bisa n'umwe muri iyo minsi, igihe Impanda y'Umwami izavuga, nta gihe kizaba kigihari. Abo bitegerezaga kandi bakabasuzugura, bahagaze aho imbere y'igitwikirizo gifunguye kandi babonye Ijambo ry'Imana ryigaragaza. . . Abandi barasakuje, bashaka kugifata, ariko, nk'uko Wabivuze uti "Icyo gihe, bizaba ari impita gihe." Bajyiye ku Ifunguro ry'Ubukwe, kandi na bo bagumye hanze, ahari amarira, kuniha no guhekenya amenyo.

Fasha buri muntu wese kwizera, iki gitondo, Data; kuraho ibitwikirizo byo kwikunda, ibitwikirizo byose byo kutizera, noneho tubone Unesha Ushobora Byose uhishuwe imbere y'abizera. Kuko "Dore, Ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi. Na none igihe gito, isi ntizongera kumbona; ariko mwe, muzambona." Igaragaze hagati muri twe, Mwami, nk'uko Wabikoze. Kandi ugume gutyo buri munsi, kugeza igihe tugaragara imbere Yawe, igihe hazabaho guhinduka kuva mu ishusho ujya mu yindi, kandi Ukongera ukaba na none Umwana w'umuntu, hanyuma Umwana wa Dawidi. Bitange, Mwami, mu Izina rya Yesu Kristo.

Mu gihe twunamishije umutwe, twese dusenge.

183 Ndibaza, uyu munsi, niba hano hari. . . imbere kimwe n'inyuma. Nta buryo na bumwe bwo guhamagara abantu kwigira imbere ku gicaniro, hano, kubera ko nta myanya ihagije ihari. Ariko ndibaza n'umutima umenetse nti: Mwizera ko ibi ari Ukuri? Mwizera ko muri iki gihe turimo, muri aka kavuyo kose, muri iki gisekuruza cy'ubumenyi gisa n'igihe cya Nowa, mu gihe cya Mose, mu gihe Kristo, Imana, Data Uhebuje wacu twese turi muri We binyuze mu kuvuka, ahagaze hagati yacu uyu munsi?

184 Iyo Nkingi y'Umuriro igaragara yahamijwe n'ubumenyi, hashize imyaka myinshi, igihe nari nkiri umuhungu muto, Yaramvugishije kandi imbwira ko nagombaga kuba aha ndetse, n'icyagombaga kuba. Narabibabwiye, noneho nyuma Ya. . . Umunsi umwe, ku mugezi, mbere yo gutangira k'ubu bukozi, mu gihe cy'ububyutse bwa mbere, Yabonetse mu ijuru, Yarigaragaje kandi itanga inshingano. Mu gihe cy'iyo myaka yose, Ibyo nabihishe mu mutima wanjye, mpishe Kristo, Inkingi imwe y'Umuriro isobanura Ijambo, nk'uko ryasezeranyijwe. Turi mu minsi ya nyuma, neza mu Kuza k'Umwami. Kandi niba muri hanze y'icyo gitwikirizo (kandi kuguma hanze, ni urupfu), murashaka, mu kwizera, iki gitondo, kuvuga muti: "Hamwe no gufashwa n'Imana, hamwe n'ubufasha Bwawe, Mwami, ngiye kurenga icyo gitwikirizo. Ndashaka kwinjira aho Uri, kugira ngo mbone Ijambo ryuzuye ry'Imana"?

185 Ntimuzashake kuba Mose. Ntimuzashake kuba Aroni. Oya. Mube gusa uwo muri we, ariko mube umukristo.

Murashaka, hamwe n'imitwe yanyu yunamye, kuzamura ibiganza ku Mana kandi mukavuga muti: "Mwami Mana, mfasha kwinjira imbere y'igitwikirizo"? Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Ni. . . Mundebere ibyo biganza!

Abari hanze, mwibuke, birashoboka ko ntakwigera mbona ikiganza cyanyu. Mu buryo bwose, n'ubwo nakibona, ntibifite akamaro cyane; ni ku Mana bifite akamaro. Icyo byantwara cyose, kuri njye, bimfasha gusa kubona ko Imbuto yaguye ahantu runaka kandi. . . ariko mu by'ukuri Imana ireba ikiri mu mutima.

Niba hari abandi batamanitse ikiganza, bashaka kukizamura ubu, muzamure ikiganza kugira ngo tubatekerezeho mu isengesho. Muzamure ikiganza. Imana ibahe umugisha. Ni byiza. Imana ibahe umugisha.

186 Data, turasabira uyu munsi aba bantu, Mwami, batari bambuka ku rundi ruhande rw'icyo gitwikirizo. Bari aho, kimwe na Isirayeli; baritegereza. Barizera, ariko ntibari binjira muri Icyo, kugira ngo babone uwo Mucyo uhebuje wa Shekinah, mu buryo bw'umwuka no mu buryo bw'umubiri, kuko tudacogora kuwufotora n'ijisho rya kamera. Hashize gusa ibyumweru bibiri, Wafashwe na none ifoto. Urihishura, Mwami, Imana Ishobora Byose ihishuye ku mwizera, na none ihishe ku mutizera, ariko ihishuye ku mwizera. Binjire imbere uyu munsi, Mwami, babone umucyo We ukomeye n'Ubwiza Bwe. Imitima yabo ihinduke mbere ndetse yuko tugaruka ku rusengero uyu mugoroba. Bose buzure Umwuka Wawe, Imbere Yawe. Reka Umwigisha afate uku kwizera bafite, Akuzengurutse ku Ijambo; kandi iyi njyana iryoheye ugutwi yongere ibasange "Watoranyirijwe kera, mbere yuko isi ishyirwaho urufatizo, kwizera Ibi. Izere, mwana Wanjye, kandi ukire."

187 Mana Data wa twese, tubagaruye mu biganza Byawe ubu, tuzi ko nta kintu kirenze dushobora gukora. Bose bari mu biganza Byawe ubu, Data. Ndabaguhaye. Mu Izina rya Yesu Kristo, Umwana Wawe. Amina.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kubera. . . yabanje kunkunda

Kandi akamfatira agakiza

Ku giti cy'i Karuvari.

Muramukunda? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.]

Yesu arahebuje, arahebuje, kuri njye,

Umujyanama, Umwami w'Amahoro, Imana Ishobora Byose

Arankiza, Andinda icyaha cyose n'igisuzuguriro,

Ni Umucunguzi wanjye uhebuje, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

Kera nari narazimiye,

Ubu, narabonetse,

Nabohowe gucirwaho iteka kose.

Yesu atanga ubwigenge n'agakiza kuzuye.

Arankiza, Andindira kure icyaha cyose n'igisuzuguriro,

Umucunguzi wanjye arahebuje, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

Yoo! Yesu kuri njye arahebuje, arahebuje,

Umujyanama, Umwami w'Amahoro; Imana Ishobora Byose

Arankiza, Andinda icyaha cyose n'igisuzuguriro,

Umucunguzi wanjye arahebuje, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

188 Ni bangahe bamubona, Unesha Ushobora Byose, uhagaze hariya, Ijambo ryambaye umubiri, ritwikuruwe imbere yacu; Alufa, Omega; Uwahozeho, Uriho kandi Uje; Umuzi n'Urubyaro rwa Dawidi; Yabaye Umwana w'umuntu, Umwana w'Imana, Umwana w'umuntu, kandi Azaba Umwana wa Dawidi? Muramwizera n'umutima wanyu wose? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - U.I.] Muri buri gisekuruza, Yihishuye kugira ngo yiyereke umwizera, Yihishe umutizera mu mubiri w'umuntu. Ahishe inyuma y'igitwikirizo. Reka Imana imene ibitwikirizo byose, kandi tumubone nk'uko Ari!

Yesu amena iminyururu yose,

Yesu amena iminyururu yose,

Yoo! Yesu amena iminyururu yose,

Iyo Agushyize mu bwigenge!

Ku rundi ruhande rwa Yorodani,

Mu mirima myiza ya Edeni,

Aho Igiti cy'Ubugingo kirabya indabyo,

Nzabona ikiruhuko.

Yesu amena. . .

Ntimushaka kwambuka Yorodani, ubu? Hashize igihe kirekire cyane turi mu butayu, ntimubona? Twambuke, dufate amasezerano!

Yesu amena iminyururu yose,

Yesu amena iminyururu yose,

Yoo! iyo Agushyize mu bwigenge!

Noneho tuzamure ikiganza.

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Kuko Anshyize mu bwigenge!

189 Amina! Ntibishimishije? [Iteraniro riravuga riti “Amina.” - N.D.E.] Yoo! Mbega ukuntu bihebuje! Mbega ukuntu Ahebuje, aho, si byo? Dufatane ikiganza hagati yacu, noneho, tuvuga tuti:

Yesu amena iminyururu yose,

Yesu amena iminyururu yose,

Yoo! Yesu amena iminyururu yose,

(Imana iguhe umugisha, mwene Da.)

Yoo! kandi Agushyira mu bwigenge!

Nzaguhimbaza buri gihe, buri gihe (Imana Ishobora byose),

Na. . . (Uhora uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. Yahinduye gusa ishusho.)

. . . nzahimbaza, buri gihe,

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Kuko Ya (yambohoye amahame yose) yanshyize mu. . . (kugira ngo nizere Ijambp Rye).

190 Yoo! Ntimwumva Icyuma cy'umuziki (Violon) cy'Umwigisha kizenguruka, igicurangisho kirazenguruka kuri iri Jambo? Uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi!

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose,

Na. . . (We, Ijambo!). . . Nzamuhimbaza igihe cyose, igihe cyose (Ni iki Yakoze?),

Kuko Yanshyize (inyuma ya rido) mu bwigenge!

Imana ihimbazwe! Ndamukunda. Muramukunda, si byo? [Iteraniro riravuga riti: “Amina.” - N.D.E.] Si iby'ijuru? [Amina!] Nkunda ibyo bintu bihagarariye Ijambo, murabona, Umwuka Wera uza muri ubwo buryo woroheje cyane, uciye bugufi cyane. Mu by'ukuri ndabikunda. Yoo! mutekereze gake!

Ku rundi ruhande rwa Yorodani

(ndi hafi kuhagera, ubu)

Mu byiza. . . (bidapfa) bya Edeni. . .

(Ni iki nzahabona?)

Aho Igiti cya. . . (cyari mu ngobyi ya Edeni)

cyirabya indabyo,

Nzahabona ikiruhuko.

Murashaka kujyayo? Amena iminyururu yose.

Yesu amena (imihango yose) iminyururu yose,

Yesu amena iminyururu yose (amadini yose, amahame yose),

Amena iminyururu yose,

Kandi Anshyira mu bwigenge!

191 Imana ihimbazwe! Mbega ukuntu mukunda. Ntibitangaje ko Yesaya yavuze ati: Ni Umujyanama, Umwami w'Amahoro, Imana Ishobora Byose, Data Uhoraho, Uhebuje!

Yesu kuri njye, arahebuje, arahebuje,

Umujyanama, Umwami w'Amahoro, Imana Ishobora Byose

Yoo! Arankiza, Andinda icyaha cyose n'igisuzuguriro,

Umucunguzi wanjye, arahebuje, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

Oh! La la! Bititiza umutima wanjye. Mbega ukuntu Ahebuje! Ndabibabwiye, nta herezo Ibi bifite! Igihe nahinjiye, hashize imyaka mirongo itatu n'itatu, ni gutya niyumvuga. Kandi Atinze, umunsi umwe, nzafunga amaso kandi nzagenda gutya ndetse. Amina!

Yesu kuri njye, arahebuje, arahebuje,

Ni Umujyanama, Umwami w'Amahoro,

Imana Ishobora Byose.

Arankiza, Andinda icyaha cyose n'igisuzuguriro,

Umucunguzi wanjye arahebuje, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

192 Nshobora kumara umunsi wose mvuga kuri ibyo aho imbere. Pawulo yaravuze ati “Nindirimba, nzaririmbira mu Mwuka.” Yego, “Nimbwiriza, nzabwiriza mu Mwuka. Ningenda, nzagenda mu Mwuka. Nimvuga, nzavuga mu Mwuka.” Reka byose bikorwe n'Ijambo ndetse n'Umwuka. Yego, yego. Amina! Ibi byose, ni Ukuri kw'Imana.

Ndayibona, Imana Ishobora Byose, ihishuye. Ndayibona ikuraho amahame, amadini; ikuraho abashidikanya, gahunda zo kwigisha, n'ibindi byose; yigira imbere, ahagarara aho. Muratekereza ko amahame aba yarashoboye kumutsinda? Muratekereza ko amadini aba yarashoboye kumutsinda? Muratekereza ko Ishyirahamwe ry'isi rishobora kumutsinda? Yanesheje byose, yamenaguye iminyururu yose, yafunguye ikuzimu h'abapfuye; Yakuyeho ikimenyetso, Yinjjiye mu Wera w'abera; Yatwihishuriye nk'Ijambo, uhora uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. Amina. Ndamukunda.

193 Noneho, kugeza igihe turi bubonanire iyi nyuma ya saa sita, turashaka gukora ikintu kimwe, kandi ni:

Gumana Izina rya Yesu,

O wowe, mwana wamenyereye agahinda n'umubabaro

Azaguha ibyishimo kandi aguhumurize

Yoo! gumana na ryo ahantu hose ujya.

Izina ry'igiciro, Izina ryoroheje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru;

Izina ry'igiciro. . . (Yego, ndarifite ubu)

. . . Izina ryoroheje cyane!

Ibyiringiro by'isi na. . .

[Mwene Data Branham avugisha umuntu ku ruhimbi. - U.I.]

Niba Satani agerageza kubagerageza, kandi mukabona icyo kintu atari ukuri, muzamwereka Ijambo, nk'uko Yesu yabikoze. Murabona? Murabona? Amina!

Duciye bugufi mu Izina rya Yesu,

Dupfukamye ku birenge Bye,

Mu Ijuru, tuzamwambika ikamba ry'Umwami w'abami,

Igihe urugendo rwanyu ruzarangira.

Izina ry'Igiciro, Izina ry'igiciro!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru;

Izina ry'igiciro, Izina rituje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru.

194 Billy azaba ari aha, ahagana 18h, aribuhe amakarita yo gusengerwa abari bushake kuza mu murongo w'amasengesho. Ndatekereza ko ari byiza kubikora. Ntitwari dufite intego yo kubikora, ariko kuko hari abanntu benshi, ni byiza kubikora, murabona.

Noneho mumwibuke! Mujye mumugumana igihe cyose mu bitekerezo byanyu, mu mutima wanyu. Ahantu hose mujya, murabona, Mugumane Yesu mu bitekerezo byanyu.

Gumana Izina rya Yesu (noneho mwumve),

Nk'ingabo irwanya umutego wose (ni iki kizaba?)

Igihe ibigeragezo bibugarije (ni iki tugomba gukora?),

Muvugire gusa mu matama iryo Zina Ryera musenga.

Izina ry'igiciro, Izina ry'igiciro, Izina rituje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru!

Izina ry'igiciro, Izina rituje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru.

Noneho, twubike umutwe. Ngiye gusaba umushumba kwemera kuza agasoza iteraniro. Mwene Data Neville, Imana iguhe umugisha, Mwene Data Neville.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7